
# Imvaho Nshya


*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

**Nº 5168 TARIKI 25 GASHYANTARE 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw**





**AMAKURU**
Imyanzuro y'Umushyikirano wateranye ku nshuro ya 20

6

**UBUKUNGU**
Pariki y'Igihugu y'Akagera yinjirije u Rwanda asaga miliyari 7,2 Frw mu 2025

14

**AMAKURU**
Hope Haven Christian School na Rwanda Coding Academy begukanye amarushanwa ya Robots na AI

26

**MU NTARA**
Ruhango: Uwaretse akazi i Burayi yoroye ingurube zimwinjiriza miliyoni 3 Frw

30


# Imyaka 25 ya Mituweli nk'inkingi y'ubuzima

NTAWITONDA Jean Claude

**"Niba hari ibintu Leta y'u Rwanda yakoze mu myaka 31 ishize Igihugu kibohowe, ushobora no kubarira ku rutonde rw'ibintu byageze ku muturage wese, Ubwisungane mu Kwivuza (Mituweli) buza ku rutonde rw'ibiza imbere."**

Iyo mvugo idaciye ku ruhande ya Minisitiri w'Ubuzima Dr. Nsanzimana Sabin, ishimangira impamvu icyizere cyo kubaho mu Rwanda cyavuye munsi y'imyaka 30 kikagera ku myaka 70 kivuye hasi cyane mu myaka 31 ishize, nk'uko bigaragazwa n'imibare y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda

KOMEZA KU RUP.3

## Irushanwa rya PISA rizafasha u Rwanda kunoza ireme ry'uburezi



**Dr. Bahati Bernard, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA)**

KAYITARE Jean Paul

*Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibizamini n'Ubugenzuzi bw'Amashuri (NESA) n'abafatanyabikorwa bayo bunguranye ibitekerezo kuri gahunda mpuzamahanga yo gusuzuma ubumenyi n'ubushobozi by'abanyeshuri (PISA), hagamijwe kunoza ireme ry'uburezi.*

Byagarutsweho mu nama nyunguranabitekerezo hagamijwe gukusanya ibite-

KOMEZA KU RUP.3

**Ifaranga ry'u Rwanda ryagize umutuzo, agaciro kagabanyutseho 4,40%**



INKURU KU RUP. 20

ATLANTIQUE MICROFINANCE
VOS PROJETS DEVIENNENT RÉALITÉ

# FINANCIAL AFRIK AWARDS 2026:

## AMIFA yahembewe kubaka urwego rw'imari rudaheza muri Afurika




Atlantique Microfinance (AMIFA), ishami rya Banki Nkuru y'Abaturage yo muri Maroc (Groupe Banque Centrale Populaire) ikorera mu bihugu umunani bya Afurika birimo n'u Rwanda, yahawe igihembo cy'ubudashyikirwa mu cyiciro cyo "Kubaka urwego rw'imari rudaheza muri Afurika.

Ni ibihembo bihabwa ibigo by'imari biteza imbere urwego rw'imari ku mugabane wa Afurika byiswe "Financial Afrik Awards 2026", bikaba biheruka gutangirwa mu birori byabereye i Banjul muri Gambia, ku ya 22 na 23 Mutarama 2026.

Atlantic Microfinance For Africa (AMIFA) ni Ikigo cy'Imari gifite imigabane ingana n'amafaranga 897 398 000 dirham angana n'amafaranga y'u Rwanda 354 721 686 644, cyashinzwe na Groupe Banque Centrale Populaire kugira ngo iyobore kandi icunge gahunda zayo zo guteza imbere ibigo by'imari nto n'iciriritse muri Afurika.

Kugeza ubu, amashami ya AMIFA aboneka cyane mu bihugu umunani bya Afurika ari byo Burkina Faso, Côte d'Ivoire, Gabon, Guinea, Madagascar, Mali, Rwanda na Senegal.

Icyo gihembo cy'ubudashyikirwa cyahawe Groupe BCP gishimangira ukwiyemeza no kudatezuka kwa AMIFA mu kwimakaza urwego rw'imari rudaheza n'umusaruro ufatika mu kunoza uburyo bwo kugeza imari ku bigo bito n'ibiciriritse hamwe n'abaturage badafite igishoro gihagije mu Turere twinshi tw'Umugabane wa Afurika.



Bwana Mouhssine Cherkaoui, Umuyobozi Mukuru wa AMIFA Holding, amaze kwakira igihembo, yagize ati: "Iki gihembo gishimangira ubwitange n'akamaro k'ingamba za Banki Nkuru y'Abaturage muri Maroc (Groupe BCP), zishyirwa mu bikorwa binyuze mu ishami ryayo rya AMIFA, mu gushyigikira ubufatanye mu by'imari. Bigaragaza umusaruro ufatika w'ibikorwa byacu mu kunoza uburyo bwo kubona imari ku bigo bito n'ibiciriritse ndetse n'abaturage badafite igishoro gihagije.

AMIFA irimo gukora cyane kugira ngo igabanye icyuho cy'amafaranga mu nyungu z'ibihumbi amagana by'abakora mu rwego rw'imari n'ubukungu. Gukomeza gushimangira iterambere mu bihugu bigize Ihuriro ry'Ubukungu n'Imari mu Burengerazuba bwa Afurika (UEMOA), iryo muri Afurika yo Hagati (CEMAC) no mu Nyanja y'u Buhinde. Bigaragaza intego yacu yo kuba muba mbere nk'umufatanyabikorwa nyafurika ukomeye, wiyemeje, kandi ufite inshingano mu mibereho myiza y'abaturage muri Afurika yose."



Yongeyeho ati: "Dutuye iki gihembo abakiliya bacu bose n'abafatanyabikorwa bacu batwiringira, ndetse n'abakozi bacu barenga 1 100 bashyigikira indangagaciro zacu zo kuba hafi abakiliya, gukorana umurava, guhanga udushya, imikorere hamwe n'ubwitange, ishyaka, n'intego buri munsi."

Binyuze muri iki gikorwa cyo gushimira, AMIFA ishimangira umusanzu wayo ufatika nk'umufatanyabikorwa w'ingenzi mu bigo by'imari bito bya Afurika n'intego yayo yo gutanga umusanzu mu buryo burambye mu iterambere ryihariye ry'urwego rw'imari rudaheza, rufata inshingano kandi rwongerera agaciro ubukungu bw'Abanyafurika.

Ibikorwa byo gutanga ibihembo bya Financial Afrik Awards bibaye ku nshuro ya 7, ku nkunga n'uruhare rugaragara rwa Perezida wa Repubulika ya Gambia, Nyakubahwa Bwana Adama Barrow.

Iyi gahunda yashinzwe mu 2018, ikaba yaragiye yigaragaza mu myaka yashize nka kimwe mu bikorwa bikomeye ku bukungu bwa Afurika.

Buri mwaka, ihuza ab'ingenzi bakomeye mu by'imari, ubukungu, na politiki rusange baturutse impande zose z'umugabane, bahuriye ku ntego imwe ari yo gusesengura, kuganira no kwishimira impinduka z'iterambere muri Afurika.

Uretse ibirori byo gutanga ibihembo, Financial Afrik Awards igizwe n'urubuga nyakuri rw'ibitekerezo n'amahirwe, igateza imbere ibiganiro hagati y'abayobozi b'ibigo by'imari, abashyiraho politiki za Leta, abashoramari, ba rwiyemezamirimo, ibigo bishya, n'impuguke, ku ngingo zinyuranye z'iterambere ry'ubukungu n'imari by'umugabane wa Afurika.





# Irushanwa rya PISA rizafasha u Rwanda kunoza ireme ry'uburezi

IBIKURIKIRA URUP.1

kerezo ku bizibandwaho mu gukora ubusesenguzi na raporo y'Igihugu.

Umuyobozi Mukuru wa NESA Dr. Bernard Bahati, yavuze ko iyi nama igamije gufasha abafatanyabikorwa gusobanukirwa amarushanwa y'umwaka ushize (PISA 2025) n'impamvu u Rwanda rwayitabiriye, bityo umusaruro uzava muri PISA 2025 ukazatuma u Rwanda rumenya aho ruhagaze mu burezi ugereranyije n'ubw'urwego mpuzamahanga.

Yagize ati: "Iki gikorwa ni intambwe ikomeye mu kugereranya ireme ry'uburezi bw'u Rwanda n'ibipimo mpuzamahanga. Usibye amakuru y'isuzuma, PISA ikusanya amakuru, ibyifuzo n'imyumvire by'abanyeshuri, bishobora gutanga umusaruro mwiza watuma habaho kunoza imikorere no guteza imbere uburezi."

Ubuyobozi bwa NESA buvuga ko urugendo rw'isuzuma mpuzamahanga rw'abanyeshuri PISA, u Rwanda rwaritangiye mu 2022, kandi ko mu myiteguro yaryo hari ibikorwa byagombaga gukorwa, ubu u Rwanda rugeze kure ibyavuye muri iri suzuma bizagaragarizwa Isi n'Abanyarwanda.

Dr. Bahati yongeyeho ati: "Icyiciro tugezemo ni ingenzi, abana bakoze isuzuma ibyavuyemo birimo gutunganywa, aho tugeze ni ugukora isesengura ry'ibyavuyemo."

Yavuze ko harimo gukusanywa ibitekerezo byo mu burezi n'ibibazo birimo, agasaba buri wese gutanga ibitekerezo bizafasha gukora isesengura, bityo ibiri muri PISA bikazafasha gukemura ibyo bibazo biri mu burezi.

Yagarutse ku ngamba z'uburezi mu myaka itanu, ESSP 2024-2029, harimo kugeza uburezi kuri bose, gutanga uburezi bufite ireme, gukoresha ikoranabuhanga mu burezi no kwita ku myigire y'abana b'abakobwa n'abafite ubumuga.

Ati: "Uko bihagaze ubu ku bana bagomba gutangira ishuri turacyari muri 44.7% mu mashuri y'inshuke, abana 95% bagomba gutangira ishuri, baragenda ariko mu mashuri yisumbuye biracyari ikibazo.

Iyo tudafite abana bose biga bigira ingaruka ku bazakora PISA, aha rero ikibazo gihari ni uko tugifite ikibazo ku bana bajya kwiga mu mashuri yisumbuye."

Agaragaza ko hakiri ikibazo cy'abana bata ishuri n'abasibira. Ku kibazo cy'abana benshi basibira, gahunda ya NESA ni uko muri ESSP imibare izaba iri 15%.

Irushanwa rya PISA rizafasha kumenya aho u Rwanda rugeze no kureba icyahindurwa mu myaka 3 ariko hagamijwe kureba aho rushaka kugera.

Ababashije gukora isuzuma rya PISA mu Rwanda, harimo amashuri 18 mu bigo by'amashuri yigenga, ibigo 2 by'amashuri mpuzamahanga, ibigo 81 by'amashuri ya Leta n'ibindi 112 by'amashuri afashwa na Leta.

Umusaruro wavuye muri PISA 2025, biteganyijwe ko uzatangazwa ku mugaragaro ku wa 08 Nzeri 2026, akazaba ari intambwe ikomeye mu kugereranya ireme ry'uburezi bw'u Rwanda n'ibindi bihugu ku rwego mpuzamahanga, ndetse no kugira impinduka zimwe na zimwe zishyirwaho muri politiki y'uburezi mu Rwanda.

PISA ni isuzuma mpuzamahanga ryashyizweho n'Umuryango Mpuzamahanga w'Ubukungu, Ubufatanye n'Iterambere (OECD), rikaba rikorwa ku banyeshuri bafite imyaka 15 mu bihugu bisaga 90 ku Isi byitabiriye PISA 2025.



**Abayobozi b'ibigo by'amashuri n'ababyeyi bitabiriye inama y'iminsi ibiri ijyanye na PISA**

# Imyaka 25 ya Mituweli nk'inkingi y'ubuzima

IBIKURIKIRA URUP.1

(NISR).

Imwe muri gahunda nyinshi zo kwishakamo ibisubizo nk'Igihugu cyari gifite amateka ashaririye, yari ugushyiraho uburyo bwa magirirane bufasha abakomeye n'aboroheje kugira uburenganzira busesuye kuri serivisi z'ubuzima.

Mu mwaka wa 2000 ni bwo Leta y'u Rwanda yatangije gahunda y'ubwisungane mu kwivuza (Mutuelle de Santé/ Mituweli) yabaye imwe mu nkingi zikomeye zubakiyeho iterambere ry'ubuzima mu Rwanda.

Mituweli yashyizweho hagamijwe koroherezа abaturage kubona serivisi z'ubuvuzi ku giciro gito, yahinduye isura y'ubuvuzi cyane cyane ku baturage bo mu cyaro n'abatishoboye, nk'uko bishimangirwa na Minisitiri Dr. Nsanzimana Sabin.

Ati: "Twese Mituweli turayizi, twavuye ha handi abarwayi baremberaga mu rugo, abantu bativuza, ndetse ukaba utajya no mu bitaro bikomeye ngo ubone ubuvuzi bwisumbuyeho."

Mituweli yatangiye nk'ubwisungane bw'abaturage bushingiye ku bufatanye bw'abaturage n'imiyoborere myiza, nyuma iza gushyirwa mu murongo wa Politiki y'Igihugu y'Ubuzima.

Mu 2015, hashyizweho itegeko rigena imikorere y'ubwishingizi bw'ubuzima bushingiye ku baturage, rishimangira ko buri Munyarwanda agomba kugira ubwishingizi bw'ubuzima.

Mu myaka 25 ishize, umubare w'Abanyarwanda bafite ubwishingizi bwa Mituweli wiyongereye ku kigero kiri hejuru cyane, uyu munsi u Rwanda rukaba ruri mu bihugu byo muri Afurika bifite umubare munini w'abaturage bafite ubwishingizi bw'ubuzima, aho abarenga 80% bagira ubwishingizi binyuze muri Mituweli n'izindi gahunda.

Guverinoma y'u Rwanda ivuga ko ibyo bituma ibihugu byinshi biza kwigira kuri iki gisubizo abenshi babona ko kidashoboka ukurikije umusanzu umuturage asabwa n'ibyo agenerwa.



**Umusaruro wa Mituweli ubonekera mu kuba yarafashije abaturage koroherwa no kugera kuri serivisi z'ubuvuzi**

Serivisi zihabwa abarwayi bivuriza kuri Mituweli zagiye ziyongera, aho zavuye ku kwivuriza ku bigo nderabuzima, hakiyongeraho serivisi baherwa mu bitaro nko kubagwa, gupimwa indwara zitandukanye, kubona imiti ku giciro cyoroheje, mu mwaka wa 2023 hakaba hariyongereyeho na serivisi zabonekaga mu mahanga nko kuvurwa kanseri zinyuranye, kubaga amagufwa, gusimbuza impyiko n'izindi.

Mituweli yagize uruhare rukomeye mu kugabanya imfu z'abana n'ababyeyi babyara, binyuze mu korohereza abagore batwite kubona serivisi zinoze mbere na nyuma yo kubyara.

Indwara nka malariya, igituntu na SIDA zarwanyijwe neza kuko abaturage babonye uburyo bwo kwisuzumisha no kwivuza hakiri kare, bifasha kugabanya uburemere bw'indwara ku muryango no ku Gihugu muri rusange.

Nanone kandi, mbere ya Mituweli, indwara yashoboraga gusenya umutungo w'umuryango kubera kwishyura amafaranga menshi y'ubuvuzi, ariko mu myaka 25 ishize, Mituweli yagize uruhare mu kurinda imiryango kugwa mu bukene buterwa n'amafaranga y'ubuvuzi.

Abaturage bahamya ko bishyura umusanzu muto ugereranyije n'inyungu bawukuramo, bigatuma ubuvuzi butaba umutwaro uremereye ku muryango.

Mituweli yashyize imbere ihame ry'ubwuzuzanye (solidarity), aho abafite ubushobozi burenzeho batanga umusanzu ufasha abatishoboye, na Leta ikishyurira abatishoboye.

Umuyobozi w'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda (RSSB), Rugemanshuro Regis avuga ko kuba u Rwanda rwizihiza isabukuru y'imyaka 25 Mituweli imaze ari ikintu gikomeye kuko itigeze ihaga-

# Agathe Kanziga ntiyari umugore wo mu gikari nk'uko abivuga



Agathe Kanziga, umugore wa Perezida Habyarimana aganira n'urubyiruko akagoreka amateka y'u Rwanda

KAMBANDA Noel

***Icyaha cya Jenoside ni icyaha gikorerwa inyoko muntu gikorwa na Leta n'inzego zayo, bigasaba igihe cyo kuyitegura kuko bisaba kubiba urwango bigakorerwa igice cy'abo bashaka kurimbura.***

Icyiciro cya nyuma cya Jenoside ni ukuyihakana. Guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bigenda byiyongera buri mwaka ndetse uburyo bwo kuyihakana burahindagurika.

Uburyo bumwe bwo kuyihakana ni uguteza urujijo ku kuri kw'amateka ya Jenoside. Akenshi, ubu abahakana n'abapfobya Jenoside batangirana imvugo ngo "ntiduhakana ko habaye Jenoside", bakongeraho ariko... icyo gihe uba uhaye ishingiro Jenoside bivuga ko uba uyihakanye nk'icyaha cyakorewe inyokomuntu.

Biratangaje biranababaje kubona Agathe Kanziga, umugore wa Perezida Habyarimana aganira n'urubyiruko akagoreka amateka y'u Rwanda guhera mu mwaka wa 1962 ubwo yahuraga na Habyarimana kugeza uyu munsi.

Mu kiganiro yahaye umusore muto wavutse mu gihe cya Jenoside ariko agakurira mu bayihakana, Agathe Kanziga yagaragaje ubugome bwe bwo guhakana no gupfobya amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi ariko ntibitunguranye ahubwo dusubize amaso inyuma ku wo Agathe yari we, nubwo yiyita umugore wo mu gikari utarajyaga muri politiki.

Agathe Kanziga yari ku isonga muri politiki y'Akazu, agatsiko k'imbere k'ubutegetsi kari kayoboye cyane imikorere ya politiki, ubukungu n'inzego z'umutekano mu myaka y'ubutegetsi bwa Habyarimana abifashijwemo na basaza be bari ku isonga mu butegetsi nka Col. Elie Sagatwa, Protais Zigiranyirazo, Seraphin Rwabukumba n'abandi.

Ubuhangange n'igitinyiro bya Agathe Kanziga bikomoka ku muryango we mugari. Ni umukobwa wa Gervais Magera, uyu Magera yakomokaga ku Mwami Bushiru Nyamakwa, wari mwishywa wa Suzanne Nyirazuba, nyina wa Juvénal Habyarimana. Bushiru kari Akarere k'inkomoko ya Nyirazuba, mu gihe se wa Habyarimana, Ntibazirikana, yagezeyo nyuma aherekeje abamisiyoneri Gatolika avuye muri Uganda. Habyarimana nta muryango mugari yari afite i Bushiru; nta ba se wabo cyangwa ba nyirasenge yari afite muri ako Karere.

Kumenya inkomoko ya Kanziga ni ingenzi kuko bisobanura impamvu umuryango we wiziritse ku butegetsi ku mpamvu zose harimo no kurimbura Abatutsi nk'umuti wo kuguma ku butegetsi.

Ubugome bwa Agathe Kanziga bwatangiye kujya hanze ku mugaragaro no kuganirwaho mu 1988 nyuma y'iyicwa rya Col Stanislas Mayuya. Nk'uko umwanditsi Gérard Prunier abivuga, Mayuya yishwe ku mabwiriza y'umugore wa Perezida Habyarimana, Agathe Kanziga, mu gukumira ko hagira undi winjira mu ndiba y'ubutegetsi bwo hejuru atari uwo mu 'Kazu.'

**Col. Serubuga,** ni we washyize mu bikorwa uyu mugambi, uwo bohereje kumurasa ku manywa y'ihangu nawe yiciwe muri gereza, bavuga ko yiyahuye. Kwari ukugira ngo atamena amabanga y'akazu ubundi hafungwa inzirakarengane harimo Col. Deogratias Ndibwami n'abandi ubutegetsi butiyumvagamo.

Ubuhamya bwatanzwe imbere y'Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda (ICTR) na Professeur Laurien Uwizeyimana, wo muri Kaminuza Nkuru y'u Rwanda (Université Nationale du Rwanda), bwemeje ko abashinzwe iperereza bashyize ahagaragara uruhare rwa Agathe Kanziga.

Byabaye imyaka 15 nyuma yuko Habyarimana yari afashe ubutegetsi, Kanziga yikangaga ko Col Mayuya ari kugira imbaraga kurusha basaza be mu gisirikare cyane cyane Col Elie Sagatwa.

Mbere yo kuraswa col Mayuya yabanje kurwara yoherezwa mu Bubiligi bikavugwa ko yarozwe. Kurasa Mayuya kwari ugutanga ubutumwa bwa nyirantarengwa ku bantu bose bashakaga kwamamara cyangwa gushaka kujya muri Politiki yo hejuru batari mu 'Akazu'. Sinagaruka ku gashinyaguro Kanziga yakoreye imiryango y'abanyapolitiki b'abanyenduga bishwe acurika amateka.

Usibye kugoreka amateka Kanziga yagaragaje ibinyoma byinshi mu kiganiro aherutse gutanga ku mbuga nkoranyambaga. Yavuze ko indege ikigwa yahamagaye umugore wa Gen Deogratiatia Nsabimana amumenyesha ko yapfuye yongeraho ko atari aziko yari mu bagiye Dar es Salaam.

KOMEZA KU RUP.5

> "Agathe Kanziga ashinjwa ubugome bwatangiye kujya hanze ku mugaragaro no kuganirwaho mu 1988 nyuma y'iyicwa rya Col Stanislas Mayuya. Nk'uko umwanditsi Gérard Prunier abivuga, Mayuya yishwe ku mabwiriza y'umugore wa Perezida Habyarimana, Agathe Kanziga, mu gukumira ko hagira undi winjira mu ndiba y'ubutegetsi bwo hejuru atari uwo mu 'Kazu.' "





IBIKURIKIRA URUP.4

# Agathe Kanziga ntiyari umugore wo mu gikari nk'uko abivuga

Bivugwa ko urutonde rw'abagiyeyo Agathe yari aruzi nubwo nyuma y'imyaka 32 yiyita umugore wo mu gikari.

Mu nyandiko y'ubuhamya izwi nka "Pro Justitia" mu iperereza ku rupfu rw'abasirikare 10 b'ababiligi yakozwe n'urukiko rwa gisirikare rwicyo gihugu bwatanzwe n'abana ba Dr Emmanuel Akingeneye, wari umuganga wihariye wa Perezida Habyarimana ari bo Uwanyirigira Jeanne na Uwimbabazi Marie Claire tariki ya 22 Kamena 1994 saa kumi bemeje ko bageze kwa Habyarimana tariki ya 7 Mata 1994 bazanywe n'abajepe, Kanziga akibabona yababwiye ko batagomba kurira ahubwo bagomba gufata intwaro nkuko umuhungu we Jean Luc Habyarimana yari ayifashe yo mu bwoko bwa R4.

Mu gihe abo bana bari gusenga Agathe Kanziga yasengaga cyane asakuza asaba Imana ngo ifashe Interahamwe kwikiza umwanzi no guha ingabo z'u Rwanda (FAR) intwaro. Icyo gihe bashiki ba Habyarimana babiri b'ababikira bari bahari, abo bakobwa bemeza ko bumvise uwitwa Godeliva avuga ko bagomba kwica Abatutsi.

Muri icyo gihe nkuko byemezwa nabo bakobwa, Agathe Kanziga yakiraga telefone nyinshi harimo iya Pereziza Mobutu na Mitterand ariko hari igihe yajyaga kwitaba telefone agasaba abantu bose gusohoka.

Tariki ya 7 Mata 1994 uko buri munyapolitiki yicwaga bahitaga bahamagara Kanziga maze abari mu ruganiriro bakiyamira nkaho ari ikipe itsinze igitego.

Mu gihe imirambo yabaguye mu ndege yajyanwaga i Kanombe, Dr Baransalitse yigijeyo umurambo wa Agathe Uwiringiyimana maze Jean Luc Habyarimana aravuga ngo arumva yarasa uwo murambo.

Ubugome bwa Agathe Kanziga buzwi n'abari abaturanyi be. Muri filime mbarankuru (documentaire) igaruka ku bajenosideri baba mu Bufaransa yanyuze kuri Televiziyo France 2 tariki ya 28 Kamena 2011, yagarutse ku ruhare rw'abajenosideri baba mu gihugu cy'u Bufaransa nka Charles Twagira, Lt Col Marcel Bivugabagabo, na Agathe Kanziga.

Iyi filime mbarankuru ifite umwihariko ko abayikoze baje mu Rwanda bagafata ubuhamya bw'abarokotse bashinja abo bajenosideri noneho bagasubira mu Bufaransa bakabereka ibyo abatangabuhamya babashinja na bo bakagira icyo bavuga.




Florence wari umuturanyi wa Agathe Kanziga

Tugarutse kuri Kanziga yashinjwe na Florence wari umuturanyi we i Kanombe. Abatutsi bari batuye hafi na Habyarimana i Kanombe bishwe bataramenya n'icyabaye, baheruka babona ikintu kigwa ubundi bahita bicwa.

Nkuko umutangabuhamya witwa Florence wari uturanye na Agathe Kanziga yabitangaje muri iyo documentaire, umuryango we w'abantu 16 wishwe indege ikimara kugwa akagaruka ku bugome bwa Agatha Kanziga wohereje abasirikare barindaga Perezida Habyarimana bakabakusanya bakabazana ku kiraro cy'ingurube za Agathe Kanziga bakabica urw'agashinyaguro.

Florence wabashije kurokoka wenyine yahuzwe ibice bya Kanombe ajya gutura mu Ntara dore ko anafite ibikomere by'imipanga y'abajepe n'interahamwe za Kanziga.

Florence yabajijwe ubutumwa yaha Agathe Kanziga baramutse bahuye, aho yagize ati: "Namubwira akicara agasaba Imana imbabazi kuko yaraduhekuye"

Nk'ibisanzwe Agathe Kanziga yeretswe amafoto n'ubutumwa Florence yamugeneye, avuga ko atamuzi kandi ko nta kintu azi cyabaye uwo mugoroba kuko we n'abana be bari bifungiranye mu nzu. Agathe Kanziga agaruka ku mateka yibuka ibyo ashaka akirengagiza ibindi cyane cyane ibijyanye na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 (selective memory).

Buri gihe Agathe Kanziga avuga ko atari kwica Abatutsi kuko bari inshuti ze, imvugo abajenosideri bahuriraho bose, dore ko na Felesiyani Kabuga yabwiye urukiko ko atari kubona imbaraga zo kwica Abatutsi kandi bari abakiliya be na ruharwa Pauline Nyiramasuhuko yabwiye BBC muri 1995 ko usibye no kugira uruhare mu kwica Abatutsi atabona n'imbaraga zo kwica inkoko.

Nyiramasuhuko mu magambo ye bwite yabwiye BBC ati: "Sinashoboraga no kwica inkoko. Haramutse hari umuntu wavuga ko umugore, umubyeyi, ashobora kuba yarishe, nzababwiza ukuri ndetse niteguye kumunyomoza."

Kuri Nyiramasuhuko nta mugore wagira imbaraga zo kwica umuntu. Iki gihe Leta y'abajenosidri yari ifite ubutumwa bwo guhakana no kurwanya imvugo igaragaza ko bakoze Jenoside kuko bo babyitaga isubiranamo ry'amoko.

Imyaka 32 nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, abari ku isonga rya Jenoside nka Agathe Kanziga bagambiriye kugoreka amateka bayabwira urubyiruko dore ko babikora ari nk'umukoro babaraga wo kuzahakana Jenoside yakorewe Abatutsi na bo bakazabiraga abana babo.

Agathe Kanziga si umuntu usanzwe, kandi ntiyigeze aba umugore usanzwe wo mu rugo. Yari ku isonga rya Politiki y'Akazu, akaba ari we washyizemo imiyoborere y'ivangura, igitugu ndetse n'ivangura n'urwango byaganishije kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Biragoye ku bajenosideri kuba bagera ku mugambi wabo wo guhakana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Icyo bagomba kumenya ni uko amateka atazigera ahinduka ngo ajye ku ruhande rw'abahakana n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

> "Nk'ibisanzwe Agathe Kanziga yeretswe amafoto n'ubutumwa Florence yamugeneye, avuga ko atamuzi kandi ko nta kintu azi cyabaye uwo mugoroba kuko we n'abana be bari bifungiranye mu nzu. Agathe Kanziga agaruka ku mateka yibuka ibyo ashaka akirengagiza ibindi cyane cyane ibijyanye na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 (selective memory)."

# Imyanzuro y'Umushyikirano wateranye ku nshuro ya 20




Perezida Paul Kagame mu nama y'Umushyikirano yabaye ku nshuro ya 20

UBWANDITSI

***Umushyikirano wo ku nshuro ya 20 wateraniye i Kigali kuva ku wa 5 kugeza ku wa 6 Gashyantare 2026, uyobowe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y' u Rwanda, Paul Kagame.***

Mu bitabiriye Umushyikirano, harimo abayobozi batandukanye n'abahagarariye abikorera, Abanyarwanda baba mu mahanga, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda n'imiryango mpuzamahanga, n'abandi bafatanyabikorwa n'itangazamakuru.

Mu ijambo ritangiza Umushyikirano, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yibukije akamaro ku ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro iwufatirwamo nk'inkingi mu iterambere ry'Igihugu cyacu mu guharanira kwigira.

Yagarutse kandi ku ruhare rw'abayobozi mu gufasha Abanyarwanda kunga ubumwe, kwigira no kwigirira icyizere. By'umwihariko, yasabye abayobozi kurushaho kunoza imikorere n'imikoranire, bashyira iteka umuturage ku isonga kandi bagahora biteguye kubazwa ibyo bashinzwe.

Ibiganiro byatangiwe muri uyu Mushyikirano byibanze ku ngingo zikurikira:

I. Ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2);

II. Iterambere ry'ubukungu burambye;

III. U Rwanda mu ruhando mpuzamahanga;

IV. Imiyoborere myiza, uburezi n'umurimo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri ibi biganiro, hafashwe imyanzuro ikurikira:

**I. UBUKUNGU**

1. Kunoza itegurwa n'ikurikirana ry'imishinga kugira ngo irangire ku gihe cyateganyijwe, igere ku ntego zayo kandi ababishinzwe bakabibazwa.

2. Gukomeza guteza imbere ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro no kuyongerera agaciro.

3. Gushimangira ingamba zo kongera umusaruro w'ubuhinzi n'ubworozi, hongerwa ifumbire n'imbuto z'indobanure, serivisi zo kuhira no gutera intanga hifashishijwe ikoranabuhanga.

4. Gufasha by'umwihariko inganda, hagamijwe kongera umusaruro n'ubushobozi bwo guhatana ku isoko, kongera agaciro k'ibyo zikora no gukemura ikibazo cy'ibyo gupfunyikamo ibicuruzwa.

5. Gukemura ibibazo bikigaragara muri za One Stop Centres binyuze mu kunoza no koroshya inzira n'amabwiriza no gukangurira abaturage kumenya neza ko izi serivisi zibaho.

6. Kwihutisha ibikorwa byo guhuza SACCO ku rwego rw'Uturere no ku rwego rw'Igihugu.

**II. IMIBEREHO MYIZA**

7. Kurushaho kunoza ingamba zo kuzamura ireme ry'uburezi kugira ngo buhuzwe n'ibikenewe ku isoko ry'umurimo, guteza imbere impano z'abanyeshuri no kunoza by'umwihariko imyigishirize y'indimi cyane cyane Icyongereza.

8. Guteza imbere ibikorwa by'imyidagaduro by'urubyiruko, impano zarwo no kurwongerera ubumenyingiro n'ubushobozi birufasha kubona imirimo no kwiteza imbere.

9. Gufasha urubyiruko kwidagadura, kuruhugura mu myuga itandukanye, guhanga no kuzamura impano zarwo.

**III. IMIYOBORERE**

10. Gukomeza kunoza itegurwa ry'imihigo hagamijwe gukemura ibibazo by'abaturage, gutanga serivisi nziza no kunoza umurimo.

11. Kunoza ingamba zo kwegera abaturage no kubafasha guhindura imyumvire kugira ngo barusheho kugira uruhare mu ikemurwa ry'ibibazo bikibangamiye imibereho myiza n'iterambere.

12. Gushyira imbaraga mu ngamba zo gukumira ikibazo cy'inda ziterwa abangavu, abana bata ishuri n'ikoreshwa ry'inzoga n'ibiyobyabwenge.



Abitabiriye Umushyikirano ni abayobozi bakuru mu nzego zitandukanye, Abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, Abanyarwanda baba hanze, Abahagarariye imiryango mpuzamahanga n'abandi





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

### *Kwisanga Iwawa si byiza ariko birakwiye*

Iyo abantu bumvise ngo umusore, inkumi cyangwa umusaza runaka yajyanywe Iwawa cyangwa ahitwa 'Kwa Kabuga', ikiza mu mutwe cya mbere ni uko uwo muntu adashobotse, bityo agiye kwitabwaho, akagororwa hakurikijwe amategeko, ari byo guhanwa.

N'abajyanwayo ubwabo baba bafite ubwoba bwinshi bibwira ko ubuzima bwabo bujyanywe mu mwijima, kandi ari bwo bugiye kubona umucyo n'amahoro butigeze ku bemeye kugororwa.

Uburyo Guverinoma y'u Rwanda ishyira imbaraga mu kubaka abaturage bazira amakemwa biratangaje, kandi bigaragaza kureba kure bituma ahazaza h'Igihugu hakomeza kubungabungwa nta n'umwe usigaye, ahubwo buri wese ayoborwa mu cyerekezo kizima.

Kwita ku rubyiruko rwasabitswe n'ingeso mbi zirimo no kunywa ibiyobyabwenge bifasha u Rwanda gukomeza kubaka iterambere ry'ibifatika ariko rutirengagije n'abapfusha igihe cyabo ubusa mu bitagira umumaro.

Abenshi mu bagororerwa Iwawa kwa Kabuga n'ahandi usanga ari urubyiruko rwagiye rufatirwa mu bikorwa birwangiza bidasize n'umuryango mugari.

Abenshi bajyanwa mu magororero ntabwo baba bumva neza impamvu bakuwe mu buzima bumvaga ko ari bwo bubabereye, ariko nyuma yo kuganirizwa n'abahanga mu mitekerereze basanga ko bayobye ndetse n'igitekerezo bari bafite ku bigo ngororamuco bigahinduka.

Nubwo buri wese yakabaye yirinda inzira imwerekeza mu bigo ngororamuco no ku magororero muri rusange, imibanire y'abantu n'imyigire yabo yo kubaho ituma bamwe bagwa mu makosa n'ibyaha bituma bahisanga.

Leta y'u Rwanda ishyira imbaraga nyinshi muri ibi bikorwa byo kugorora kutagamije guhana gusa ahubwo kunagamije no kubaka ahazaza h'abiyangiza kuko na bo umusanzu wabo urakenewe ku iterambere ry'Igihugu.

Intego nyamukuru y'ibigo ngororamuco si uguhana gusa, ahubwo ni ukwigisha no gufasha abagororwa guhindura imitekerereze. Hashyirwa imbaraga mu nyigisho zibafasha gusobanukirwa amategeko, kubaha uburenganzira bwa muntu no kwirinda kongera gukora ibyaha.

Mu rwego rwo kubategura gusubira mu buzima busanzwe, abafashirizwa mu bigo ngororamuco bahabwa amahugurwa atandukanye arimo imyuga n'ubumenyi ngiro nko kudoda, ububaji, ubuhinzi n'ubworozi. Ibi bibafasha kubona ubumenyi bubinjiriza, bikagabanya ibyago byo gusubira mu byaha.

Ibi bigo kandi bifasha Igihugu muri gahunda yo guteza imbere imyuga n'ubukungu bushingiye ku bumenyi ngiro. Nubwo bidakwiye kwisanga Iwawa, ariko iyi gahunda iri imbere mu gushyigikira Politiki y'iterambere ritagira n'umwe risiga inyuma kubera imyitwarire cyangwa amakosa yaguyemo.

**Ubwanditsi**

# Sobanukirwa 'Digital Trust Seal', ikirango gihabwa abacururiza kuri interineti




Ikirango gihabwa abacururiza kuri interineti gituma bagirirwa icyizere

KAMALIZA Agnes

***Digital Trust Seal ni ikirango mpuzamahanga cy'ubuziranenge cy'ikoranabuhanga gihabwa ibigo n'abikorera batangira serivisi kuri interineti, kigaragaza ko bujuje ibyangombwa by'ubuziranenge bw'ibyo bakora kandi byizewe haba mu Rwanda no ku rwego mpuzamahanga.***

Binyuze mu kigo cy'Igihugu cy'Ubuziranange (RSB) icyo kirango gitangwa n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe isuzuma rya Porogaramu za mudasobwa (Rwanda Software Testing Qualification Board), kikaba gishingiye ku Muryango Mpuzamahanga ushinzwe isuzuma rya porogaramu za mudasobwa (International Software Testing Qualifications Board, ISTQB).

Kugira ngo uhabwe icyo kirango bisaba kuba wujuje ibyangombwa bisabwa byose bitangwa n'izindi nzego za Leta bikwemerera gukora kandi ntigisimbura ibyo byangombwa.

**Igisabwa ngo uhabwe ikirango**

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Isuzuma rya Porogaramu za Mudasobwa, Nkusi Robert Ford, yabwiye Imvaho Nshya ko mbere yo guhabwa icyo kirango habanza gukorwa ubugenzuzi bugaragaza ko wujuje ubuzirange bw'ibyo utanga kandi uri urwego rwemewe, nyuma RSB igakora irindi genzura rya nyuma ukaba wagihabwa.

Yagize ati: "Abo bantu tubakorera ubugenzuzi tukareba niba nta bujura kandi bikorwa mu buryo bwizewe kuko icyo kirango ni icyizere. Kugira ngo turebe ko ibyo waduhaye byuzuye dukora ubugenzuzi ku rwego rw'Igihugu dukorana na RSB nyuma nayo ikazakora ubugenzuzi yamara kubona wujuje ibisabwa ukabona ikirango."

Icyo kirango gitangwa buri nyuma y'imyaka ibiri, Nkusi agaragaza ko utagifite ahomba icyizere cy'abakiliya haba mu Rwanda no ku rwego Mpuzamahanga, bikaba byatuma abura n'amasoko.

Yagize ati: "Amahirwe yo kubona akazi ariyongera iyo ufite ikirango."

Ikigo cy'ikoranabuhanga mu micungire y'abakozi n'imishahara (HR& Payroll) mu Rwanda, Netpipo gihamya ko hari abakiliya n'amasoko cyahombye kizira kutagira ikirango cyizewe ku rwego mpuzamahanga.

Umuyobozi Mukuru wa Netpipo, Muhire Frederic avuga ko nubwo hari amasoko y'amasosiyete manini bahombye, ariko icyo kirango kije gukuraho impungenge zajyaga zigaragazwa n'abakiliya ku mutekano w'ibyo bakorerwa.

Yagize ati: "Hari umukiliya twabonye ari kutugenzura asanga ntabwo dufite ISO Certificate na Trust Seal bituma tubura iryo soko. N'uyu munsi iyo ubwiye umukiliya ibyiza bya software yawe hari ubwo abishima ariko akagaragaza impungenge ku mutekano w'amakuru ye azashyiramo."

Muhire yemeza ko nyuma y'izo nzitizi byatumye ahagurukira gushaka icyo kirango, kandi yizeye ko nyuma yo kukibona azava ku masosite 18 yakoreshaga software yabo n'abakozi 4 800, akaba amasosiyete 500 mu mwaka umwe.

Yongeyeho ati: "Nyuma yo kubona ikirango tuzongera umubare w'abakiliya dufite kandi Leta iri kudufasha gutuma twizerwa kurushaho."

Digital Trust Seal mu Rwanda imaze guhabwa sosiyete zirenga 16, ziri mu byiciro birimo ubucuruzi bushingiye ku ikoranabuhanga, uburezi, ubuvuzi ndetse no mu by'imari.

Ni mu gihe u Rwanda rwabaye umunyamuryango w'Ishami ry'Umuryango Mpuzamahanga ushinzwe isuzuma rya porogaramu za mudasobwa, (ISTQB) rwawinjiyemo mu 2023, ari igihugu cya 68 muri 73 biwugize.

# RWACOF yizihije imyaka 30 itangije uburyo bushya bw'imikoranire na ba nyir'inganda zitunganya ikawa



Emmanuel Akiba, Umuyobozi ushinzwe ibikorwa muri RWACOF

KAMALIZA Agnes

***RWACOF, imwe mu masosiyete akomeye akora ibijyanye n'ikawa mu Rwanda, yizihije imyaka 30 imaze ikorera mu gihugu itangiza uburyo bushya bw'imikoranire na ba nyir'inganda zitunganya ikawa, bugamije kugabanya ingaruka, kongera ubunyamwuga ndetse no gushimangira umurongo ngenderwaho kandi uhamye mu guhuza urujya n'uruza rw'agaciro k'ikawa.***

Iyo sosiyete yashinzwe mu mwaka wa 1996, imaze kwiyubaka nk'ikigo cya mbere mu Rwanda gitunganya kandi cyohereza ikawa yo mu rwego rwo hejuru ku isoko mpuzamahanga kandi gikorana bya hafi n'abahinzi, inganda zitunganya ikawa ndetse n'abandi baturarwanda.

Nk'imwe mu mashami ya sosiyete mpuzamahanga izwi kw'izina rya Sucafina, RWACOF ivuga ko iri kwibanda cyane mu gushyira imbere imikorere itekanye kandi iri mu buryo cyane ko muri iki gihe urwego rw'ikawa rukomeje guhura n'imbogamizi zirimo ihindagurika ry'ibiciro ku isoko, ibibazo by'amafaranga mu mikorere ya buri munsi ndetse n'ubucuruzi bushingiye ku bihuha.

**Impinduka mu buryo bwo gucunga ibyago, ingaruka mbi n'ibihombo by'isizeni y'ikawa**

Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ibikorwa muri RWACOF, Emmanuel Akiba, yavuze ko ba nyir'inganda zitunganya ikawa benshi bagikora bafite impungenge zishingiye ku byago byo mu gihe cy'isizeni y'isarura ry'ikawa.

Yagize ati: "Ba nyir'inganda zitunganya ikawa bafite uruhare rukomeye mu rwego rw'ikawa, ariko akenshi ni bo bagirwaho ingaruka nyinshi z'imari n'isoko. Ubu buryo bushya bugamije kuzigabanya."

Muri iyi mikoranire mishya, RWACOF itanga inkunga iteguwe neza yo kugura ibitumbwe by'ikawa, ikemera kwakira ikawa yose y'amaganda yatunganyijwe, bityo igakuraho igitutu n'ingaruka ziterwa n'ubucuruzi bushingiye ku bihuha. Abafatanyabikorwa na bo biyemeza gukorera ku mahame asobanutse y'imikorere, ubunyamwuga ndetse no gukorera mu mucyo.

RWACOF kandi ivuga ko ubu buryo bugamije gukuraho imikoranire y'igihe gito kandi ishingiye ku bucuruzi butarambye, hagamijwe kubaka umubano w'igihe kirekire ushingiye ku kwizerana ndetse no guhozaho.

Akiba yongeyeho ati: "Ubu bufatanye butuma ba nyir'inganda zitunganya ikawa bibanda cyane mu kunoza imikorere ndetse no kwita ku buziranenge bw'ikawa, RWACOF yo ikibanda cyane mu gutanga uburyo busobanutse bw'imikorere, uburyo bwo kubona isoko y'ikawa ndetse n'imikorere idahindagurika."

**Kubaka urwego rw'ikawa rwuje ubunyamwuga**

RWACOF ivuga ko intego y'iyi mikoranire itagarukira gusa mu kwagura ibikorwa byayo, ahubwo igamije gutanga umusanzu mu kubaka urwego rw'ikawa rufite ubunyamwuga kandi ruhamye mu Rwanda.

Mu bihe biri imbere, iyi sosiyete irateganya kwagura umubare w'inganda zitunganya ikawa z'abafatanyabikorwa, ikomeza gushora imari mu ikoranabuhanga rishyigikira gukurikirana inkomoko y'ikawa, kugenzura ubuziranenge ndetse no kubaka umubano urambye.

Yakomeje agira ati: "Mu gihe twizihiza imyaka 30, icy'ingenzi ni ukwibanda ku kubaka uburyo bukomeye bw'imikoranire buzafasha igisekuru cy'ahazaza cy'abashoramari mu ikawa."

RWACOF ishimangira ko ejo hazaza h'urwego rw'ikawa mu Rwanda hazubakwa binyuze mu bufatanye ndetse n'imikoranire by'abafatanyabikorwa batandukanye.



U Rwanda na Denmark, ni ibihugu bikomeje kwagura umubano n'ubufatanye

# Denmark yafunguye Ambasade i Kigali yiyemeza kwagura ubufatanye

ZIGAMA Theoneste

***Igihugu cya Denmark cyafunguye ku mugaragaro Ambasade i Kigali mu kurushaho gushimangira umubano ibihugu byombi bisanzwe bifitanye no kwagura ubufatanye mu nzego zitandukanye.***

Gufungura iyo Ambasade byabaye ku mugoroba wo ku tariki ya 16 Gashyantare 2026, byitabirwa na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga w'u Rwanda, Olivier Nduhungirehe na mugenzi we wa Denmark, Lars Løkke Rasmussen.

Minisitiri Nduhungirehe yashimye umubano ushingiye kuri dipolomasi ukomeje gushinga imizi hagati y'ibihugu byombi, anashimangira ko u Rwanda ruzakomeza gukorana na Denmark mu mishinga ibyara inyungu.

Denmark yafunguye ambasade yayo mu Rwanda muri Kanama 2025, igena Casper Stenger Jensen nka ambasaderi wayo wa mbere mu Rwanda. Yashimangiye ko bifuza gukomeza kwagura umubano n'ibihugu bitandukanye.

Ibihugu byombi bisanganywe umubano urangwa n'ubutwererane buhamye mu nzego zitandukanye zirimo iterambere, guhangana n'imihindagurikire y'ibihe, ibijyanye no kwita ku bimukira n'impunzi n'ibindi.

Muri Mata 2021 ni bwo Minisitiri ushinzwe Ubutwererane mu Iterambere Møller Mortensen na Minisitiri ushinzwe Abimukira no kubasubiza mu buzima busanzwe Mattias Tesfaye basuye u Rwanda, basinya ku masezerano y'ubufatanye mu kwita ku bimukira n'abasaba ubuhungiro ndetse n'andi y'ubutwererane mu bya Politiki.

Icyo gihe ibihugu byombi byiyemeje kurushaho kwimakaza ubutwererane mu nzego zitandukanye zigamije gushyigikira iterambere ry'u Rwanda mu bukungu na sosiyete, harimo n'inzego zo guhangana n'imihindagurikire y'ibihe, imiyoborere myiza n'izindi zishyigikira amasezerano yasinywe.


Kuri ubu Denmark iri mu bihugu bitera inkunga inkambi y'agateganyo ya Gashora icumbikira abimukira n'abasaba ubuhungiro baturuka muri Libya bategereje kwimurirwa mu bihugu byemera kubakira hanze y'Afurika.

Mu rwego rw'ubutabera, Denmark yohereje u Rwanda abantu babiri bakekwaho kugira uruhare muri Jenoside yakorerewe Abatutsi mu 1994, ari bo Emmanuel Mbarushimana woherejwe mu 2014 na Wenceslas Twagirayezu woherejwe mu 2018.





# Perezida Ndayishimiye muri AU asabwa kwifata ku bibazo by'Akarere



Perezida Ndayishimiye na Tshisekedi bagayirwa kwimakaza Politiki ishyira imbere ivanguramoko n'amacakubiri

NTAWITONDA Jean Claude

***Umwaka wa 2026 wabaye uw'amateka ku Burundi kuko ni bwo bwa mbere bugeze ku buyobozi bw'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU) ibihugu 55 bihuriye muri uyu Muryango bisimburanaho buri mwaka kuva mu mwaka wa 2002 ubwo wasimburaga OUA (Organisation de l'Unité Africaine) yashinzwe mu 1963.***

Muri iyo myaka ishize, AU ishyize imbere intego umunani z'ingenzi ari zo ubumwe n'ubusabane, amahoro n'umutekano, iterambere ry'ubukungu, kurengera ubusugire n'ubwigenge, guteza imbere demokarasi n'uburenganzira bwa muntu, kwihutisha uburezi n'ubumenyi, no gukemura ibibazo rusange.

Kugeza n'uyu munsi, izi ntego zakomeje guharanirwa ariko impungenge nyinshi zazamutse ku wa 15 Gashyantare 2026 ubwo byemezwaga ko Perezida w'u Burundi Ndayishimiye Evariste yemejwe nk'umuyobozi ugezweho mu kuyobora uyu Muryango muri manda y'umwaka umwe.

Impuguke mu bya Politiki nubwo zishimangira ko icyerekezo cya AU kitazahinduka ariko gishobora gukererezwa n'ubuyobozi bufite indangagaciro zigongana na cyo.

Impungenge zirashyirwa by'umwihariko ku ngaruka bishobora kugira ku mpinduka zazanye n'umuvuduko ukomeye by'umwihariko mu mwaka wa 2017 ubwo Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yashinzwe kuyobora itangira ry'amavugurura y'inzego, mu mwaka wakurikiyeho aba ari na we utahirwa kuyobora uwo Muryango.

Kuva icyo gihe, hari amavugurura y'inzego yatangiye kandi Perezida Kagame atanga umukoro ukomeye wo gushyira imbaraga mu gushyira ku murongo AU cyangwa se ikazagwa mu byago byo gutakaza agaciro kayo.

Muri Raporo yise "The Imperative to Strengthen Our Union" (Igisabwa ngo dukomeze Ubumwe bwacu), Perezida Kagame yagaragaje ko umuryango ufite intege nke zo kudindizwa n'imikorere y'inzego, kwishingikiriza cyane ku nkunga z'amahanga ifata hejuru ya 60% ndetse n'umuzigo w'imyanzuro irenga 1 500 itarashyirwa mu bikorwa.

Nk'uwayoboye Amavugurura nyuma akanayobora AU, Perezida Kagame yashyize imbaraga nyinshi mu kugaragaza icyo uyu Muryango ukwiye kuba cyo, hashyirwaho uburyo bufasha uyu Muryango kugabanya kwishingikiriza ku nkunga z'amahanga, ibigo bimwe na bimwe birahuzwa, inzego zirushaho kongererwa ubushobozi n'abakozi, Imiryango y'Ubukungu y'Uturere irushaho guhabwa ikaze.

Umwihariko washyizwe cyane ku kurushaho kwimakaza amahoro n'umutekano ku Mugabane udahwema guhura n'inzitizi z'amakimbirane ashingiye ku moko, ihirikwa ku butegetsi n'ibindi bibazo by'imbere mu gihugu.

Kugeza n'uyu munsi ibibazo by'amahoro n'umutekano biracyakomeje kwiyongera mu bice bitandukanye bya Afurika harimo n'Akarere k'Ibiyaga Bigari u Burundi buherereyemo.

Guverinoma y'u Burundi yiyemerera ko yatanze abasirikare babarirwa mu 20 000 bagiye gufatanya n'imitwe yitwaje intwaro, abacanshuro n'Ingabo za Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) kurenganya Abanyekongo b'Abanyamulenge n'abo mu bwoko bw'Abatutsi by'umwihariko.

Mu gihe ishyirwa mu bikorwa ry'amavugurura rikomeje kudindira, umutekano n'amahoro muri Afurika na wo ukomeje kuba ingorabahizi, Ndayishimiye ayoboye mu gihe na we avugwaho uruhare mu ntambara zo mu Burasirazuba bwa RDC.

Guverinoma y'u Rwanda yamaganye ukwivanga k'u Burundi mu bikorwa by'ivanguramoko no gukorana n'umutwe wa FDLR binyuze mu gufatanya na Guverinoma ya RDC iwutera inkunga byeruye, ikaba inasaba ko mu gihe abaye Umuyobozi wa AU kwifata ari yo mahitamo mazima.

KOMEZA KU RUP.10

> "Guverinoma y'u Burundi yiyemerera ko yatanze abasirikare babarirwa mu 20 000 bagiye gufatanya n'imitwe yitwaje intwaro, abacanshuro n'Ingabo za Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo kurenganya Abanyekongo b'Abanyamulenge n'abo mu bwoko bw'Abatutsi by'umwihariko."

IBIKURIKIRA URUP.9

# Perezida Ndayishimiye muri AU asabwa kwifata ku bibazo by'Akarere




Perezida Ndayishimiye yasimbuye mugenzi we João Manuel Gonçalves Lourenço wa Angola ku buyobozi bwisubira bwa AU

U Burundi ni Igihugu Imiryango Mpuzamahanga iharanira burenganzira bwa Muntu ibona nk'icyugarijwe n'ibibazo bikomeye by'umutekano na Politiki byateye ubuhunzi kugeza n'uyu munsi hakaba hari abaheze ishyanga guhera mu 2015.

**Akaga ko kuyobora AU utera inkunga umwiryane**

Inkuru zagiye zicicikana mu bihe bitandukanye ko Perezida Ndayishimiye w'u Burundi yafatanyije na Perezida Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo wa RDC mu buryo bwa gisirikare, imiryango irengera uburenganzira bwa muntu ikaba ibona izo ngabo kwifatanya n'imitwe yitwaje intwaro byateje ingorane mu Banyamulenge bo mu Ntara ya Kivu y'Amajyepfo, bigira uruhare mu kwimura abaturage benshi, gutwika imidugudu no gusahura inka.

Imvugo ya Perezida Tshisekedi ubwayo yateye impungenge abadipolomate. Yavuze ku mugaragaro ko bamwe mu baturage be ari "abanyamahanga" kandi ko abagore bakomoka mu bihugu bituranye ari abagizi ba nabi, mu gihe ari we ufatanya n'abarimo Perezida Ndayishimiye mu gukomeza kurenganya abaturage b'Igihugu ayoboye.

Perezida Tshisekedi ubu afite uruhare rukomeye ku rwego mpuzamahanga, harimo ubuyobozi mu Nama Mpuzamahanga y'Akarere k'Ibiyaga Bigari (ICGLR), n'umwanya usimburana mu Kanama k'Umutekano k'Umuryango w'Abibumbye.

Kuba aba bayobozi bafatanyije mu miyoborere yimakaza amacakubiri n'ivanguramoko, impuguke mu bya Politiki mpuzamahanga zihamya ko ibi bishobora korohereza ibikorwa by'ubuhezanguni mu gihugu binyuze ku mbuga mpuzamahanga.

Imyumvire nk'iyo ifitanye isano no kuba u Burundi bwarafunze umupaka wabwo n'u Rwanda kuva mu 2024, bugabanya ubucuruzi ndetse bunatandukanya imiryango y'abaturage bashyingiranywe bakaba banafitanye amateka ahambaye mu bihugu byombi.

Mu mpera za 2025, u Burundi bwafunze inzira zijya muri Congo, mu rwego rwo gukomeza gukumira amahirwe yose yafasha abaturage kugenderanira mu mahoro. Ibyari uguhuza abaturage b'Akarere bisigaye byarahindutse ukubatandukanya gusa.

Umusesenguzi wa Politiki y'Akarere ukorera i Nairobi muri Kenya yagize ati: "Ibi ni ibinyuranye n'ibyo amavugurura ya AU yari agamije kugeraho. Turimo kureba imipaka yongera kugorana kuyikoresha."

Mu gihe cy'intangiriro z'amavugurura ya Perezida Kagame, ikindi cyari gishyizwe imbere bwari ubuhahirane hagati y'ibihugu byombi, ariko Politiki y'ivangura irushaho gukomeza imikoranire aho kuyoroshya ku baturage b'Akarere, Pasiporo ya Afurika ntizagira agaciro, urujya n'uruza rw'abantu n'ibintu, na dipolomasi igamije kugabanya amakimbirane.

Perezida Ndayishimiye ayoboye icyerekezo cya AU mu gihe abaturanyi be bashinjanya ko bacumbikiye inyeshyamba n'imitwe y'iterabwoba, ndetse na we akaba ari mu bongera lisansi mu muriro.

Insanganyamatsiko yemewe ya AU muri uyu mwaka- amazi n'isuku- ivuga ku bikenewe mu iterambere nyaryo. Ariko byagizweho ingaruka n'intambara mu burasirazuba bwa Congo, umutekano muke muri Sahel n'isenyuka ry'imishinga y'ubukungu ikomeye mu Miryango y'Uturere.

Hagati aho, urubyiruko rwo muri Afurika rurimo kwihuta rugera kuri miliyari 1.2 mu kinyejana cya kabiri, nubwo guhanga imirimo bitinze kandi igitutu cy'abimukira cyiyongera.

Iby'ubukungu bitavuguruwe, impuguke zivuga ko Isoko Rusange rya Afurika (AfCFTA) rishobora kuba indi mihigo itazagerwaho byoroshye, ndetse isoko ry'ubwikorezi bwo mu kirere rikaba umuhigo weshejwe igice kubera ko abayobozi baciye inzira ihabanye n'ibikenewe ku Mugabane ngo icyerekezo cya 2063 kigerweho nta nkomyi.

Ibihugu by'amahanga yo hanze ya Afurika, kuva mu Bushinwa ukageza muri Amerika, bikomeje kwagura ibikorwa byabyo biziba icyuho cyasizwe n'ubufatanye bwa Afurika bwahagaze.

Abashyigikiye amavugurura yo mu gihe cya Perezida Kagame bavuga ko atigeze akora agamije ikuzo nk'umuntu, ahubwo yaharaniye kubaka ibiramba kurusha kumenyekana nk'umuyobozi umwe.

Ikibazo Afurika ihanganye na cyo mu 2026 ni ukumenya niba yongera kwemera icyo cyerekezo cyangwa igakomeza kwigumira mu bihugu bidafite aho bibogamiye.

Ku rubyiruko rwinshi rw'Abanyafurika, ibibazo bumva ko ari ubuzima. Bakuze bumva ubucuruzi butagira imipaka, ingendo z'indege zihendutse n'amahirwe y'umugabane ariko icyo babona cyane ni ukunyura mu nzira zifunze, abasirikare bahirika ubutegetsi bariyongera n'inzego zirwana no gushyira mu bikorwa ibyemezo byazo.

Ikibura ngo Afurika igere ku ntego ni ukwihuta kudashoboka mu gihe abayobozi bashyize imbere amacakubiri n'umwiryane, kuko Afurika idashobora kugira byinshi igeraho mu gihe igenda icikamo ibice.

> "Imvugo ya Perezida Tshisekedi ubwayo yateye impungenge abadipolomate. Yavuze ku mugaragaro ko bamwe mu baturage be ari "abanyamahanga" kandi ko abagore bakomoka mu bihugu bituranye ari abagizi ba nabi, mu gihe ari we ufatanya n'abarimo Perezida Ndayishimiye mu gukomeza kurenganya abaturage b'Igihugu ayoboye."





# Ubutwererane bw'u Rwanda na Misiri bukomeje kwaguka

NYIRANEZA JUDITH

***Umubano w'u Rwanda na Misiri ukomeje kwaguka no kurushaho gushinga imizi mu nzego zitandukanye hashingiwe ku mikoranire n'imigenderanire itanga umusaruro udashindikanywaho mu buzima, igisirikare n'umutekano, ubucuruzi no mu bikorwa remezo.***



U Rwanda na Misiri ni ibihugu bisanganywe umubano, byasinyanye amasezerano y'ubufatanye mu nzego zitandukanye

Kimwe mu bikorwa bifatika bigaragaza umusaruro w'ubutwererane hagati y'ibihugu byombi, ni itangizwa ry'Ikigo MY Heart Centre (Magdi Yacoub Rwanda-Egypt Heart Centre) kizajya gitangira ubuvuzi bw'indwara z'umutima mu cyanya cyahariwe ubuvuzi giherereye i Masaka mu Mujyi wa Kigali.

Iki kigo giteganyijwe gutangira muri uyu mwaka wa 2026 cyitezweho kuzura gitwaye miliyoni 20 z'amadolari ya Amerika ni ukuvuga miliyari zisaga 28 z'amafaranga y'u Rwanda.

Urundi rwego rukomeye u Rwanda rufatanyamo na Misiri ni urw'umutekano n'igisirikare, aho u Rwanda rumaze kohereza abofisiye b'abapolisi barenga 300 mu mahugurwa mu Ishuri Rikuru rya Polisi rya Misiri kuva mu mwaka wa 1999.

Uyu mubano wongeye gushimangirwa ubwo muri uku kwezi na bwo Minisitiri w'Umutekano w'Imbere mu Gihugu, Dr. Biruta Vincent n'itsinda ryamuherekeje mu ruzinduko bagiriye mu Misiri, hasinywe amasezerano y'ubufatanye n'imikoranire hagati ya Polisi y'u Rwanda n'iya Misiri.

Ubwo bakirwaga na Minisitiri w'Umutekano w'Imbere mu Gihugu wa Misiri Maj. Gen. Mahmoud Tawfik, bagiranye ibiganiro bijyanye n'ubufatanye buhuriweho n'ibihugu byombi mu gushimangira umutekano n'ubufatanye buramba hagati y'inzego z'umutekano z'ibihugu byombi.

Amasezerano yasinywe akurikiye ibyo biganiro, agamije kurushaho kunoza imikoranire n'ubufatanye hagati y'ibihugu byombi no gushyiraho uburyo buhamye bwo guhererekanya amakuru n'ubunararibonye mu by'umutekano hagati y'ibihugu byombi.

Inama n'isinywa ry'Amasezerano y'Ubufatanye byabanjirijwe n'uruzinduko rw'izo ntumwa mu Ishuri Rikuru rya Polisi rya Misiri, aho basuye amashami atandukanye kugira ngo bamenye byinshi ku mikorere yaryo.

Dr Biruta Vincent yashimiye ubwitange bw'Ishuri Rikuru mu guhugura abapolisi babishoboye ndetse b'inzobere nk'ubufatanye bumaze igihe kirekire.

U Rwanda na Repubulika y'Abarabu ya Misiri ni ibihugu bisanzwe bifitanye amasezerano mu nzego zitandukanye zirimo tekiniki, ishoramari binyuze mu iterambere ry'inganda n'ubucuruzi, ubuhinzi, uburezi, urubyiruko, ubucuruzi bw'imiti n'ibikoresho by'ubuvuzi, ubutwererane mu bya gisirikare, ibikorwa remezo n'ibindi.

Ibihugu byombi bihurira mu isoko rusange rihuza ibihugu byo mu Burasirazuba no mu Majyepfo ya Afurika (COMESA), ryemerera ibihugu birigize kohererezanya ibicuruzwa nta misoro.

Nk'ibihugu bihurira ku cyogogo cy'Uruzi rwa Nil, u Rwanda na Misiri byibanda ku kurushaho guharanira iterambere rihuriweho no kubaka amahoro arambye y'Akarere.

Ubutwererane bw'u Rwanda na Misiri bumaze igihe kirekire kuko icyo gihugu gifite Ambasade i Kigali kuva mu 1976, mu gihe iy'u Rwanda i Cairo yongeye gufungurwa muri Werurwe 2015.

Nanone kandi iterambere ry'ubu butwererane rishimangirwa n'imigenderanire y'Abakuru b'Ibihugu, aho Perezida wa Repubulika Paul Kagame na Perezida wa Misiri Abdel El-Sisi bagenderaniye mu mwaka wa 2017, mu 2019 no mu 2025.

# Abaturiye Pariki y'Igihugu y'Akagera bagenewe miliyari 1,2 Frw mu 2026

NTAWITONDA Jean Claude

***Muri gahunda yo gukomeza gusaranganya abaturage amafaranga ava mu bukerarugendo, ubuyobozi bwa Pariki y'Igihugu y'Akagera bwatangaje ko bufite gahunda yo gusaranganya imishinga inyuranye amadolari ya Amerika 886 379, ni ukuvuga asaga miliyari 1,2 y'amafaranga y'u Rwanda, muri uyu mwaka wa 2026.***

Ni mu gihe mu mwaka ushize wa 2025, imishinga itandukanye y'abaturiye Pariki y'Igihugu y'Akagera yasaranganyijwe amadolari y'Amerika 555 242 (miliyoni zisaga 810 z'amafaranga y'u Rwanda), yafashije abaturage barenga 1 200 bibumbiye muri koperative zinyuranye.

By'umwihariko imishinga yatewe inkunga irimo ubuvumvu bwabonye umusaruro wa toni zirenga 17 z'ubuki zinjije amadolari ya Amerika 84 000 angana n'amafaranga y'u Rwanda asaga miliyoni 122, mu gihe ubworozi bw'amafi na bwo bwinjirije koperative zibukora amadolari ya Amerika 122 356, ni ukuvuga miliyoni zisaga 178 z'amafaranga y'u Rwanda.



Gahunda yo gusaranganya 10% by'amadovize y'ubukerarugendo igira uruhare rukomeye mu guteza imbere uburezi hubakwa amashuri



Abaturiye Pariki y'Igihugu y'Akagera bishimira ko inyungu z'iyo Pariki zibageraho

Ubuyobozi bwa Pariki y'Igihugu y'Akagera buhamya ko indi mishinga yinjije agatubutse ishingiye kuri serivisi zo kuyobora ba mukerarugendo zitangwa na Community Freelance Guides, Akagera Builders Cooperative hamwe n'ibikorwa bifite aho bihuriye no kwakira abantu n'amahoteli muri rusange.

Ku rundi ruhande imishinga y'abaturage n'ibyo Pariki yaguze mu bayituriye byagize uruhare rw'amadolari ya Amerika asaga 637 000, ni ukuvuga miliyoni zisaga 929 z'amafaranga y'u Rwanda.

Gahunda yo gusaranganya amafaranga ava mu bukerarugendo (Tourism Revenue Sharing Program) yashyizweho kuva mu 2005, igamije gufasha abaturage baturiye Pariki z'Igihugu kugira uruhare mu kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima, binyuze mu kubaha inyungu ziva mu bukerarugendo.

Iyi gahunda yafashije abaturage baturiye Pariki kubona inyungu ziva mu bukerarugendo, kugabanya amakimbirane hagati y'abaturage n'ibikorwa byo kubungabunga Pariki, no guteza imbere imibereho myiza y'abaturage binyuze mu mishinga y'iterambere.

Mu myaka 20 ishize, abaturage baturiye Pariki z'Igihugu mu Rwanda bamaze gusaranganywa miliyari zikabakaba 20 z'amafaranga y'u Rwanda, bigira uruhare mu kubaka amashuri, amavuriro, imihanda n'ibindi bikorwa remezo, kandi bikaba byaragabanyije amakimbirane hagati y'abaturage n'ibikorwa byo kubungabunga Pariki.

Urwego rw'Iterambere mu Rwanda (RDB) ruvuga ko iyi gahunda imaze gushyigikira imishinga isaga 1 000 inoza imibereho myiza n'iterambere ry'abaturage irimo amashuri, ibigo nderabuzima, iyo kwimakaza kubungabunga ubuzima no kunoza imibereho y'abaturiye Pariki z'Igihugu.

# Rwinkwavu Mining Corporation icukura Gasegereti yavanye abaturage mu bukene

KAYITARE Jean Paul

***Abatuye mu Murenge wa Rwinkwavu mu Karere ka Kayonza mu Ntara y'Iburasirazuba, barishimira akazi bahawe na sositeye icukura gasegereti 'Rwinkwavu Mining Corporation (RMC LTD)' bikaba byarabafashije kwivana mu bukene.***

Uwumuremyi Yvone umaze imyaka 5 akora muri RMC LTD ndetse na Mukantaganda Gertrude w'imyaka 60 umwe mu batujwe mu nzu nziza ijyanye n'igihe, bahamya ko bateye imbere biturutse ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro bukorwa n'iyo sosiyete muri Rwinkwavu.

Avuga ko akazi akora muri RMC LTD kamufashije kwishyurira umwana we amashuri makuru kugeza arangije.

Si ibyo gusa kuko ngo yashoboye kwizigamira mu matsinda bituma agura inka.

Ati: "Njye naje gukorera hano mfite ikibazo cy'abana batiga kubera ko nari narabuze amafaranga y'ishuri kandi mbona abana banjye bafite ubwenge, naraje ndakora bakajya bampemba ku kwezi.

Mu mafaranga nakuraga hano, nashoboye kumurihira muri Kaminuza ya Mount Kigali, ubu ararangije kuko yambaye ku itariki 16 Ukuboza 2025."

Ahamya ko mituweli ayishyurira igihe abikesheje akazi akora muri RMC LTD kandi ko yaguze inka, agashimangira ko azajya mu kiruhuko cy'izabukuru agikorera iyo sosiyete ikora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro muri Rwinkwavu.

Mukantaganda Gertrude wubakiwe inzu n'ubuyobozi bwa Rwinkwavu Mines, yabwiye Imvaho Nshya ko yishimiye kuba atuye mu nzu yubakiwe na kampani ikora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro i Rwinkwavu.

Avuga ko yubakiwe nyuma y'aho abwiwe ko aho atuye intambi zimusenyera ni ko kubakirwa inzu nziza itandukanye n'iyo yari atuyemo.

Agira ati: "Baraje bati, ahantu mutuye intambi ziraturika zikaba zabagirira nabi bati muze, badutuza hano kandi turahishimiye."




Abakozi ba RMC Ltd bavuga ko bazakomeza gukora kinyamwuga

Uyu mukecuru ahamya ko kuba atuye ahantu hari ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, ari ibintu byiza kuko abana babo babona akazi.

Tito Barahira, umuyobozi w'Umudugudu wa Muganza mu Kagari ka Muhondo, ahamya ko abantu benshi bakora mu mabuye y'agaciro kandi ko yabateje imbere.

Ati: "Ni ukuvuga ngo abana barize bitewe no kubona amabuye y'agaciro bityo abana bakabona amafaranga y'ishuri.

Ikindi ahantu hose hubatse inzu, abantu boroye inka, abantu bafite iterambere bitewe n'ayo mabuye y'agaciro."

Ahamya ko abatuye muri izo nzu bari batuye mu nzu zendaga kubagwaho ariko RMC LTD ibubakira umudugudu mwiza.

Ati: "Iryo ni iterambere kuko iyo umuturage atuye heza, afite isuku, iryo ni iterambere ry'umuturage."

Kalima Jean Malic, Umuyobozi Mukuru wa RMC LTD, avuga ko ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro muri Rwinkwavu bwatangiye mu 1946.

Mu kiganiro na Imvaho Nshya, yavuze ko ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bakora abaturage babwungukiraho kandi bagatera imbere. Kuri we ngo inyungu ivuyemo, isosiyete iyigabana n'abaturage.

Agira ati: "Icyo batwungukiraho ni umurimo, bahabwa akazi, bagahembwa kandi mu by'ukuri ni nkaho tugabana kuko icyavuyemo ni nkaho babonamo icya kabiri mu byo tuba twashoye.

Hari bamwe tugenda twubakira inzu, hari imidugudu twagiye twubaka dufatanyije n'Inzego z'ibanze. Iyo wahaye umuntu umurimo, ukamuha icyo akeneye, ibyo byose ni ukugira ngo ukora hano agire ubuzima bwiza."

Avuga ko mbere ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 na nyuma gato, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bwakorwaga na Leta ndetse n'Abakoloni.

Kalima avuga ko hagiye habaho guhindura ubuyobozi kugeza aho abashoramari b'Abanyarwanda batangira kuhakorera mu 2008.

Ati: "Twaje dusanga haracukuwe kera, ahenshi hangizwa mu bihe byinshi ariko kuva mu 2008 twatangiye gukorana n'Abanyarwanda bari basanzwe bafite ubumenyi mu bintu by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Icyiza ni uko tumaze kugira abana b'Abanyarwanda bize ari bo mubona bakorera hano. Dufite abize ibijyanye n'ubumenyi bw'amabuye (Geology) aba enjeniyeri muri Mine, ubu ni bo dusigaye dukorana na bo."

Ashimira Leta y'u Rwanda yumvise icyifuzo cy'abakora mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro (Geology & Mine) kuko hariho ikibazo cy'abize ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Ati: "Tugeze mu gihe cyiza abana bacu bize, ubu na bo bashobora kujya gukorera n'ahandi kuko muri ibi bice turimo by'Umugabane w'Afurika nta amashuri menshi ahari yigisha ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Ayo mashuri menshi yagiye afunga aho yari ari mu bihugu cyane cyane duturanye, yewe n'i Burayi."

Ahamya ko nta gushidikanya ko mu Rwanda haba ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro kandi bufitiye akamaro Igihugu n'Abanyarwanda.

Kalima avuga ko batangiye gutekereza uko bajya bohereza hanze amabuye y'agaciro amaze gusukurwa kuko kera habagaho kugurisha, ukagurisha n'ibirimo bindi bitazwi ugasanga abaguze, baguze gasegereti ariko harimo n'ibindi.

Mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro bukorwa na RMC LTD, bwita ku kurengera ibidukikije kandi batubura ingemwe z'ibiti biterwa ahacukuwe mu rwego rwo gusimbuza ibiti byaranduwe.



Abaturage bishimira impinduka ku mibereho yabo babikesheje ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bukorwa na RMC Ltd



Uwumuremyi Yvone umaze imyaka 5 akora muri RMC LTD, ubucukuzi bwamuteje imbere







# Pariki y'Igihugu y'Akagera yinjirije u Rwanda asaga miliyari 7,2 Frw mu 2025

ZIGAMA Theoneste



Pariki y'Igihugu y'Akagera yinjije asaga miliyari 7,2 Frw mu 2025, bingana n'izamuka rya 5,4% ugereranyije n'umwaka wa 2024.

***Ubuyobozi bwa Pariki y'Igihugu y'Akagera bwatangaje ko mu mwaka wa 2025 iyi pariki yinjirije u Rwanda, asaga miliyari 7,2 z'amafaranga y'u Rwanda (miliyoni 5,06 z'amadolari ya Amerika) avuye mu bikorwa by'ubucuruzi, bikaba bingana n'izamuka rya 5,4% ugereranyije n'umwaka wa 2024.***

Mu mwaka wose, Pariki y'Akagera yakiriye abayisura 59 538, bigaragaza izamuka rya 8% ku mubare w'abayisura ugereranyije n'umwaka wabanje wa 2024.

Abanyarwanda bangana na 47% by'abasuye, abaturutse mu mahanga na bo bangana na 47%, mu gihe abanyamahanga batuye mu Rwanda bangana na 6%.

Iyi pariki yanabashije kwiyishyurira ikiguzi cy'imikorere ya buri munsi (hatabariwemo ishoramari n'ibikorwa remezo binini) ikoresheje amafaranga yinjije ubwayo.

Aya mafaranga yashyizwe mu bikorwa byo kubungabunga inyamaswa, guteza imbere imibereho y'abaturage baturiye Pariki, harimo n'inkunga itangwa muri gahunda yo kugabana inyungu z'ubukerarugendo ku rwego rw'igihugu, binyuze mu Kigega cyishyura imitungo y'abaturage yangijwe n'inyamaswa, imishahara n'iterambere ry'abakozi, imicungire ya pariki no kuyisana aho bikenewe.

Kubera iyi ntambwe, Pariki y'Akagera yabaye pariki ya mbere icungwa n'Umuryango nyafurika ushinzwe Pariki (African Parks Network) ibasha kwihaza mu mikorere yayo, bigaragaza umuhate w'u Rwanda mu kubungabunga ibidukikije mu buryo burambye.

**Pariki y'Akagera mu hantu 25 heza ku Isi ho gusurwa**

Mu 2025, ikinyamakuru National Geographic cyashyize Akagera ku rutonde rw'ahantu 25 heza ku Isi hagomba gusurwa mu 2026. Ibi byabaye intambwe ikomeye ku bukerarugendo bw'u Rwanda.

Ubuyobozi bwa Pariki bwavuze ko ibyo bidashingiye gusa ku bwiza bw'ahantu n'inyamaswa zihaboneka, ahubwo rinashingira ku myaka irenga icumi ishize yo kongera gusana no kuzahura urusobe rw'ibinyabuzima byagezweho binyuze mu bufatanye bw'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) n'Umuryango nyafurika ushinzwe Pariki bwatumye Pariki y'Akagera yongera kuba pariki ibamo inyamaswa eshanu zikomeye ku Isi.

Ibi bishyira kandi iyo Pariki ku rwego rwo hejuru nk'ikimenyetso cy'intsinzi mu kubungabunga ibidukikije no guteza imbere ubukerarugendo burambye, ndetse bikazamura izina ry'u Rwanda ku ruhando mpuzamahanga.

**Inkura 70 z'umweru zimuriwe muri Pariki y'Akagera**

Mu 2025 habaye igikorwa cy'amateka cyo kwimura inkura 70 zo mu bwoko bw'iz'umweru zo mu Majyepfo y'Isi zivanywe muri Afurika y'Epfo zijyanwa muri Pariki y'Akagera.

Muri Kamena 2025, African Parks ku bufatanye na RDB, binyuze muri gahunda yo ku bungabunga inkura, bimuriye izi nkura muri Pariki y'Igihugu y'Akagera mu gikorwa cyabaye kinini kurusha ibindi byigeze bikorwa ku rwego rwambukiranya imipaka

Ibi byongereye umubare w'inkura z'umweru muri pariki ndetse bishyira u Rwanda mu bihugu bigira uruhare rukomeye mu kugarura amoko menshi y'inyamaswa ku Isi.

Pariki y'Igihugu y'Akagera ivuga ko amakuru meza ahari ari uko zimwe muri izo nkura zatangiye kubyara, bigaragaza ko zaguwe neza mu buzima bushya. Ibyo byiyongera ku kongera kugarura inkura byabaye mu 2021, bishimangira ubuyobozi buhamye bw'u Rwanda mu micungire myiza y'ahantu harinzwe no guteza imbere ubukerarugendo bushingiye ku kubungabunga ibidukikije.

**Ifungurwa rya Wilderness Magashi Peninsula**

Mu Ukuboza 2025, sosiyete y'ubukerarugendo **Wilderness** yaguriye ibikorwa byayo muri Pariki y'Akagera ifungura Wilderness Magashi Peninsula, icumbi ryihariye ryubatse ku kirwa cyitegeye Ikiyaga cya Rwanyakizinga mu Karere ka Kayonza.

Iri cumbi ryiyongereye ku rya Wilderness Magashi ryafunguwe mu 2019, rikaba indi ntambwe ikomeye mu rugendo rwa Pariki rwo kwigira mu bijyanye n'imari no gushyigikira gahunda z'igihe kirekire zo kubungabunga ibidukikije.



Pariki y'Igihugu y'Akagera yabaye ahantu heza ho gusurwa ku Isi







Perezida Paul Kagame n'Umunyamabanga Mukuru wa EAC Veronica M. Nduva, baganiriye ku Iterambere ry'uyu Muryango

# Perezida Kagame yakiriye Umunyamabanga Mukuru wa EAC

SHEMA Ivan

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yakiriye Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba (EAC), Veronica M. Nduva baganira ku gushimangira ubucuruzi n'ubufatanye mu Karere, ndetse n'ibikorwa by'ingenzi bigamije gushyigikira iterambere risangiwe muri uwo Muryango.***

Ni ibiganiro byabaye ku wa Gatanu tariki ya 20 Gashyantare 2026, aho Veronica M. Nduva ari i Kigali yitabiriye Inama y'iminsi ibiri yasuzumaga intambwe imaze guterwa mu bijyanye no kwihuza kw'Ibihugu bigize Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba.

U Rwanda rumaze imyaka 19 ari umunyamuryango wa EAC, aho iyo myaka yose yaranzwe n'ibikorwa bitandukanye bigamije ubufatanye n'ibihugu by'ibinyamuryango mu gutahiriza umugozi umwe.

Imishinga ikomeye ihuza ibyo bihugu irimo gushakira amahoro Akarere ku buryo buhuriweho, gukora uburyo ibicuruzwa biva mu bihugu bimwe bijya mu bindi, byanyuzwa ku mipaka y'ibigize Akarere bidaciwe imisoro ya gasutamo, ibijyanye n'Isoko rusange rya Afurika, pasiporo ya EAC n'ibindi byoroshya imigenderanire byashyizweho, kugira ngo abaturage b'icyo gice bibonanemo bya kivandimwe.

Imibare iheruka gutangazwa mu 2025 igaragaza ko EAC ibarizwamo abaturage babarirwa muri miliyoni 302 bo mu Rwanda, u Burundi, Uganda, RDC, Sudani y'Epfo, Tanzanie, Kenya na Somalia.

# U Rwanda rushyigikiye ibikorwa by'ubutabazi bya EU muri RDC

NTAWITONDA Jean Claude

***Guverinoma y'u Rwanda yatangaje ko ishyigikiye ibikorwa by'ubutabazi Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU) ukomeje gukorera mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) nk'ahantu hari abaturage benshi bugarijwe n'ingorane baterwa n'ingaruka z'umutekano muke umaze imyaka ikabakaba 30.***



Iri tsinda ryakiriwe na Perezida Kagame ryari rikubutse mu ruzinduko i Kinshasa no mu Burundi

Ibyo bitangajwe mu gihe itsinda riyobowe na Hadja Lahbib, Komiseri w'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi (EU) ushinzwe Uburinganire, Imiteguro n'Imicungire y'Ibiza, ryaje mu ruzinduko rwo kuzenguruka mu Karere k'Ibiyaga Bigari aho yaje mu Rwanda aturutse muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) no mu Burundi.

Uruzinduko rwa Hadja Lahbib rwatangiye mu ntangiriro z'iki cyumweru, aho iryo tsinda ryatangaje ko EU yemereye RDC inkunga ya miliyoni 81.2 z'Amayero, ni ukuvuga miliyari zirenga 139 z'amafaranga y'u Rwanda, yo kwifashisha mu bikorwa by'ubutabazi ku baturage bahuye n'akaga.

Ku wa Kane tariki ya 19 Gashyantare 2026, iryo tsinda ryaje mu Rwanda ryakiriwe na Perezida wa Repubulika Paul Kagame riherekejwe n'Intumwa yihariye ya EU mu Karere k'Ibiyaga Bigari Johan Borgstam.

Ibiganiro bagiranye byibanze ku mbaraga zo ku rwego rw'umugabane na mpuzamahanga zikomeje gushyirwa mu gukemura ingorane zishingiye ku bikorwa by'ubutabazi.

Nyuma yo kwakira Hadja Lahbib, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, yavuze ko ibiganiro bagiranye byibanze ku mubano ukomeye cyane u Rwanda rufitanye na EU, by'umwihariko mu birebana n'ibikorwa by'ubutabazi no kwitegura guhangana n'ibiza.

Yashimiye EU na Komiseri Hadja Lahbib ku bw'ubufasha bukomeye batanga ku baturage bugarijwe n'ibihe bigoye mu Burasirazuba bwa RDC, ahamya kandi ko u Rwanda rushyigikiye inkunga y'ubutabazi mu Karere kandi rwiteguye gutanga umusanzu warwo binyuze mu buhuzabikorwa bw'abafatanyabikorwa nka EU.

Yagize ati: "Nta kintu na kimwe tudashobora gukora ngo dushyigikire imbaraga mushyira mu bikorwa by'ubutabazi mu Karere. Nanone kandi ni ingenzi gushimangira ko ibikorwa by'ubutabazi bikwiye kuba bitabogamiye ku nyungu za Politiki. Abatanga imfashanyo barushaho kuba ab'ingirakamaro iyo bayobowe no guhaza ibyifuzo by'abaturage bagezweho n'akaga, nanone kandi bafata ingamba zijyanye n'ibibazo biri ku kibuga mu guharanira ko imfashanyo zigera ku bazikeneye kurusha abandi."

Madamu Hadja Lahbib na we yashimye ikiganiro yagiranye na Perezida wa Repubulika Paul Kagame, Minisitiri Nduhungirehe n'abandi baminisitiri b'u Rwanda, ashimangira ko ibibazo by'intambara biri mu Burasirazuba bwa RDC bikeneye igisubizo cyihuse cya Politiki.

Ati: "Ibibazo by'ubutabazi mu Burasirazuba bwa RDC bikeneye igisubizo cyihuse cya Politiki. Impande zose bireba zikwiriye gufata inshingano kandi bikubahiriza ibikubiye mu mategeko mpuzamahanga agenga ibikorwa by'ubutabazi (IHL). Intego yacu ni ukugera ku musaruro ufatika no ku bakeneye ubutabazi dutekanye, kandi nta mbogamizi."

U Rwanda ni umufatanyabikorwa wa EU w'ingenzi muri Afurika, cyane ko ari cyo gihugu uwo muryango wishingikirizaho mu kubaka ubutwererane mpuzamahanga kuri uyu mugabane.

Umubano wa EU n'u Rwanda ushingiye ku butwererane mu iterambere ry'inzego zirimo uburezi, kubaka imijyi iramba n'imiyoborere myiza.

Hiyongeraho n'ubufatanye mu kongera ubucuruzi n'ishoramari rikorwa ku mpande zombi bijyana n'ibiganiro bya Politiki bigaruka ku mutekano w'abaturage, uburenganzira bwa muntu n'ubutwererane bwo ku rwego rw'Akarere.

Ku rundi ruhande, imikoranire y'u Rwanda na EU mu bikorwa by'ubutabazi no kwitegura guhangana n'ibiza imaze igihe itera imbere, igamije kongera ubushobozi bw'Igihugu mu guhangana n'ingaruka z'ibiza no guteza imbere iterambere rirambye.

# Dutemberane IWAWA abatahazi bita gereza, abahava bakahita ishuri



Ikirwa cya Iwawa utangira kubona ubwiza bwacyo ukiri kure

KAYITARE Jean Paul

***Ku batazi Iwawa bumva ari ahantu habi cyane, hataba ubuzima, ko umuntu ujyanyweyo aba ajyanywe mu kindi gihugu cyangwa muri gereza ifatwa nka Guantanamo. Hari abavuga ko Iwawa hajyanwayo abana bo mu miryango ikomeye cyangwa ko ushobora no gusaba ubuyobozi bw'Ikigo gishinzwe Igororamuco (NRS) bakamukujyanirayo.***



Inyubako zaho ziteye amabengeza, ubona hari ibiti bitoshye bitanga umwuka mwiza

Nyamara abantu barenga 34 000 biganjemo urubyiruko bamaze kuhanyura bakomeza kugaragaza ko kuhagera byabafunguye amaso, bikabavura ibikomere batewe n'ubuzima bubangiza, bakagaruka mu muryango nyarwanda bafite icyerekezo cy'iterambere, ubumenyi n'ibyangombwa by'ibanze bibafasha gutangira urugendo rushya.

Itsinda ry'abanyamakuru ba Imvaho Nshya riri ku Kirwa cya Iwawa kugira ngo bagenzure kandi banakusanye ibyo mutamenye ku buzima n'imibereho y'urubyiruko rukabakaba 5 000 rurimo kugororerwa muri iki kirwa.

Ikirwa cya Iwawa kiri ku buso bwa Hegitari 140 mu Kiyaga cya Kivu mu Karere ka Rutsiro mu Murenge wa Boneza mu Ntara y'Iburengerazuba. Ni kimwe mu bigo ngororamuco biri mu Rwanda bivugwaho gutanga umusanzu ukomeye mu gufasha urubyiruko kuva ibuzimu bakajya ibuntu.

Ikigo Ngororamuco cya Iwawa kizanwamo abagabo barengeje imyaka 18 bagaragaweho n'imyitwarire ibangamiye ituze rya rubanda, abanywa ibiyobyabwenge n'ibindi byaha byoroheje. Ubu haragororerwa abanyeshuri 4 911 b'icyiciro cya 25.

Ni muri gahunda ya Leta yo kugira ngo bagororwe ndetse banigishwe imyuga n'imirimo y'amaboko, babatoza no kureka ibiyobyabwenge n'indi myitwarire idahwitse no kubasubiza mu buzima busanzwe ndetse bagatozwa no kugira uruhare mu mibereho, ubukungu n'iterambere ry'Igihugu.

## Inzira yerekeza Iwawa

Kugera ku Kirwa cya Iwawa bigusaba urugendo rw'amasaha arenga abiri mu mazi. Kuva ku Biro by'Akarere ka Rubavu ugera ku mwaro wo mu Gitarako, ni urugendo rw'iminota 3 n'imodoka ikoresha umuvuduko wa kilometero 40 ku isaha.

Hagenimana Hussein, Kapiteni w'ubwato bwa Iwawa, yabwiye Imvaho Nshya ko kuva kuri uwo mwaro ugana Iwawa hari intera y'ibilometero 30, ubwato buhakoresha isaha n'iminota hagati ya 20 na 30.

Hagenimana agira ati: "Igihe cyose wajya Iwawa ukurikije amategeko yo mu mazi, amasaha wemerewe kugenda mu mazi ni yo ukoresha urimo kujya Iwawa, guhera mu gitondo saa kumi n'ebyiri na saa kumi n'imwe za nimugoroba."

Ubuyobozi bw'Ikigo cya Iwawa busobanura ko ubusanzwe ubwato bukoresha amasaha abiri arengaho mu gihe bugendeye ku muvuduko usanzwe.

Ukigera Iwawa, inzego z'umutekano zibanza gusaka uhinjiye nyuma ukakirwa n'abanyeshuri babanza kugufasha gusukura intoki mu rwego rwo kwirinda ko hari indwara wakwinjirana mu kigo.

Hafi aho haba hari abanyeshuri barimo koga mu Kiyaga cya Kivu, abandi bakagutwaza ibikapu. Ni ibintu bakora bishimiye kandi ntibishyuze. Icyakora ubona icyapa cyanditseho amagambo yo guha ikaze abagana Ikigo Ngororamuco cya Iwawa.

Urugendo rugufi rw'iminota nibura hagati ya 5 na 10 winjira mu kigo, uhita ubona abanyeshuri bari mu bibuga bitandukanye bya Basketball, Volleyball na Football bakina, abari muri mucaka abandi banyuranyuranamo.

Hafi aho ubona inka za kijyambere zirisha kandi inyinshi ari imbyeyi. Umuhuzabikorwa w'Ikigo Ngororamuco cya Iwawa Dr. Jean Damascène Nshimiyimana, yavuze ko bafite inka 170 zikamirwa abanyeshuri bagororerwa mu Kigo cya Iwawa.

Mu gitondo abanyeshuri bakora siporo iyo ari mu gihe cyiza, haba ari mu gihe cy'imvura bagakora amasuku, nyuma bagahabwa amabwiriza y'umunsi no kugenzura niba ntawarwaye nyuma bagafata amafunguro.

Dr. Nshimiyimana avuga ko nyuma y'ibyo bikorwa, bamwe bajya gukurikira amasomo y'imyuga abandi bakajya kubonana n'abakozi bita ku buzima bwo mu mutwe.

Avuga ko bafata ifunguro rya saa sita nyuma bakajya mu bikorwa bitandukanye ndetse na siporo, bagafata ifunguro rya nimugoroba hanyuma bagatarama kugeza saa tatu bagiye kuryama.

Mu Kigo Ngororamuco cya Iwawa habarurwa imirindankuba irenga 30 mu rwego rwo kwirinda inkuba zikunze guhitana abantu mu Karere ka Rutsiro.

Hari inyubako nshya zubatswe n'izindi zikomeje kubakwa mu rwego rwo kongera ibyumba by'amashuri yigisha imyuga. Hari kandi inyubako z'abakozi b'Ikigo Gishinzwe Igororamuco n'izo abanyeshuri bararamo n'izo bariramo.

Ubuyobozi bw'Ikigo cya Iwawa buvuga ko abanyeshuri bataha barakize indwara zo mu mutwe zikomoka ku biyobyabwenge

KOMEZA KU RUP.17





# Dutemberane IWAWA abatahazi bita gereza, abahava bakahita ishuri



Abagororerwa mu Kigo Ngororamuco cya Iwawa, hari abahitamo gukurikira amasomo y'ubumenyingiro

IBIKURIKIRA URUP.16

ndetse n'agahinda gakabije

Mbere yo kugezwa Iwawa, Uturere tubohereza ari uko tubanje kubishyurira Mituweli, ariko ngo abadafite ibibazo by'irangamimerere, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Igororamuco (NRS) kibibafashamo bityo bagashobora kubona indangamuntu.

## Imiyoborere mu banyeshuri

Nk'ahandi hose, no mu Kigo Ngororamuco cya Iwawa abanyeshuri bagira uko biyobora. Abahanga mu mitekerereze bavuga ko kugira inshingano zo kuyobora, bituma ugira ubushobozi bwo kwifatira icyemezo nk'uko byanditswe na Jordan Peterson, inzobere mu mitekerereze ya muntu.

Abanyeshuri bakomoka mu Karere runaka, baba bagomba kuba hamwe kandi bakagira umuyobozi ari we bita Meya kandi akagira abamwungirije nk'uko mu nzego zibanze bimeze.

Meya w'Akarere mu Kigo Ngororamuco cya Iwawa, aba agomba kuba yarize nibura afite icyiciro cya kabiri cya kaminuza ndetse n'abamwungirije nk'uko abanyeshuri babibwiye Imvaho Nshya.

Zimwe mu nshingano za Meya ni ukubanisha neza abanyeshuri, kubakemurira ibibazo no gukemura amakimbirane.

Iyo binaniranye, ikibazo gikomereza ku mukozi uzobereye mu mitekerereze (Psychologist) akaba ari we ufata umwanzuro.

Icyakora ngo nta makosa bakunze gukora kuko kimwe mu byo bigishwa harimo gutozwa indangagaciro bityo bakazasubira mu buzima busanzwe barakize bimwe mu byatumye bagera mu Kigo Ngororamuco cya Iwawa.

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe igororamuco (NRS) gishyirwaho n'itegeko n° 17/2017 ryo ku wa 28/04/2017. Gifite inshingano zo kurandura imyitwarire mibi yose binyuze mu kwimakaza imyitwarire myiza, gutanga uburezi no guha abantu ubumenyi n'ubushobozi mu bijyanye n'imyuga.

## Ubuzima abagororerwa mu Kigo Ngororamuco cya Iwawa babayemo

Ubu mu Kigo Ngororamuco cya Iwawa, hari inzu zigezweho kandi zigeretse, izitageretse na zo zijyanye n'igihe kuko zirimo ibikorwa remezo by'amazi n'amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba ndetse na moteri iyo hamaze iminsi hatava izuba.

Ikirwa cya Iwawa hari inka zigera ku 170 zikamirwa abanyeshuri barenga 4 900, hari ibikorwa by'ubuhinzi bw'imboga zitandukanye.

Hari ibibuga by'imikino inyuranye byifashishwa mu gutuma abanyeshuri barushaho kugororwa, bigishwa indangagaciro na kirazira.

Si ibyo gusa kuko bigishwa amasomo y'ubumenyingiro; ubudozi, ubwubatsi, ububaji, ubukanishi ndetse n'ubuhinzi n'ubworozi.

Iyi myuga ni yo ibafasha kuzihangira imirimo cyangwa gushaka akazi bakora bityo bikabarinda kongera kwisanga mu bikorwa bibangamira ituze rya rubanda.

Mu Kigo Ngororamuco cya Iwawa, hanigishirizwa amategeko y'umuhanda ndetse no gutwara ibinyabiziga. Hari kandi isomero ririmo ibitabo byifashishwa n'abanyeshuri mu gukomeza kongera ubumenyi bwabo.

Nyuma y'amasomo n'ibiganiro bibahuza n'abazobereye mu buvuzi bw'indwara zo mu mutwe (Psychologists), bitabira imikino itandukanye kandi bagakina n'abakozi b'Ikigo gishinzwe Igororamuco (NRS) bakorera mu Kigo Ngororamuco cya Iwawa.

Nyuma ya siporo barakaraba, bakajya gufata amafunguro ya nimugoroba, bakongera guhurira hamwe mu gitaramo cyangwa bareba filimi, imiziki, amakuru n'ibindi bibafasha kutitekerezaho.



Abanyeshuri biga amategeko y'umuhanda no gutwara ibinyabiziga



Amashuri yubatse ku buryo bujyanye n'igihe



Bamwe mu banyeshuri bahitamo kwiga gukanika



Isomero ryo mu Kigo Ngororamuco cya Iwawa rifite ibitabo byinshi

# Dushaka kubaka igihugu kizira ibinyobwa bigira ingaruka ku baturage – MINALOC

KAYITARE Jean Paul

***Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, MINALOC, yagaragaje ko hakenewe kubaka igihugu kizira ibinyobwa bigira ingaruka ku buzima bw'abaturage, ko n'abakora ibyo binyobwa hari amategeko abahana. Ni mu gihe inzego zitandukanye zirimo Minisiteri y'Ubuzima na Polisi y'Igihugu na zo zikomeje kugaragaza ububi bw'inzoga zitujuje ubuziranenge n'igikorwa ngo zicike.***

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Dominique Habimana, yasabye Abanyarwanda kudashyigikira cyangwa ngo bahishire abakora inzoga zitujuje ubuziranenge, kuko bigira ingaruka ku mibereho y'abaturage n'iterambere ry'Igihugu.

Ni nyuma y'aho inzoga zitujuje ubuziranenge zahitanye ubuzima bw'abaturage 28, abandi basaga 200 bakajyanwa kwa muganga, ndetse bamwe bakanakurizamo ubumuga burimo ubwo kutumva, kutabona n'izindi ndwara.

Yagize ati: "Ibyo kwenga no gukwirakwiza ibinyobwa bitujuje ubuziranenge bimaze igihe ariko ubu twabishyizemo imbaraga. Impamvu nta yindi, ni uko dushaka kubaka igihugu ariko kizira ibinyobwa bishobora kugira ingaruka ku buzima bw'abaturage."

Avuga ko gukora inzoga zitujuje ubuziranenge bihanwa n'amategeko kuko si ibintu byemewe kandi bishyira ubuzima bw'abaturage mu kaga.

Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu isaba abayobozi batandukanye n'abandi bantu bafite inshingano ku baturage kuba ari bo bafata iya mbere mu kurwanya ibinyobwa bitujuje ubuziranenge.



Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu Habimana Dominique yibukije ko abantu bagomba kwirinda gukoresha ibinyobwa bishyira ubuzima bwabo mu kaga

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda, ACP Boniface Rutikanga, avuga ko inzego zitahwemye gukurikirana abenga n'abanywa inzoga zitujuje ubuziranenge ahanini kubera ibibazo zitera ku buzima bw'umuntu.

Ati: "Abantu bashaka kurushanwa gukora inzoga ihiye kurushaho bagashyiramo ibintu byinshi, muri uko kurushanwa bakisanga bakoresha ibidasanzwe."

Polisi y'u Rwanda itangaza ko hazabaho inama ku bafite inganda zemewe kugira ngo na bo batange umusanzu wabo mu kurwanya inzoga zitemewe.

Ati: "Ntabwo Leta izajya iguha icyangombwa, ngo yongere inakugendeho. Ni ukuvuga ko hari abantu bagomba kuba inyangamugayo kugira ngo ibyo bagabura bibe ari ibikenewe ku isoko."

ACP Rutikanga agaragaza ko inzego zitandukanye zirimo gukorana kugira ngo ikibazo cy'inzoga z'inkorano zitemewe n'izemewe ariko zikorwa mu buryo butujuje ubuziranenge bose bashyirwe ku murongo, bigakorwa neza abantu bakanywa ibinyobwa byujuje ubuziranenge.

Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda, ACP Rutikanga, agaragaza ku cyuho kiri mu Nzego z'ibanze mu guhangana n'abakora inzoga zitemewe.

Polisi y'Igihugu itangaza ko Umunyarwanda wese yemerewe kwenga inzoga ashobora kwakiriza abantu cyangwa akanacuruza nk'uko byari bisanzwe.

ACP Rutikanga akomeza agira ati: "Iyo rero hajemo ko bikozwe muri ubwo buryo butemewe, ni ikindi kibazo.

Bamwe mu bapfuye cyangwa banarwaye mu Karere ka Bugesera harimo abayobozi b'Inzego z'ibanze n'abashinzwe umutekano bamwe na bamwe mu nzego dukorana na zo.

Byerekana ko bamwe mu bashinzwe kubirwanya na bo bagizweho ingaruka, nkeka ko icyaherwaho ni ubukangurambaga no mu nzego ubwazo."

Avuga ko Polisi ikora ubukangurambaga bw'umutekano ariko ko hakenewe ubukangurambaga bwa gihanga bukeneye gufasha abantu bakerekwa urutonde rw'inzoga zemewe, bityo uzakora ibiri hanze y'ibyo agakurikiranwa n'amategeko.

Umuyobozi Ushinzwe Ubuvuzi Rusange muri Minisiteri y'Ubuzima, Dr. Oreste Tuganeyezu, asobanura ko ubusanzwe ikinyabutabire Methanol gikoreshwa mu miti n'ibindi binyuranye, ariko hari abazifashisha mu kwenga inzoga.

Agira ati: "Umuntu ukoresha Methanol ashaka kunywa inzoga, anywa uburozi. Dukeka ko abantu bemerewe kuyirangura bayicuruje ku bashaka kuyikoramo inzoga."

# Abahoze ari abarwanyi ba FDLR bibukijwe inshingano bafite ku Gihugu

KAMALIZA Agnes

***Abahoze ari abarwanyi b'umutwe w'iterabwoba wa FDLR, ugizwe n'abasize bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bari guhugurirwa mu kigo cya Mutobo mu Karere ka Musanze, gishinzwe kwakira no gusubiza mu buzima busanzwe abahoze ari abarwanyi basabwe kugira uruhare mu iterambere ry'Igihugu bibutswa ko kucyubaka ari inshingano.***

Ni ibyagarutsweho mu ruzinduko rw'Abayobozi mu Ngabo z'u Rwanda, (RDF) n'iza Uganda (UPDF) bakorera ku mupaka uhuza ibihugu byombi bagiriye mu kigo cya Mutobo, rugamije kuganira ku bikorwa na gahunda zifasha gusubiza mu buzima busanzwe abahoze ari abarwanyi

KOMEZA KU RUP. 19







Abahoze ari abarwanyi b'umutwe w'iterabwoba wa FDLR basobanuriwe ko bagomba kugira uruhare mu kubaka Igihugu

# Abahoze ari abarwanyi ba FDLR bibukijwe inshingano bafite ku Gihugu

IBIKURIKIRA URUP.18

ba FDLR n'indi mitwe yitwaje intwaro, imiryango yabo n'abasivili bafitanye isano nabo baturutse muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).

Izo ntumwa za UPDF ziri mu Rwanda kuva ku wa 18 kugeza kuri uyu wa 20 Gashyantare 2026, aho zitabiriye inama y'Abayobozi b'Ingabo bakorera hafi y'umupaka (Proximity Commanders' Meeting).

Umuyobozi wa Diviziyo ya kabiri mu ngabo za Uganda, Maj Gen Paul Muhanguzi yashimiye Komisiyo y'Igihugu ishinzwe gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abari abasirikare, (RDRC) ku bw'imbaraga ishyira mu kubafasha n'imiryango yabo, asaba abahoze ari abarwanyi gukangurira bagenzi babo basize mu mashyamba gutaha.

Maj Gen Muhanguzi yagaragaje ko bishimiye kubabona bagaruka mu Rwanda, ashimangira ko kubaka igihugu ari inshingano ya buri wese, abasaba kugira uruhare rugaragara mu iterambere ryacyo.

Yongeyeho ko uru ruzinduko rugaragaza ubufatanye bukomeye n'imikoranire myiza hagati y'u Rwanda na Uganda kandi abayobozi b'Ingabo ku mpande zombi biyemeje gukomeza ubufatanye ku bw'inyungu z'ibihugu byombi.

Perezida wa RDRC, Nyirahabineza Valerie yavuze ko inshingo y'iyo komisiyo ari ugufasha abahoze mu mitwe yitwaje intwaro no kubafasha kwisanga mu muryango no mu buzima busanzwe.

Muri urwo ruzinduko izo ngabo zasuye aho abitegura gusubira mu buzima busanzwe bigira amasomo y'imyuga n'ubumenyingiro arimo; ubukanishi, gusudira, kudoda no kubaza.

# U Rwanda rusanga u Burundi butaba umuhuza mu kibazo cya RDC




Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Olivier Nduhungirehe

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane w'u Rwanda, Amb. Olivier Nduhungirehe, yatangaje ko u Burundi butakoroherwa no kugira uruhare mu buhuza bw'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU) bugamije guhagarika intambara mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), bitewe n'uruhare buyifitemo.***

Amb. Nduhungirehe yagaragaje ko nubwo Perezida w'u Burundi, Evariste Ndayishimiye, ari we uyoboye AU kuva ku wa 14 Gashyantare, Igihugu cye cyohereje ingabo muri RDC mu rwego rwo gufasha Guverinoma ya Congo n'ihuriro ry'ingabo zirimo abacanshuro ndetse n'umutwe wa FDLR.

Ibyo yabivuze ku wa Kane, tariki ya 19 Gashyantare, mu kiganiro n'abanyamakuru ubwo yari kumwe na Komiseri w'Umuryango w'Ubumwe bw'u Burayi ushinzwe Uburinganire, Kwitegura no Gucunga Ibibazo by'Ibiza, Hadja Lahbib uri mu ruzinduko mu Rwanda.

Yashimangiye ko ubuhuza bwari buyobowe na Perezida wa Togo, Faure Gnassingbé, bufatanyije n'Akanama k'abahuza batanu bwashyizweho na AU, bukwiye gukomeza akazi kabwo hatarimo u Burundi.

Minisitiri Nduhungirehe yavuze ko biteye impungenge kuba u Burundi bugira uruhare mu ntambara yo mu Burasirazuba bwa RDC "mu buryo butari bwiza."

Yibukije kandi ko ingabo z'u Burundi zashyizeho ibihe bidasanzwe mu bice byo mu Burasirazuba bwa RDC, aho zagose abaturage b'Abanyamulenge mu Ntara ya Kivu y'Amajyepfo, ibintu byarushijeho kongera ikibazo cyo kubonera imfashanyo abaturage bakaba bugarijwe n'imibereho mibi.

Yagize ati: "Muri uru rwego, biragoye ko u Burundi nubwo buyoboye AU, bwajya mu buhuza kandi bwarafashe uruhande muri iyi ntambara."

Yakomeje avuga ko ubuhuza buyobowe na Togo bwahawe inshingano na AU bufite abahuza batanu, kandi ko abo bahuza bakwiye gukomeza gushyigikira impande bireba no gushyira mu bikorwa amasezerano ya Washington [u Rwanda na RDC byasinyanye arimo guhagarika intambara no guteza imbere ubukungu], hatarimo u Burundi kuko na bwo ari uruhande ruri mu ntambara.

U Rwanda rumaze igihe kirekire rugaragaza ko rutishimiye uruhare rw'u Burundi muri iyi ntambara, by'umwihariko kuko ingabo zabwo, zoherejweyo zifatanyije na Leta ya RDC mu bufatanye burimo umutwe wa FDLR, washinzwe n'abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

U Rwanda kandi rwanze kenshi ubufatanye bw'u Burundi na Leta ya Congo buvugwaho kugira imigambi ishobora guhungabanya umutekano w'u Rwanda, cyane ko abayobozi b'ibyo bihugu byombi bagaragaye mu itangazamakuru bavuga ko bashaka kuzakuraho ubutegetsi buri mu Rwanda.

Amakuru atandukanye agaragaza ko ingabo z'u Burundi zimaze nibura imyaka ibiri ziri mu Burasirazuba bwa RDC, aho bivugwa ko abasirikare bagera ku 20 000 boherejwe muri ako gace, bamwe muri bo bakaba bayoboye ibitero mu bice bitandukanye.

Mu ntangiriro z'Ukuboza 2025, umutwe wa AFC/M23 washinje ingabo z'u Burundi kurasa ku mujyi wa Kamanyola mu Ntara ya Kivu y'Amajyepfo ziturutse mu Ntara ya Bujumbura, ndetse no kuyobora ibitero mu mujyi wa Uvira no mu nkengero zawo.

Perezida w'u Burundi we akomeje gusobanura ko kohereza ingabo muri RDC ari ugutanga ubufasha bwemewe ku gihugu bafitanye umubano.

Ku rundi ruhande, Leta y'u Rwanda ivuga ko ubufatanye bwa Leta ya RDC n'umutwe wa FDLR bushingiye ku ngengabitekerezo ya Jenoside, ikomeje guteza imvugo z'urwango n'ihohoterwa rikorerwa Abatutsi.

# Ifaranga ry'u Rwanda ryagize umutuzo, agaciro kagabanyutseho 4,40%




Icyicaro gikuru cya Banki Nkuru y'u Rwanda mu Mujyi wa Kigali

UBWANDITSI

***Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) yatangaje ko agaciro k'ifaranga ry'u Rwanda kagabanyutseho 4,40% ugereranyije n'idolari rya Amerika mu kwezi k'Ukuboza 2025, iri rikaba ari igabanyuka rito ugereranyije n'irya 9,42% ryagaragaye mu kwezi k'Ukuboza 2024.***

Guverineri wa BNR Soraya M. Hakuziyaremye, yavuze ko uyu mutuzo waturutse ku bwiyongere bw'amadovize yaturutse ku bukerarugendo hamwe n'ayoherezwa n'Abanyarwanda batuye mu mahanga yafashije mu kugabanya igitutu ku isoko ry'ivunjisha hamwe n'igabanyuka ry'agaciro k'idolari rya Amerika ku ruhando mpuzamahanga.

Ibyo byatangajwe muri raporo ya Komite ishinzwe Politiki y'Ifaranga muri BNR yateranye igamije gusuzuma uko ubukungu bw'imbere mu gihugu n'ubw'Isi buhagaze ndetse no kuvugurura iteganyamibare.

Komite yatangaje kandi ko inyungu banki z'ubucuruzi zigurizanyaho ijyana n'igipimo cy'inyungu fatizo mu gihe inyungu ku nguzanyo zikiri hejuru.

Inyungu banki z'ubucuruzi zigurizanyaho yarazamutse igera kuri 6,87 % mu gihembwe cya kane cy'umwaka wa 2025 ivuye kuri 6,78 % mu gihe nk'icyo mu mwaka wa 2024, aho yakomeje kuba hafi y'igipimo cy'inyungu fatizo.

Ibi byaturutse ku cyemezo cya Banki Nkuru y'u Rwanda cyo kuzamura igipimo cy'inyungu fatizo ho iby'ijana 25 muri Kanama 2025, hamwe no kuba amafaranga yari makeya mu mabanki.

Ariko, inyungu ku mafaranga abitswa muri banki mu buryo bw'ubwizigame yo yagabanyutseho iby'ijana 152 igera ku 8,98% mu gihembwe cya kane cy'umwaka wa 2025 ivuye ku 10,50% mu mwaka wabanje.

Byongeye kandi, inyungu ku nguzanyo zagabanyutseho iby'ijana 13 zigera kuri 15,72% mu gihembwe cya kane cy'umwaka wa 2025, zivuye kuri 15,85% mu gihe nk'icyo muri 2024. Iri gabanyuka ryaturutse ku igabanyuka ry'inyungu ku nguzanyo z'igihe gito n'iz'igihe kiringaniye zaba izahawe ibigo by'ubucuruzi hamwe n'izahawe abantu ku giti cyabo.

**Igipimo cy'inyungu fatizo cyazamuwe kigera kuri 7,25%**

BNR ivuga ko mu gihembwe cya kane cy'umwaka wa 2025, umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro wariyongereye ugera kuri 7,4% uvuye kuri 7,2% mu gihembwe cya gatatu.

Uku kwiyongera kwaturutse ahanini ku muvuduko wo hejuru w'izamuka ry'ibiciro bibarwa hatabariwemo iby'ibiribwa byangirika vuba n'iby'ibikomoka ku ngufu, warushije imbaraga igabanyuka ryagaragaye ry'umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro by'ibiribwa byangirika vuba.

Imibare iheruka igaragaza kwiyongera kw'igitutu cy'ibiciro, aho umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro warenze imbago ngenderwaho ari zo hagati ya 2 na 8% ukagera ku 8.9% muri Mutarama 2026, uvuye ku 8,0% mu Kuboza umwaka ushize.

Hashingiwe k'uko ubukungu bwitwaye vuba aha, iteganyamibare ry'umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro ryaravuguruwe rijya hejuru. Nubwo byitezwe ko umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro uzakomeza kuba hejuru mu gihe cya bugufi, ukaba hejuru gato ya 8% mu gice cya mbere cy'umwaka wa 2026, igitutu cy'umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro biteganyijwe ko kizacogora nyuma yaho, bigafasha umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro kugenda usubira mu mbago ngenderwaho mu mpera z'umwaka wa 2026.

Iri teganyamibare risubiwemo rizamuka rituruka kandi ku kuba inzitizi zari zagaragajwe nu nama iheruka ya Komite ishinzwe politiki y'ifaranga zarabayeho, by'umwihariko umusaruro muke wagaragaye mu rwego rw'ubuhinzi mu gihembwe cy'ihinga A 2026 bitewe n'imbogamizi z'ikirere.

Hashingiwe kuri iri teganyamibare, Komite ishinzwe Politiki y'Ifaranga yafashe icyemezo cyo kuzamura igipimo cy'inyungu fatizo ho iby'ijana 50 kigera kuri 7.25 ku ijana.

Ibi ngo bizafasha kugabanya ingaruka zikomoka ku izamuka ry'umuvuduko w'ibiciro ryagaragajwe haruguru, ndetse no kugarura umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro mu mbago zawo.

**Ubukungu bw'u Rwanda bwakomeje kwitwara neza**

Mu gihe hagikomeje kugaragara ingorane mu bucuruzi na politiki mpuzamahanga, ubukungu bw'Isi bwazamutse ku kigero cya 3,3% mu 2025, byitezwe ko buzakomeza kuzamuka kuri icyo kigero mu 2026. Iri zamuka ni rito ugereranyije n'impuzandengo yari kuri 3,7% mbere ya 2020.

Nubwo bimeze uko, ubukungu bw'u Rwanda bwo bwakomeje kugaragaza izamuka ryo hejuru, aho bwazamutse ku mpuzandengo ya 8,7% mu bihembwe bitatu bya mbere by'umwaka wa 2025, hejuru ya 7,2% ryagaragaye mu 2024.

Ubukungu bwakomeje kuzamuka no mu gihembwe cya kane cy'umwaka wa 2025, nk'uko bigaragazwa n'igikomatanyo cy'ibipimo by'ubukungu biboneka ku buryo bwihuse cyagaragaje izamuka rya 17,1%.

Mu 2025, ibyoherezwa mu mahanga byazamutseho 14,1%, ahanini biturutse ku izamuka ry'ibicuruzwa bisanzwe byoherezwa mu mahanga, izamuka ryaturutse ku kwiyongera kw'ubwinshi bw'ikawa n'amabuye y'agaciro byoherejwe hamwe n'ibiciro byabyo byari hejuru ku isoko mpuzamahanga.

Ibindi byoherezwa mu mahanga nabyo byagaragaje izamuka ryo hejuru, ahanini biturutse ku kwiyongera kw'amavuta yo guteka atunganyirizwa mu gihugu akoherezwa hanze hamwe n'ifu y'ingano byagize uruhare mu kuzamura ibyoherezwa mu mahanga muri rusange.

Ibitumizwa mu mahanga na byo byazamutseho 6,9%, biturutse ahanini ku bwinshi bw'ibiribwa by'ingenzi, ari byo amavuta yo guteka adatunganyije, umuceri, ibikoresho by'ubwubatsi na mudasobwa byatumijwe mu rwego rwo gushyigikira ibikorwa by'ishoramari.

Nubwo ibyoherezwa mu mahanga byazamutse, icyuho hagati y'ibijya n'ibiva mu mahanga cyiyongereyeho 2,7% ugereranyije n'umwaka wa 2024.

Mu mibare y'ijanisha ubwiyongere bw'ibyoherezwa mu mahanga bwari hejuru y'ubw'ibitumizwa mu mahanga, icyuho cyiyongereye kubera ko agaciro k'ibitumizwa mu mahanga gasanzwe kari hejuru.





# Sobanukirwa UPI icyo ari cyo


NYIRANEZA Judith

***Kuva gahunda yo kwandikisha ubutaka yatangira, abantu muri rusange bazi ko UPI ari ubutunzi, kuko ufite icyangombwa cy'ubutaka, aba afite UPI yabwo, kandi yamufasha kugira uburenganzira ku kubona amafaranga n'ibindi.***

Kuba imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka ari imwe mu nkingi z'iterambere ry'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage, byatumye Leta y'u Rwanda ishyira imbaraga muri gahunda yo kwandikisha ubutaka kuva mu 2009 kugeza 2013.

Imvaho Nshya nk'uko ibikesha Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubutaka (NLA), UPI ni impine y'amagambo y'icyongereza ivuga Unique Parcel Identifier, ikaba ari imibare igaragara ku byangombwa by'ubutaka igizwe na kode zibitse amakuru y'aho ubutaka buherereye ndetse na nimero iranga ubwo butaka.

Urugero **1/04/05/06/12345** rwa tanzwe nta kibanza na kimwe ruhagarariye, gusa rurerekana neza uko UPI iba imeze. UPI iba igizwe n'imibare iri mu byiciro bitanu aho buri cyiciro kiba gifite ibyo gihagarariye.




UPI ni imibare igaragara ku byangombwa by'ubutaka, iburanga

1 ihagarariye Intara, 04 ihagarariye Akarere, 05 ni Umurenge, 06 ni Akagari naho 12 345 ni nomero y'ubutaka.

Ubwo akaba ari bwo buryo ubutaka bubitse muri sisitemu (Land Administration Information System: LAIS) ibitse amakuru yose y'ubutaka ikoresha mu gutandukanya ubutaka bitewe n'aho buherereye.

Ibibanza bishobora kugira nimero zisa ariko biri ahantu hatandukanye; ushobora gusanga ufite nimero imwe n'undi muntu ariko mu Tugari dutandukanye. Ni ukuvuga ngo buri Ntara igira nimero yihariye iyiranga (1 ni Umujyi wa Kigali, 2 ni Intara y'Amajyepfo, 3 ni Intara y'Iburengerazuba, 4 ni Intara y'Amajyaruguru, 5 Ikaba Intara y' Iburasirazuba) naho Uturere dushobora guhuza nimero ituranga ariko ntiduhuze iy' Intara.

Iyo habayeho gucamo ubutaka ibice, nimero iciwemo ibice buri kimwe sisitemu igiha nimero nshya ya yindi yaciwemo ibice igahita isigara muri sisitemu nk'umubyeyi w'izo zavutse ariko yo ikaba itagikoreshwa kuko iba yavuyemo izindi.

Bitewe n'imitungire y'ubutaka, ibyangombwa by'ubutaka bishobora kuba amasezerano y'ubukode burambye, icyemezo cy'inkondabutaka, icyemezo cy'Iyandikisha ry'Impapurompamo ngenankomyi hamwe n'icyemezo cy'iyandikisha ry'ibice by'isangiramutungo ku nyubako.

# Ubutaka bubaruwe bugeze kuri 11 910 542



Mu gihugu hose hamaze kubarurwa ubutaka busaga miliyoni 11

NYIRANEZA Judith

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubutaka (NLA) kigaragaza ko ubutaka bubaruye bugeze kuri 11 910 542 guhera icyo gikorwa cyatangira kugeza mu mpera z'umwaka wa 2025.***

Muri ubwo butaka, ubwanditswe ku b'igitsina gore gusa ni 2 260 420 bungana na 18,98%, ububaruye ku b'igitsina gabo bonyine ni 1 406 974 bungana na 11,81%, ubutaka bwandikishijwe ku bagore n'abagabo bombi ni 5 865 743 bungana na 49,25%, ubutaka bungana na 825 313 bwandikishije kuri Leta ni ukuvuga 6,9% mu gihe ubungana na 1 552 092 bwanditse ku bandi bungana na 13%.

Ubutaka bwandikishijwe buri hagati ya hegitari 0 kugera kuri 0,5 ni 11 187 128, uburi hagati y'igice cya hegitari na hegitari 1 ni 416 597; ubufite hagati ya hegitari 1 – 2 bungana na 175 1546; ubufite hagati ya hegitari 2-5 ni 60 225, ubutaka buri hagati ya hegitari 5-10 ni 13 228, ubufite kuva kuri hegitari 10- 15 ni 4 323,

Uburi hagati ya hegitari 20-30 ni 1 669, ubutaka buri hagati ya hegitari 15-20 ni 1 574, hejuru ya hegitari 50 handikishijwe ubutaka 801, ubutaka buri hagati ya hegitari 30- 40 ni 463 mu gihe ubwa hegitari 30-40 handitswe ubutaka 257.

Uturere dutatu tugaragaramo ibikorwa bijyanye no guhererekanya ubutaka mu kwezi kwa Gashyantare 2026, kurusha utundi ni Nyagatare aho bugera ku 2 635, Gasabo ni 767 naho Gakenke ni 594.

Impuzandengo y'igiciro cy'ubutaka kuri metero kare, ku butaka bukorerwaho ubuhinzi ni amafaranga y'u Rwanda 4 299,68; ubukorerwaho ubucuruzi ni 30 125, 85 Frw; ubutaka bwagenewe ibikorwa by'ubukungu ni 6 792,92 Frw; ahagenewe amashyamba ni 2 657,44 Frw, ubutaka bwagenewe inganda ni 11 523,59 Frw, ah'imiturire ni 10 562,09 Frw.

Igiciro cy'ubutaka bw'aho gukorera ubworozi ni 5 345,44 Frw, ahagenewe ubwikorezi ni 9 906,87 Frw, ubutaka bwagenewe ubushakashatsi ni ku mafaranga y'u Rwanda 1 552,32; ubutarashyirwa mu gishushanyombonera buri ku giciro cya 40 625,00 Frw n'ubutaragenerwa icyo bukorerwaho buri ku mafaranga ni 22 848,72.

Guhera mu mwaka wa 2009 ubwo hatangiraga igikorwa cyo kubarura no kwandika ubutaka, Leta y'u Rwanda yashyizeho uburyo bwihariye bw'imicungire y'ubutaka binyuze mu buryo bw'ikoranabuhanga aho amakuru yose yerekeye ubutaka abitse, ubwo buryo bukanafasha mu koroshya serivisi zinyuranye zijyanye n'ubutaka.


EVERYTHING
YOU NEED RIGHT
WHERE YOU ARE
Simba Supermarket
visit your nearby simba branch
Call +250 788 307 200
Across Rwanda, Simba Supermarket continues to bring convenience, quality and affordability closer to communities.
Order Now
www.simbaonlineshopping.com






CHILLINGTON RWANDA
HEAVY DUTY WHEELBARROW
JUST KEEP WORKING
The long lasting wheelbarrow
Features:
1.2mm Tray with a 56L capacity
One-piece chassis for greater strength
Rubber tires to avoid flat tires
+250 788 449 869
info@chillingtonrwanda.com

# Ubuhamya bw'umusore wicuza kunywa ibiyobyabwenge

KAYITARE Jean Paul

***Murenzi Frank (Izina ryahinduwe), ni umusore ukiri muto utarashoboye kurangiza Kaminuza kubera gukoresha ikiyobyabwenge cy'urumogi. Byatumye yisanga mu Kigo kinyurwamo by'igihe gito cya Karubamba mu Murenge wa Rukara mu Karere ka Kayonza, ubu ni umunyeshuri mu Kigo Ngororamuco cya Iwawa.***



Iwawa, ubu yita ku bikorwa by'ubworozi (Ifoto: TUYISENGE Olivier )

Ubuhamya yahaye Imvaho Nshya, avuga ko yakoreshaga ibiyobyabwenge byatumye abangamira umuryango ndetse bimugiraho ingaruka zo kudakomeza amashuri.

Yatangiye kunywa ibiyobyabwenge ubwo yigaga mu mwaka wa mbere w'amashuri yisumbuye muri EFOTEC Kanombe, nyuma yo kwisanga mu nshuti zikoresha ikiyobyabwenge cy'urumogi.

Ati: "Natangiye nzi ngo ni ibintu biri aho ariko birangira mbaye imbata yabyo kuva mu 2014, ndangije amashuri yisumbuye 2019 nabwo narabikoreshaga. Icyorezo cya Covid-19 cyaje niga muri kaminuza, ndakomeza ndabikoresha, 2023 ni bwo mu rugo baje kuvumbura ko kwiga byananiye."

Amafaranga yo kugura urumogi yayavanaga ku yo yabaga yahawe n'ababyeyi be azifashisha mu gihe ari ku ishuri, akayakusanyiriza hamwe n'inshuti, bakagura urumogi bakarukoresha.

Ati: "Urebye uko kiriya kiyobyabwenge giteye, naje gusanga gifata abantu ku buryo butandukanye. Ikintu cyambayeho kuko twabinywereye iwabo, abo bana babanaga na mama wabo gusa kuko se wari umusirikare yari yarapfuye, maze nyina abaha uburenganzira bwose, basohoka uko bashatse, naryamye aho ngaho mu cyumba cyabo."

Yakomeje agira ati: "Maze kunywaho bwa mbere byandyamishije aho mu masaha nk'atandatu numva ntazi ahantu ndi, mbyuka numva nshonje cyane, mu mubiri wanjye hameze uko hatari hasanzwe; mfite imbeho ariko mfite n'inzara cyane."

Mu buhamya bwa Murenzi avuga ko yagiye akoresha ikiyobyabwenge cy'urumogi rimwe mu cyumweru, ibyo bivaho biba rimwe mu minsi itatu. Amafaranga yose yabonaga yahitaga agura ibiyobyabwenge, agera ubwo atangira no kunywa inzoga n'itabi ry'isigara.

Ababyeyi be bamenye ko akoresha ibiyobyabwenge hashize igihe kinini, kuko igihe kinini yakimaraga ku ishuri bigatuma ababyeyi batamenya ibye.

Umunsi ababyeyi be bamenya ko anywa urumogi, avuga ko mu rugo iwabo bagize abashyitsi batunguranye, banyuze ku nzu iri mu irembo bumva urumogi. Abo ni bo batumye bimenyekana ko anywa urumogi.

Agira ati: "Uwo mushyitsi yarambajije ngo wanyweye ibiki? Sinigeze mubeshya numvaga icyaha ari kukimbonamo, ndamusobanurira ko nakoresheje ikiyobyabwenge cy'urumogi, biramubabaza cyane yenda no kunkubita.

Muri ako kanya papa yarumiwe, wabonaga byamuyobeye yabuze n'icyo avuga. Muri icyo kiganiro nahise mbabwiza ukuri n'igihe nabitangiriye, bagerageza kumfasha kubireka, banshyiraho amabwiriza yo kutava mu rugo, bangira inama kandi ngerageza kuzumva."

Nubwo yagiriwe inama ariko ngo yageraga ku ishuri agakoresha ibiyobyabwenge cyane.

**Amaze amezi 11 mu Kigo Ngororamuco cya Iwawa**

Murenzi avuga ko urugendo rwo gufashwa guhinduka arukomereje mu Kigo Ngororamuco cya Iwawa kandi ko ahura n'inzobere mu mitekerereze zimufasha kurushaho kumva ububi bwo gukoresha ibiyobyabwenge.

Agira ati: "Nagiye mpura n'abaganga badufasha mu buryo bw'imitekerereze, duhura n'abarimu batwigisha imyuga, duhura n'abatwigisha indangagaciro. Niga mu ishami ry'ubuhinzi nkaba mbarizwa mu bikorwa by'ubworozi, nkaba nshinzwe kwandika inka zimye, iyarwaye, uko yavuwe n'umusaruro w'umukamo."

Mu mwaka agiye kumara mu Kigo cya Iwawa, yashoboye kubona uburyo ibiyobyabwenge yishoyemo byamwangirije amahirwe kandi bikamuhemukira cyane, akagaragaza kwicuza gukomeye.

Ati: "Nkomeje kubigira inshuti naba nkomeje kugana mu rupfu ariko uyu munsi bitewe n'ukuntu mu mutima wanjye niyumva, mfite impinduka, mfite n'ingamba nagiye nshyiraho ku buryo nindamuka nsubiye mu muryango izo ngamba zizabasha kumfasha kwirinda gusubira inyuma.

Icya mbere cyo umuryango wanjye urababaye cyane kandi ejo nanjye hari n'abazankomokaho; nzabyara, nzashaka umugore. Mpora nibaza ese bazaza ndi mu buzima bumeze butya budatunganye? Iyo ndebye ukuntu papa na mama bagiye baturera, nta kintu twakeneye ngo tukibure mu by'ukuri gihari, nanjye ndushaho kumva y'uko n'abana banjye batazagira icyo babura.

Ibyo bimfasha gutekereza ku guhinduka no gutera intambwe yo gukomeza urugendo, yego ntabwo rworoshye ariko iri tafari Leta yashyizeho ku buzima bwanjye ryo kumfasha guhinduka, nanjye ngomba kugenda nkongeraho irindi nkashaka uko mu myaka iri imbere, nanjye Leta hari icyo nzayishyura kuko ubungubu mu mutima wanjye mfite ideni rya Leta.

Ati: "Iyo ndebye ukuntu umunsi ku munsi badufasha, mba numva nanjye mfite ideni, mba mvuga ngo nzabishyura gute, ntabwo nzabishyura mu magambo, ngomba kubishyura mu bikorwa kandi ibikorwa ni ibyo guhinduka, ni ibyo guteza imbere u Rwanda, igihugu cyambyaye, guteza imbere umuryango, muri rusange nanjye nkiteza imbere."

Mu buhamya bwe avuga ko atazongera gusubira mu kigare kandi ko aramutse afashe telefoni akavugana n'ababyeyi be, yababwira ko ari mu rugendo rwo guhinduka kandi ko arimo kurwana no gutsinda. Kuri we abashimira ibyo bakoze, baramufashije kandi abifuriza umugisha uturuka ku Mana.

Inshuti ze zikiri mu nzira y'ibiyobyabwenge, azigira inama yo kwifatira umwanzuro kuko Igihugu kirabakeneye, cyane ko ari bo mbaraga zacyo.

Ati: "Nibahitemo kandi bumve ko ibiyobyabwenge ari ibibicira ubuzima."

Murenzi asaba abakoresha ibiyobyabwenge kubireka bataragera ku rwego rwo kwicuza batagifite uburyo bwo gusubira inyuma.



Murenzi Frank (izina ryahinduwe) yicuza igihe yamaze ari mu biyobyabwenge, asaba inshuti ze zikibirimo kubireka (Ifoto: TUYISENGE Olivier)





# Abahoze muri FDLR basabye GLPC gushishikariza abakiri mu mashyamba ya DRC gutahuka



Cpl Ngiruwonsanga Jean Marie Vianney wavuye muri FDLR, nyuma akinjira muri RDF, yavuze ko yahawe inka na Perezida Kagame ikaba yaramuteje imbere mu buryo bufatika

ZIGAMA Theoneste

***Abahoze mu mutwe wa FDLR basabye abibumbiye mu itsinda ry'abaharanira amahoro mu Karere k'Ibiyaga Bigari (GLPC: Great Lakes Peace Forum) gushyira imbaraga mu gushishikariza abakiri mu mashyamba ya Congo gutahuka mu Rwanda kuko bituma bakomeza kwiyubakira Igihugu no kwiteza imbere ubwabo.***

Ni ubutumwa bahaye iryo huriro rya Great Lakes Peace Forum, rigizwe n'itsinda ry'abantu 200 barimo abanyamadini n'abakuru b'imiryango, riturutse mu Karere k'Ibiyaga Bigari mu bihugu by'u Rwanda na RDC, ubwo basuraga, ikigo cya Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abari Abasirikare (RDRC) mu ruzinduko bagiriye mu Rwanda kuva tariki ya 16 Gashyantare 2026.

Muri abo basuye ikigo cya RDRC giherereye mu Karere ka Musanze, gishinzwe kwakira no kongerera ubumenyi abava mu mitwe yitwaje intwaro, abarenga 140 baturutse muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).

Mu biganiro byahuje abari muri iryo huriro n'abahoze mu mutwe wa FDLR ugizwe n'abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bakirimo kwihishahisha mu mashyamba byabereye mu kigo cya Mutobo.

Abahoze muri FDLR batanze ubuhamya bugaragaza iterambere rifatika bagezeho nyuma yo gutandukana n'ikinyoma n'iterabwoba babeshywaga bakiri mu mashyamba. Bavuze ko ibyo bari barabwiwe ko bazapfa nibagera mu Rwanda byari ibinyoma by'ababashukaga, bagahamya ko bageze mu gihugu cyabo bakirwa neza kandi bagahabwa ubufasha bwuzuye, bagasubizwa mu buzima busanzwe, ubu bakaba bari kubaka ejo hazaza heza.

Col Nizeyimana Wenceslas, yitandukanyije na FDLR atahuka mu Rwanda mu 2001, yagize ati: "U Rwanda rwampaye amahirwe yo kongera kwiyubaka no guhinduka. Ubu ndi umushoramari uha akazi abarenga 400 binyuze muri Koperative RUCOSEC ikorera i Rulindo."

Yaboneyeho gusaba abagize Great Lakes Peace Forum "kuba koko intumwa z'amahoro, bakageza ubutumwa ku bakiri mu mashyamba, ngo batahe aho gukomeza guhungabanya umutekano w'Akarere."

Cpl Ngiruwonsanga Jean Marie Vianney na we watashye ava muri FDLR, nyuma akinjira mu Ngabo z'Igihugu RDF, akaza gusezererwa, yavuze ko imiyoborere myiza yamuhesheje amahirwe yo guhabwa inka na Perezida wa Repubulika kubera imikorere myiza.

Uwo kuri ubu avuga ko ari rwiyemezamirimo w'icyitegererezo.

Ati: "Mutubwirire Abanyarwanda bakiri muri iyo mitwe ko Igihugu cyabo kibategereje; gutaha ni ugutsinda ikinyoma, ni ugutsinda ikibi."

Mpakaniye Emilien, urangije inyigisho mu cyiciro cya 75 i Mutobo, yagize ati: "Ubu mumbonye ntimwakeka ko navuye mu ishyamba vuba. Imibereho myiza Igihugu cyampaye irabigaragaza."

Yongeyeho ko yakiriwe mu buryo budasanzwe n'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aboneraho gusaba ko abasigaye mu mashyamba ya Congo bakomeza gushishikarizwa gutaha.

Yagize ati: "Mutubwirire abakiri mu mashyamba bashire ubwoba, baze twubake u Rwanda ruzira umwiryane n'Akarere gatekanye."

Mujawayezu Laurence, ni umushumba mu itorero rya AEBER, na we witandukanyije na FDLR, yatanze ubuhamya bukomeye, yavuze ko yanyuze i Mutobo mu 2003 akimara gutahuka, Igihugu kikamugira Umunyarwandakazi wuzuye.

Yagarutse ku mibereho mibi y'Abanyekongo itewe n'ibikorwa bya FDLR, ashimangira ko yayibonye mu bice bya Rutshuru, Masisi, Walikale na Kingurube.

Ati: "Nabonye uko ingengabitekerezo yo kwanga Abatutsi yigishwa, amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi agorekwa, bigahungabanya amahoro."

Yasabye ko habaho ubukangurambaga bwihariye bwo kugarura abana b'u Rwanda bari mu mashyamba ya Congo, bagahabwa amahirwe yo kwiga no kubaho neza.

Perezida w'iryo huriro Great Lakes Peace Forum, Gakunde Felix, yavuze ko ubutumwa bwatanzwe buzababera umusemburo wo gukomeza ibikorwa by'amahoro mu madini n'abatware b'imiryango gakondo (chef coutumiers).

Ati: "Tugiye kugeza ubu butumwa aho dukorera hose, kuko amahoro ari yo musingi w'iterambere n'ubumwe bw'akarere kacu."

Komisiyo y'Igihugu yo Gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe Abari Abasirikare (RDRC) yagaragarije abo bashyitsi ko yita ku batahutse bose yaba abana, abagore n'abagabo.

Umunyamabanga Mukuru wa RDRC, Musoni Francis, yagize ati: "Abana n'abagore benshi baza bafite indwara zituruka ku mibereho mibi n'imirire mibi bakura mu buzima bwo mu mashyamba ya Congo, ariko ko Igihugu gikora ibishoboka byose kikabitaho, kikabafasha kongera kwiyubaka no gutanga umusanzu mu kubaka u Rwanda.

Iri huriro ryasuye i Mutobo ryasize ishusho ikomeye y'ubuhamya buhindura ubuzima, rifata n'inshingano yo kugeza ubutumwa bw'amahoro ku bakiri mu mashyamba ya DRC, ubutumwa bwo gutaha, kubana no kubaka ejo hazaza h'Akarere k'Ibiyaga Bigari bishingiye ku mahoro n'umutekano.



Col. Nizeyimana Wenceslas umwe mu bahoze muri FDLR ahamya ko gutahuka mu Rwanda byamufashije kwiteza imbere

# Hope Haven Christian School na Rwanda Coding Academy begukanye amarushanwa ya Robots na AI



Minisitiri w'Uburezi, yeretswe ubuhanga abana bagaragaza mu byo bakora bihambaye

ZIGAMA Theoneste

***Ibigo bya Hope Haven Christian School na Rwanda Coding Academy ni byo byahize ibindi mu marushanwa y'Igihugu agamije guteza imbere ubumenyi mu ikoranabuhanga rya Robots n'Ubwenge Muntu Buhangano (AI), aho byamuritse imishinga igamije gukemura ibibazo biri muri sosiyete.***

Mu cyiciro cya Robots, Hope Haven Christian School ni yo yegukanye umwanya wa mbere ku rwego rw'Igihugu, mu gihe mu cyiciro cya AI, Rwanda Coding Academy ari yo yitwaye neza kurusha ibindi bigo.

Gwiza Franco, wiga mu mwaka wa gatanu w'amashuri yisumbuye muri Hope Haven Christian School, yasobanuye ko umushinga wabo watsinze ugamije kunoza uburyo bwo gushakisha amabuye y'agaciro hifashishijwe drones na robots.

Yagize ati: "Twifashisha drone ijya hejuru igasesengura imiterere y'ubutaka, hanyuma tukohereza robot ikajya kugenzura neza ahakekwa amabuye y'agaciro. Ibi bituma ducukura ahantu hafite amahirwe menshi kandi mu gihe gito."



Aba ni bamwe mu bitabiriye amarushanwa



Nishimwe Cyntia Marie wiga ibijyanye na Software Programming and Hardware, yasobanuye umushinga ufasha WASAC

Yavuze ko hari ahantu henshi mu Rwanda hakiri ubushobozi budakoreshwa neza mu by'amabuye y'agaciro, bityo nk'urubyiruko bahisemo gutekereza ku buryo bwafasha abari muri uru rwego gukora kinyamwuga kandi bihuse.

Ku ruhande rwa Rwanda Coding Academy, Nishimwe Cyntia Marie wiga ibijyanye na Software Programming and Hardware, yasobanuye ko umushinga wabo wibanze ku gufasha Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Amazi Isuku n'Isukura (WASAC) kunoza itumanaho n'abafatabuguzi.

Yagize ati: "Akenshi amazi ashobora kubura mu ngo abaturage batabimenyeshejwe, bigahagarika ibikorwa byo mu rugo cyangwa mu nganda.

Twatekereje uburyo bw'ikoranabuhanga buhuza WASAC n'abafatabuguzi bayo, ku buryo igihe hateganyijwe gufunga amazi babimenyeshwa hakiri kare."

Yakomeje asobanura ko uwo mushinga ushobora no gufasha gutahura hakiri kare impanuka zituruka ku miyoboro yangiritse ishobora guteza imyuzure mu nzu, hifashishijwe AI mu gusesengura amakuru no gutanga impuruza ku gihe.

Biteganyijwe ko Abanyeshuri ba Hope Haven Christian School bahize abandi, bazahagararira u Rwanda mu marushanwa mpuzamahanga azabera muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, mu gihe aba Rwanda Coding Academy bo bazitabira amarushanwa azabera mu Busuwisi.

Aya marushanwa yitabiriwe n'abanyeshuri 200 bo mu bigo bitandukanye byo mu Rwanda.

Mu cyiciro cya Robots, mu cyiciro cya nyuma hatoranyijwe amashuri 15, mu gihe mu cya AI hageze amashuri 11 ku rwego rw'Igihugu.

**MINEDUC yashimye uruhare rw'aya marushanwa mu iterambere ry'imyigishirize n'imyigire**

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi, Irere Claudette, yashimangiye ko aya marushanwa ari ingenzi mu guteza imbere ubumenyi mu masomo ya Siyansi, Ikoranabuhanga n'Imibare (STEM), cyane cyane ku bana bafite hagati y'imyaka 9 na 16.

Yavuze ko amarushanwa nk'aya afasha abanyeshuri gushyira mu bikorwa ibyo biga, gukorera mu matsinda no kwigirira icyizere cyo gutanga ibitekerezo byabo imbere y'abandi.

Ati: "Kuri twe mu burezi, ibi ni byo tugamije, gufungura abanyeshuri, bakagira ubushobozi bwo gutekereza no guhanga udushya. Iyo batsinze ku rwego rw'Igihugu, bajya guhagararira igihugu ku rwego mpuzamahanga, bikaba ishema rikomeye."

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Inovasiyo Iradukunda Yves yavuze ko aya marushanwa ari umwanya mwiza wo kugaragaza impano z'urubyiruko, ashimangira ko iyo ruhawe ubufasha rukwiye rushobora gukora imishinga ihindura ubuzima bw'abantu.

Nubwo ubusanzwe aya marushanwa yitabirwa n'ibigo byo mu mahanga, kuri iyi nshuro amashuri amwe yo hanze ntiyabashije kwitabira kubera ibibazo by'ibyangombwa by'inzira.

Aya marushanwa agaragaza intambwe u Rwanda rukomeje gutera mu guteza imbere ikoranabuhanga n'udushya mu rubyiruko, by'umwihariko mu bijyanye na Robots na AI.





# Mu Rwanda hari abana 328 babana na ba nyina mu magororero

ZIGAMA Theoneste

***Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF) yatangaje ko mu magororero aney'abagore ari mu Rwanda habarizwamo abana 328 babana na ba nyina bari kuhagororerwa, muri abo bana 44 bamaze kuzuza imyaka itatu iteganywa n'itegeko ngo bashakirwe imiryango ibakira ariko bakaba batarayibona.***



Minisitiri wa MIGEPROF Uwimana Consolée yagaragaje ko mu magororero y'u Rwanda habarurwa abana 328 babanamo na ba nyina

Abo bana bari mu magororero ya Musanze, Nyarugenge, Nyamagabe na Ngoma. Muri ayo magororero kandi hari n'abagore umunani batwite.

Ibi byagarutsweho ku wa Kabiri, tariki ya 19 Gashyantare 2025, mu biganiro Abadepite bagize Komisiyo y'Ubumwe bw'Abanyarwanda, Uburenganzira bwa Muntu no Kurwanya Jenoside bagiranye na MIGEPROF, bishingiye kuri raporo ya Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu y'umwaka wa 2024/2025.

Minisitiri wa MIGEPROF Uwimana Consolée, yagaragaje ko imibare iheruka yo mu kwezi k'Ugushyingo 2025, Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana cyasanze abana bari mu magororero ari 328.

Yagaragaje ko umugore cyangwa umukobwa, iyo ageze ku igororero inzego zibishinzwe zibanza kumupima harebwa niba atwite kugira ngo yitabweho by'umwihariko, mu gihe umugore uhawe igihano cy'igifungo afite umwana uri munsi y'imyaka 3, abana na we mu igorero, yakuzuza itatu agashakirwa umuryango.

Yagize ati: "Harimo abakobwa 171 n'abahungu 157. Igororero rya Nyarugenge ni ryo rifite abana benshi bangana na 194, Ngoma 80, Nyamagabe 71, na Musanze harimo 63".

Muri abo 149 bari mu bigo mbonezamikurire (ECD). Yagaragaje ko iyo umwana amaze kuzuza imyaka 3, Ikigo cy'lgihugu Gishinzwe Imikurire no Kurengera Umwana (NCDA) n'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora (RCS) bafatanya mu gushakira abana umuryango ubakira.

**Abadepite basaba ibihano nsimburagifungo ku babyeyi bafite abana bato**

Abadepite bagaragaje impungenge ku burere bw'abana bafite ba nyina bafunzwe, haba abari mu magororero na bo ndetse n'abasigara mu miryango mu gihe ba nyina bari kugororwa.

Depite Sibobugingo Gloriose yavuze ko hakwiye gutekerezwa ku bihano bisimbura igifungo ku bagore bakoze ibyaha ariko bafite abana bato bakeneye kubaba hafi.

Yagize ati: "Ni byo uwakoze icyaha agomba guhanwa, ariko dufite n'ubundi buryo bwo guhana butari igifungo. Mu rwego rwo kurengera uburenganzira bw'umwana, igifungo ntigikwiye kuba ari kuba ari yo mahitamo ya mbere, hakoreshwa n'ubundi buryo bwatuma umubyeyi akomeza kwita ku mwana we."

Depite Kayigire na we yagaragaje ko nubwo kudahana bidashyigikirwa, ku mubyeyi waguye mu cyaha bikwiye ko hashakwa uburyo butuma atajyanwa mu igororero mu gihe afite abana bato akeneye kurera.

**Impungenge ku burere bw'abana bashyikirizwa imiryango**

Depite Mukeshimana Lydia yagaragaje ko hari abana bashyikirizwa imiryango ariko ntibarererwe mu buryo buboneye, ndetse bamwe bakakirwa kubera inyungu z'amafaranga cyangwa ubufasha bakeka ko bazahabwa.

Yavuze ko hari n'abana batabona imiryango ibakira, asaba MIGEPROF gusobanura ingamba ifite zo kubashakira aho barererwa, cyangwa niba hatashyirwaho ibigo byihariye bibakira.

Yagarutse no ku kibazo cy'abana bafite amateka akomeye, nko kuba umwe mu babyeyi yarishe undi, bigatuma imiryango yo ku mpande zombi ibafata nk'inzigo, bikagira ingaruka ku mibereho yabo.

Abadepite banabajije uko Minisiteri ifasha abitwa "Malayika Murinzi" bahabwa kurera abana badafite ababyeyi babitaho, cyane ko bamwe bashobora guhura n'ibibazo by'ubukene.

**Hari gutekerezwa ku kugabanya ibihano ku bafite abana bato**

Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango, Uwimana Consolée, yavuze ko bari kugirana ibiganiro n'inzego z'ubutabera ku buryo abagore bafite abana bato bashobora kugabanyirizwa ibihano cyangwa bagahabwa ibindi bisimbura igifungo.

Yasobanuye kandi ko guhitamo "Malayika Murinzi" bisaba ko uwatoranyijwe aba ari inyangamugayo, afite nibura imyaka 35 y'amavuko, kandi ko mu gihe bigaragaye ko umwana afashwe nabi, amasezerano aseswa agahita ajyanwa ahandi.

Ku bijyanye n'abana 44 barengeje imyaka itatu batarabona imiryango ibakira, Minisitiri Uwimana yavuze ko akenshi biterwa n'uko bamwe muri bo bafite ubumuga cyangwa uburwayi bukomeye, bigatuma kubona imiryango ibakira bigorana. Icyakora, yavuze ko inzego zibishinzwe zikomeje gushyira imbaraga mu kubashakira imiryango ibakira.

MIGEPROF yemera ko ikibazo kigihari, ariko igashimangira ko gukomeza gushakira abo bana imiryango iboneye no kurengera uburenganzira bwabo biri mu byihutirwa.



Depite Sibobugingo Gloriose yavuze ko hakwiye gutekerezwa ku bihano bisimbura igifungo ku bagore bakoze ibyaha bafite abana bato

# WASAC Group yashyikirijwe imashini zipima ubuziranenge bwa Mubazi

KAYITARE Jean Paul

***Ikigo cy'Igihugu gishinzwe amazi, isuku n'isukura (WASAC Group), cyashyikirijwe imashini 10 zipima ubuziranenge bwa Mubazi zifite agaciro k'arenga 14 000 000 Frw n'Umuryango Water for People.***



WASAC Group yashyikirijwe ibikoresho 10 bizajya byifashishwa mu gupima ubuziranenge bwa Mubazi

Izo mashini WASAC Group yahawe zizifashishwa na ba Rwiyemezamirimo bafasha mu kugeza amazi meza mu bice by'icyaro gupima ubuziranenge bwa mubazi z'abafatabuguzi b'amazi mu bice bakoreramo.

Kugira ngo umenye ko mubazi y'umufatabuguzi w'amazi ari nzima, ni uko imashini ipima ubuziranenge yatanzwe na Water for People igomba kubara litiro 20 na mubazi y'umufatabuguzi ikabara litiro 20 zuzuye cyangwa 19 cyangwa se 21.

Mu gihe mubazi y'umukiliya wa WASAC Group yaba igaragaje litiro ziri hejuru ya 21 bivuze ko yapfuye kuko iba ibarira amazi menshi umufatabuzi w'amazi mu gihe Mubazi yaba igiye munsi ya litiro 19 nabyo bigaragaza ko yapfuye kuko umuturage aba yishyura amazi make ugereranyije n'ayo yakoresheje. Iyo mubazi y'umufatabuguzi w'amazi bigaragaye ko yapfuye ihita isimbuzwa.

Ibi byagarutsweho ku itariki 11 Gashyantare 2026, mu muhango wabereye ku cyicaro cy'Umuryango Water for People mu Mujyi wa Kigali, ubwo WASAC Group yashyikirizwaga imashini zipima ubuziranenge bwa mubazi zikoreshwa n'abafatabuguzi b'amazi.

Bimenyimana Robert, Umuvugizi w'Ikigo Gishinzwe Amazi, Isuku n'Isukura yabwiye Imvaho Nshya ko inkunga yatanzwe na Water for People ari ingenzi kuko nubwo WASAC Group isanzwe ifite imashini zigenzura ubuziranenge bwa mubazi, zidahagije.

Yagize ati: "Mu bice by'icyaro ahakorera ba rwiyemezamirimo badufasha kugeza amazi meza ku baturage, imashini zipima ubuziranenge bwa mubazi, ntizari zihagije. Turashimira Water for People kuri iyi inkunga y'ingenzi iduhaye kuko izafasha kumenya ubuziranenge bwa mubazi abafatabugizi b'amazi bakoresha."

Avuga kandi ko gupima ubuziranenge bwa mubazi bibafasha no kugabanya amazi ameneka atageze ku bo agomba kugeraho.

Ati: "Iyo mubazi ikora nabi, ishobora kukwereka ko amazi yakoreshejwe ari ku kigero runaka kiri hasi y'ikigero cy'amazi yaciyemo.

Icyo gihe rero wa muntu uje kureba amazi yakoreshejwe mu rugo, araza agasoma ibyanditseho wenda ntanamenye ko mubazi yapfuye, ugasanga afashe imibare mikeya kandi amazi yakoreshejwe yo ari menshi.

Ibi rero bihita biba igihombo kuri twe, kandi amazi asaba ikiguzi kitari gito mu kuyasukura no kuyageza ku bafatabuguzi bacu.

Iyo haje uburyo nk'ubu bwo gupima ubuziranenge bwa mubazi, bidufasha ko amazi yose yatunganyijwe abasha kugera ku bo agenewe, ari bo ba baturage kandi nabo bakayishyura, bikagabanya cya gihombo twaterwaga namubazi zidakora neza."

Eugène Dusingizumuremyi, Umuyobozi wa Water for People mu Rwanda, avuga ko imashini zatanzwe zije gufasha ba Rwiyemezamirimo bacunga imiyoboro y'amazi mu bice by'icyaro kujya bamenya amazi za Mubazi z'abafatabuguzi b'amazi zibara, niba ari yo koko.

Agira ati: "Icyo izi mashini zije gukemura, ni ukugira ngo ba rwiyemezamirimo bakorera mu bice by'icyaro bazikoreshe mu kumenya mubazi zidakora neza zisimbuzwe bityo bigabanye igihombo cy'amazi ashobora kunyura muri mubazi zapfuye ntabarwe kandi yakoreshejwe."

Imashini zatanzwe na Water for People zizafasha mu kugenzura ubuziranenge bwa mubazi z'abafatabuguzi b'amazi mu Turere 10 ari two; Rwamagana, Kayonza, Ngoma, Kirehe, Nyagatare, Ruhango, Nyanza, Nyamagabe, Ngororero na Nyabihu.

Muri utwo Turere 10 hakorera ba rwiyemezamirimo bafasha WASAC Group kugeza amazi meza ku baturage bagera kuri 13 ari bo; Ubuzima Bwiza MKM, Better Together, Water Ways, Patto Water, Ayateke, NG&WS, Aqua Management, Ni bwo buzima, Axion Water, Home Praise, UF Realities, COWBE na REDEC.

Buri mashini mu mashini 10 zatanzwe, ifite agaciro k'amadolari ya Amerika 1 000. Umuyobozi wa Water for People akomeza avuga ko zidahenze ugereranyije n'icyo zitezweho.

Ati: "Muri rusange ntabwo izi mashini zihenze ugereranyije n'icyo zije gukemura kuko wasanga imwe ije kongera amafaranga yinjiraga arenze ayo yaguzwe kandi mu gihe gitoya."

Imashini zipima ubuziranenge bwa mubazi zatanzwe binyuze mu Mushinga 'Isoko y'Ubuzima' uterwa inkunga na Leta Zunze Ubumwe za Amerika, ugashyirwa mu bikorwa n'Umuryango Water for People ku bufatanye n'abafatanyabikorwa batandukanye.

# 74% bari Iwawa ntibarangije amashuri abanza- NRS

KAYITARE Jean Paul

***Ubuyobozi bw'Ikigo Gishinzwe Igororamuco (NRS), butangaza ko abanyeshuri 74% bari mu Kigo Ngororamuco cya Iwawa batarangije amashuri abanza.***

Fred Mufulukye, Umuyobozi Mukuru wa NRS, yabigarutseho mu gihe hari abavuga ko mu batwarwa mu Kigo Ngororamuco cya Iwawa, haba harimo abana b'abayobozi bakuru baba barasabiwe kujyanwa Iwawa biturutse ku myitwarire ibangamiye ituze rya rubanda.

Ubuyobozi bwa NRS bushimangira ko atari ko bimeze ahubwo ko abagezwa Iwawa bifite inzira zisobanutse ziba zigomba gukurikizwa.

Agira ati: "Nanjye njya mbyumva ariko sinzi aho byaturutse ngo hano haza abana bo mu miryango yishoboye cyangwa y'abayobozi, ntabwo ari byo. Urugero, aba bantu mubona hano 74% ntabwo barenze umwaka wa gatandatu w'amashuri abanza. Abana batarenze uwa gatandatu w'amashuri abanza ni abava mu miryango yishoboye? Icyo cyonyine cyaba gihagije kubaha igisubizo."

Mufulukye ashimangira ko ujyanwa mu Kigo Ngororamuco cya Iwawa, aba agomba kuba yaturutse mu bigo ngororamuco byibanze (Transit Centers). Mu gihe muri ibyo bigo haba harimo abana bo mu miryango yishoboye, iyo bagiye kujyanwa Iwawa bose barajyanwa ntawe usigaye.



Mufulukye Fred, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo Gishinzwe Igororamuco (Ifoto: Olivier Tuyisenge)





# Sobanukirwa ubwato butwara abagiye Iwawa

KAYITARE Jean Paul

***Abajya n'abava ku Kirwa cya Iwawa gihereyeye mu Karere ka Rutsiro mu Murenge wa Boneza mu Ntara y'Iburengerazuba, bakoresha ubwato.***



Ubwato butwara abagiye ku kirwa cya Iwawa bufite ikoranabuhanga rihambaye (Ifoto: TUYISENGE Olivier)

Imvaho Nshya yagiranye ikiganiro na Hagenimana Hussein, Kapiteni w'ubwato bw'Ikigo Ngororamuco cya Iwawa, asobanura ko ubwato butwarwa n'abakozi batatu ari na we muyobozi wabo.

Ubwato bwaguriwe mu Bushinwa ari naho bwateranyirijwe. Bwatangiye gukoreshwa muri Gicurasi 2020 mu rwego rwo gufasha abakozi ba Iwawa, abanyeshuri igihe batashye rimwe na rimwe bukifashishwa no mu bikorwa bya Leta.

Ni ubwato bwatwaye Leta asaga 400 000 000 Frw bukaba bucungwa n'Ikigo Gishinzwe Igororamuco. Hagenimana avuga ko mbere y'uko ubu bwato buza, ingendo zigana ku Kirwa cya Iwawa zari zigoye cyane.

Agira ati: "Ingendo zari zigoranye kuko buri gihe twahoranaga impungenge nubwo nta mpanuka twigeze tugira dukoresha ubwato bw'igiti ariko umuntu yahoranaga impagarara ukurikije imiyaga yo mu mazi ariko aho ubu bwato bwaziye, umuntu yashima kuko hari aho umuntu yavuye hari n'aho yageze."

Akurikije imiterere y'ubwo bwato n'ikoranabuhanga bukoranye, ijanisha ryo gukora impanuka riri hasi cyane, agashimangira ko mbere ya 2020 na nyuma hari itandukaniro rinini ku ngendo zo mu mazi bakora.

**Imiterere n'imikorere y'ubu bwato**

Ubwato bujya ku Kirwa cya Iwawa bufite ikoranabuhanga rihambaye rituma ababugendamo bagenda batekanye. Bwuzuzwa na litiro 1 200 za lisansi zishobora gukoreshwa ingendo enye, ni ukuvuga urugendo rwa Iwawa-Rubavu.

Bufite ubutambike bwa metero 17, ubugari ni metero 4,7; kuva ku ndiba y'ubwato ujya hejuru, ni metero 4,3.

Intebe zabwo zikoze muri kuwire (Cuire), ku ruhande rwazo hari ahari ibyuma ndetse na pulasiti, imbaho zishashe hasi mu bwato ni libuyu mu gihe imiryango ikozwe mu mbaho za MDF.

Hagenimana avuga ko ibice by'ingenzi by'ubwato ari bine; ahegereye umushoferi hari imyanya y'icyubahiro (VIP) kandi hicara abantu 10, igice gisanzwe cyicarwamo n'abantu 32, hanze hari igice cya VVIP kiri hejuru, aho bagenda bumva umwuka wo mu mazi. Butwara abantu 50 n'imizigo yabo igera kuri toni ebyiri.

Ubwato bukoze mu buryo bushya bugezweho bwa pulasitike ariko ivanze n'ibindi bintu (Fiber Glass), bufite igice cyo hasi kimwe kigirwa n'ubwato bwiruka.

Ati: "Kugira ngo uvuge ko ubwato bwiruka cyane, ni uko buba bugendera ku muvuduko wa kilometero 30 ku isaha mu mazi, ubu bwacu ni wo bukoresha bivuze ko bufite umuvuduko uhagije."

Ubu bwato bugizwe n'ibice bitandukanye aho umuntu ashobora kugenda bijyanye n'uburyo yifuzamo n'aho ashaka kugenda. Mu gice cyo hejuru hashobora kugendamo abantu 15 bahagaze kandi baganira.

Bufite amatara yifashishwa mu ngendo za nijoro kugira ngo abandi bantu bagenda mu mazi babashe kukubona. Bugira umurindankuba n'umunara w'itumanaho rikoreshwa mu mazi.

Ni ubwato bukoresha indangururamajwi cyangwa ihoni rishobora kuburira umuntu uri mu nzira kugira ngo bushobore gukomeza.

Hari ikindi gice cyagenewe abantu bagera ku icyenda bakoreramo inama. Bufite moteri ebyiri zikorera icyarimwe, zombi zifite ingufu zingana na 400 (Horsepower) zo mu bwoko bwa Yamaha (V8).

Ati: "Izi moteri zikoranywe ikoranabuhanga rishya kandi rigezweho, zikoresha amashanyarazi kurusha uko zakoresha moteri."

Hari ikindi gice kigizwe n'imyanya rusange abantu bicaramo kandi bareba amazi, icyo gice kirimo n'ubwiherero bukoreshwa n'abari mu bwato.

Uri mu bwato ntashobora kwicwa n'ubushyuhe kubera ko bugira uburyo butuma haboneka umwuka (Air Condition), bivuze ko mu gihe hashyushye, hashyirwamo ubukonje no mu gihe hakonje hagashyirwamo ubushyuhe.

Mu gice cy'imbere ahatwarwa abayobozi, hari ahagenzurirwa ubwato ari na ho hari vola ifasha mu cyerekezo umuyobozi wabwo ashaka. Muri icyo gice hari ikoranabuhanga rigezweho ry'igikoresho cyitwa lowarensi (Lowrance) gikoresha ikoranabuhanga nk'irya radari.

Agira ati: "Lowarensi idufasha ko no mu gihe tutari kureba imbere cyangwa nijoro ushobora gukoresha ubu bwato kuko ushobora gukoresha imibare (Coordinates) y'aho ugiye, ukaba wahagera ukoresheje iyi radari yo mu bwoko bwa lowarensi."

Ubu bwato biragoye ko bwakora impanuka kubera ko bufite ubushobozi bwo kwerekana ikintu cyose kiri muri metero 50. Hari uburyo bw'ikoranabuhanga bushyirwa muri lowarensi bwitwa 'mode' bityo hakamenyekana ikiri hafi y'ubwato.

Hagenimana asobanura ko niba ari igihumeka, ikintu gikomeye cyangwa niba ari n'inyamaswa y'inkazi, iri koranabuhanga ribimenyesha utwaye ubwato. Ikindi iri koranabuhanga ryerekana uburyo munsi mu mazi hameze n'uko hangana.

Ati: "Ubushyuhe bw'amazi urimo kugendamo, ubushyuhe buri hanze ndetse bukanakwereka umuvuduko uri kugenderaho. Ni ukuvuga nshobora guhaguruka i Gisenyi cyangwa Iwawa nkaba nzi igihe neza ndibugerereyo nta zindi nzitizi zibaye mu mazi bijyanye n'umuvuduko ndiho, iyi lowarensi ishobora kubinyereka."

Ubwato bugira ikoranabuhanga ryereka ubutwaye ingano ya lisansi irimo kugenda, amavuta ndetse n'uburyo moteri irimo kwikaraga (RPM).

Ku rundi ruhande lowarensi ikorana n'ibyogajuru (Satellite), mu gihe itanga amakuru mu buryo butihuse, gufata ibipimo by'aho ubwato buri kugana nabyo biratinda akaba ari yo mpamvu bufite igikoresho kigaragaza amerekezo (Compass).

Iki gikoresho gikora byihuse mu gihe uzi neza imibare (Coordinates) y'aho ubwato bwerekeza. Mu gihe ihuzanzira ritameze neza mu mazi, icyo gihe hifashishwa radiyo yo mu mazi (Marine radio) kugira ngo abatwaye ubwato bashobore kuvugana n'abandi bose bari mu mazi cyangwa mu bihe bidasanzwe.

Bufite na radiyo ndangururamajwi yifashishwa mu kubwira abagenzi uburyo bagomba kwifata ndetse n'ibyo bagomba gukora, radiyo isanzwe na televiziyo.

Ku kirwa cya Iwawa, hubatse Ikigo Ngororamuco kimaze kunyurwamo n'abanyeshuri 39 360 habariwemo icyiciro cya 25 gikomeje amasomo.



Hagenimana Hussein, Kapiteni w'ubwato bwa Iwawa, amaze imyaka 6 abutwara we na bagenzi be bafatanya (Ifoto: Tuyisenge Olivier)

# Ruhango: Uwaretse akazi i Burayi yoroye ingurube zimwinjiriza miliyoni 3 Frw

HABIMANA Eric

***Uwamariya Alvera, utuye mu Karere ka Ruhango, Umurenge wa Byimana, ni umuhinzi mworozi waretse akazi yakoraga ku mugabane w'u Burayi agaruka mu Rwanda, kuri ubu ibyo bikorwa akora, avuga ko bimwinjiriza asaga miliyoni 3 z'amafaranga y'u Rwanda ku kwezi nyamara aho mu mahanga atarabashaga kuyakorera.***



Yahisemo kureka akazi yari afite i Burayi, agaruka mu Rwanda yorora ingurube

Mu kiganiro yagiranye na Imvaho Nshya, Uwamariya yavuze ko igitekerezo cyo gushora imari mu buhinzi n'ubworozi yagikuye ku muhinzi bahuriye mu mahanga wamubwiye ko ubutaka ari isoko y'ubukungu idashira. Icyo gihe yahise asanga amahirwe yari afite mu Rwanda atabyazwa umusaruro uko bikwiye, afata icyemezo cyo gutaha atabanje no kubiganiraho n'umuryango we.

Ati: "Nakoraga akazi keza katumaga nzenguruka Isi. Umunsi umwe mpura n'umuhinzi ambwira ko ufite ubutaka aba afite ubukungu. Nahise mbona ko amahirwe mfite mu Rwanda ndi kuyapfusha ubusa, mfata umwanzuro wo gutaha ntangira kubukoresha."

Akimara gutaha mu 2010, yatangiye ashyira imbaraga mu buhinzi bw'urutoki n'urubingo. Yaje kubona isoko muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI), abifashijwemo n'Akarere ka Ruhango kari mu twari twaragenewe guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi.

Ati: "Natangiye mpinga urutoki n'urubingo. Muri MINAGRI bakeneraga urubingo ndaruhinga, rumfasha kubona arenga miliyoni n'ibihumbi 300 mu gihe gito. Nyuma isoko rirabura, mpitamo kubihagarika."

Nubwo yatangiye ubuhinzi, intego ye nyamukuru yari ukwibanda ku bworozi bw'ingurube, kuko ari umwuga yakunze kuva akiri muto.

Mu 2019, ubwo icyorezo cya COVID-19 cyageraga mu Rwanda, yafashe icyemezo cyo kurandura urubingo yari yarahinze yubaka ibiraro by'ingurube, atangira kuzitaho nk'umushinga w'ibanze.

Ati: "Nakuze nkunda ubworozi. Ubworozi bw'ingurube bwambereye umushinga ubyara inyungu kandi unamfasha mu buhinzi. Mbere natangaga arenga miliyoni n'ibihumbi 200 ku ifumbire mu gihembwe kimwe, ariko ubu ingurube zimpa ifumbire ihagije, ayo mafaranga nkayifashisha mu kugura ibiryo byazo."

Ashimangira ko guhuza ubworozi n'ubuhinzi ari inkingi y'iterambere rirambye, kuko amafaranga ava mu buhinzi afasha mu kugaburira amatungo, naho ifumbire iva ku matungo igafasha kongera umusaruro w'imyaka.

Kugeza ubu afite ingurube zirenga 150, kandi akoresha intanga zitunganyijwe azitumiza muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi mu rwego rwo kongera ubwiza n'umusaruro w'amatungo. Ubworozi abuhuza n'ubuhinzi bw'avoka, urutoki n'ikawa, byose bikamufasha kubona umusaruro ugaragara.

Uyu mushinga wamufashije kugera ku bikorwa by'iterambere birimo kuvugurura inzu y'iwabo byamutwaye arenga miliyoni 3 Frw, kugeza umuriro n'amazi aho atuye, no kubaka ibiraro bigezweho by'ingurube byatwaye miliyoni 42 Frw. Yanateye ibiti by'ikawa 1 200 kuri hegitari imwe, agura undi murima wa hegitari ateramo ishyamba ryamutwaye arenga miliyoni 20 Frw.

Ati: "Iyo mbaze amafaranga ninjiza buri kwezi arenga miliyoni 3 z'amafaranga y'u Rwanda, kuko mpemba abakozi buri kwezi, mpemba ba nyakabyizi amafaranga ibihumbi 2 ku munsi, ubwo ku kwezi arenga ibihumbi 60, hari ibindi nkenera nk´imiti y'amatungo, ibiryo, nanjye mu rugo nkenera kubaho, n'ibindi bisaba amafaranga kandi mbishoramo hafi miliyoni irenga ku kwezi.

Yunzemo ati: "Ibyo byose iyo mbirangije ayanjye nsigarana nk´inyungu ni ibihumbi 720 ku kwezi. Ni akazi buri wese yakora".

Uwamariya ashishikariza cyane abagore kwitinyuka bagashora imari mu mishinga ibateza imbere, agaragaza ko ubworozi n'ubuhinzi bidakumira umuntu gukora ibindi, ahubwo bimufasha kugera ku iterambere rirambye.

Mu Nama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 20, Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi, Dr Télesphore Ndabamenyeye, yagaragaje ko nubwo ubutaka bw'u Rwanda butiyongera, abaturage bakomeje kwiyongera.

Uwo muyobozi yashishikarije abaturage kubyaza umusaruro ubutaka bakoresheje igenamigambi n'ikoranabuhanga mu buhinzi n'ubworozi, anagaragaza ko Leta yashyizeho ibigo bitunganya intanga z'ingurube mu rwego rwo kongera umusaruro n'ubwiza bw'amatungo.



Gukoresha ifumbire byazamuye umusaruro

# Gakenke: Ifumbire yazamuye umusaruro w'ibigori uva kuri toni 3,8 ugera kuri 5,5

NGABOYABAHIZI Protais

***Abahinzi bo mu Karere ka Gakenke, by'umwihariko abo muri Koperative Icyerekezo 2031 Taba yo mu Murenge wa Gashenyi, bavuga ko gukoresha ifumbire no guhinga ibigori mu buryo bwa kijyambere byabafashije kongera umusaruro no kwiteza imbere.***

Mbere yo gutangira gukoresha ifumbire mvaruganda no gukurikiza inama z'abajyanama mu buhinzi, abo bahinzi bavuga ko bahingaga mu buryo bwa gakondo, umusaruro w'ibigori ukaba muke cyane.

Bavuga ko kuri hegitari imwe babonaga toni 3,8 z'ibigori, kandi ntibabone inyungu igaragara. Hari abahingaga bagasarura ibitishyura n'ayo bashoye, bamwe bagahomba bitewe n'umusaruro muke n'igabanyuka ry'ibiciro ku isoko.

Umwe mu bahinzi yagize ati: "Twahingaga tudashyizemo ifumbire ihagije, umusaruro ukaba muke. Hari igihe wasangaga ibyo usaruye bitanakwijiriza inyungu, ugasubira inyuma aho gutera imbere."

Nyuma yo gukoresha ifumbire no gukurikiza inama z'abajyanama mu buhinzi bafashijwe n'ubuyobozi bw'Akarere, umusaruro wavuye kuri toni 3,8 kuri hegitari ugera kuri toni 5,5 kuri hegitari imwe, kandi bifuza ko nibura bazagera kuri toni 10 kuri hegitari.

Mutabaruka Elias, Umuyobozi wa koperative, yavuze ko abanyamuryango bayo bagera kuri 549 kandi bose bamaze kubona impinduka, nyuma yo kuvugurura ubuhinzi bw'ibigori, bakoresha ifumbire.

Yagize ati: "Ubu turi abanyamuryango 549. Ubuhinzi bw'ibigori bwatumye dutera imbere ku buryo bugaragara. Umusaruro wariyongereye cyane, bituma tubona inyungu. Hari abubatse inzu nziza, abandi baguze inka za kijyambere. Koperative yatumye tunamenya kwizigamira no gukorera hamwe."

Abandi banyamuryango bavuga ko gukorera muri koperative byatumye bagira imbaraga zo kugura inyongeramusaruro ku gihe no kubona amasoko, bityo umusaruro wabo ugahabwa agaciro.

Umuyobozi w'Akarere ka Gakenke ushinzwe

KOMEZA KU RUP. 31





# Amajyaruguru: Imyumvire ni yo ntandaro y'imirire mibi n'igwingira

KWITONDA Clarisse

***Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango Uwimana Consolée, yasobanuye ko kuba mu Ntara y'Amajyaruguru hagaragara ikibazo cy'imirire mibi n'igwingira atari uko ibiribwa bihabuze, kuko bihera, ahubwo ari ikibazo cy'imyumvire.***




Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango Uwimana Consolée yibukije ko abantu bagomba kwita ku mitegurire y'amafunguro

Yabigarutseho mu Karere ka Gicumbi ahabereye inama yo ku rwego rw'Intara y'Amajyaruguru igamije kurwanya imirire mibi n'igwingira ku bana, yiha intego igira iti 'zeru mu mirire mibi n'igwingira ry'abana, yabaye kuri uyu wa Gatanu, tariki ya 20 Gashyantare 2026.

Iyo nama yari igamije kongera imbaraga mu rugamba rwo kugera ku ntego ya zeru mu kurwanya imirire mibi n'igwingira ku bana, hibandwa cyane ku guhindura imyumvire no gukoresha neza ibiribwa biboneka mu ngo.

Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango Uwimana Consolée, yagaragaje ko igwingira rikigaragara muri bamwe mu bana ridaterwa n'ubuke bw'ibiribwa, ahubwo rishingiye ahanini ku myumvire n'imikoreshereze y'ibiribwa biboneka mu ngo.

Yagize ati: "Mu by'ukuri, nk'uko byahoze bivugwa, Gicumbi ni ikigega cy'ibiribwa, haba ibikomoka ku matungo ndetse n'ibikomoka ku buhinzi. Bityo rero, ntibikwiye ko umwana arya igi ryamenetse cyangwa ngo anywe amata make kubera ko ayandi ajyanwa ku isoko. Umwana akwiye kubanza guhaga, ibindi bikabona kujya ku isoko."

Yakomeje ashimangira ko ubukangurambaga bugamije guhindura imyumvire bukenewe, agaragaza ko umwana akwiye guhabwa indyo yuzuye mbere y'uko umusaruro ujyanwa ku isoko.

Yagize ati: "Turibanda cyane ku kwibukiranya ko umwana abanza guhaga no kubona indyo yuzuye, ibindi bikabona gukurikiraho."

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Mugabowagahunde Maurice, yavuze ko iyo nama ari umwanya wo gusesengura igitera igwingira kuko nubwo imibare igabanyuka ariko bitaragera ku kigero gishimishije.

Ati: "Nkuko twabibonye ari Akarere ka Burera cyangwa Gicumbi hari aho imibare yavuye ndetse naho igeze, ariko munyemerere buri wese yaba umufatanyabikorwa cyangwa abayobozi b'Inzego z'ibanze kuko twese turi hano nidushake impamvu ndetse n'ingamba zashyirwa mu bikorwa mu guhangana n'ikibazo cy'imirire mibi n'igwingira."

Yasabye abayobozi n'abafatanyabikorwa gukomeza kwegera abaturage no kubakangurira kwita ku mirire iboneye y'abana, hagamijwe kubarinda igwingira n'ingaruka zaryo.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Impuzamiryango iharanira Uburenganzira bwa Muntu mu Rwanda (CLADHO) Dr Emmanuel Safari, yavuze ko mu nshingano zabo, bafatanyije na World Vision, bagiye kurushaho gushyira imbaraga mu gukumira igwingira, cyane cyane bahereye ku muryango.

Yagize ati: "Kurwanya igwingira bigomba gutangira umwana agisamwa, kuko iyo umwana agize imirire mibi bigira ingaruka ku mikurire y'ubwenge bwe. Nidukomeza kurebera izamuka ry'imibare y'abana bagwingira, bizagira ingaruka zikomeye ku gihugu cyacu mu myaka iri imbere. Dukwiye gufatanya, duhereye mu rugo naho umwana ari hose, tukamwitaho uko bikwiye."

Yakomeje asaba buri wese kugira uruhare muri uru rugamba, ati: "Ni yo mpamvu twicaye hano tuganira kuri iki kibazo, kuko kidusaba twese kugiha umwanya. Ni ikibazo cyacu twese, ntihakagire uba indorerezi, ahubwo buri wese ajye mu ngamba zo kurwanya igwingira."

Ubushakashatsi bugaragaza ko uhereye 2020 kugeza 2025 hari Uturere tutigeze tugabanya umubare w'igwingira turimo Kicukiro, Gisagara, Karongi, Rusizi, Gatsibo na Kirehe ndetse hakaba n'utundi twagabanyije hejuru ya 10% harimo Ngororero Nyabihu, Ruhango, Gakenke, Nyaruguru, Musanze aha byatanze umukoro wo kongera ubukangurambaga ku mirire iboneye, gukurikirana imikurire y'abana, no gushishikariza imiryango gushyira imbere ubuzima bw'umwana mbere yo gutekereza inyungu z'isoko.

Abitabiriye inama bose biyemeje gushyira imbaraga mu bikorwa bigamije kurandura burundu imirire mibi n'igwingira, hagamijwe kubaka ejo hazaza heza h'abana n'Igihugu muri rusange.

IBIKURIKIRA URUP. 30

# Gakenke: Ifumbire yazamuye umusaruro w'ibigori uva kuri toni 3,8 ugera kuri 5,5

Iterambere ry'Ubukungu, Niyonsenga Aimé François, yemeza ko koko ubuhinzi bw'ibigori bwazamuye imibereho y'abanyamuryango ba Koperative Icyerekezo 2031 Taba.

Yagize ati: "Imibare irabigaragaza ko umusaruro wavuye kuri toni 3,8 ugera kuri 5,5 kuri hegitari. Ibi byazamuye cyane ubukungu bw'abahinzi. Turakomeza kubafasha kubona inyongeramusaruro ku gihe, kubahuza n'amasoko no kubongerera ubumenyi mu buhinzi bwa kijyambere."

Yakomeje asaba abahinzi gukomeza guhingira isoko ariko banazirikana kunoza imirire mu miryango yabo, barwanya igwingira.

Yagize ati: "Guhingira isoko ni ingenzi kugira ngo babone amafaranga, ariko tunabashishikariza kwita ku mirire myiza y'abana no kurwanya igwingira, bakoresha umusaruro wabo mu buryo bubafasha kwiteza imbere no kugira ubuzima bwiza."

Abahinzi bavuga ko bafite intego yo gukomeza kongera umusaruro no gukorera hamwe, kugira ngo ubuhinzi bukomeze kuba inkingi y'iterambere ryabo n'iry'Akarere muri rusange.

# Burera: Agahinda k'umusore wacurujwe muri Aziya

NGABOYABAHIZI Protais

***Umusore w'imyaka 29 wahawe amazina ya Kubwimana Aimable, utuye mu Murenge wa Kivuye, Akarere ka Burera, aravuga ko yahuye n'akaga gakomeye nyuma yo gushukishwa akazi keza mu mahanga ku rubuga nkoranyambaga rwa Facebook, akaza kwisanga muri Aziya acuruzwa ndetse agakoreshwa imirimo y'agahato.***

Avuga ko yize amashuri yisumbuye mu Rwanda, nyuma akora akazi ko gucuruza imodoka, na bwo agakorera ku rubuga rwa Facebook ashaka abakiliya.

Ni kuri urwo rubuga yahuriye n'abantu bamwizezaga kumuhuza n'akazi mu gihugu cya Thailand, aho bamubwiraga ko azajya akora mu kuvugisha abakiliya "call center" agahembwa amadolari 700 ku kwezi, asaga miliyoni y'amafaranga y'u Rwanda.

Yagize ati: "Banyeretse ubuzima bwiza, banyizeza ko nzajya mba mu nzu nziza kandi nkorera amafaranga menshi. Numvaga ari amahirwe atagomba kunsiga."

Kubwimana atangira gushaka ibyangombwa yari afite ibihumbi 70 by'amafaranga y'u Rwanda ari na byo yashatsemo ibyangombwa by'inzira.

Kubera ko mu Rwanda nta ambasade ya Thailand ihaba, yasabwe gushakira visa muri Kenya. Abamushukishaga akazi ni bo bamwishyuriye urugendo, ibintu avuga ko byamweretse ko koko ari amahirwe adasanzwe, ariko ngo yaje kwisanga muri Thailand.

Avuga ko ageze muri Thailand, ibintu byahise bihinduka. Akazi yijejwe si ko yasanze. Ahubwo yasabwe kujya akoresha ikoranabuhanga yiba abantu amafaranga abizeza inyungu mu ishoramari ritabaho.

Ati: "Twakoraga mu itsinda ry'abantu bitwara nk'abajura b'ibyihebe. Twari ducunzwe cyane, kandi ntitwemererwe gusohoka cyangwa kuvugana n'imiryango yacu."

Uyu musore avuga ko yamaze umwaka wose akora atarahabwa umushahara na rimwe. bamwambuye ibyangombwa bye byose na telefone,

Yagize ati: "Sinzibagirwa umugabo wo muri Iran twambuye amadolari ibihumbi 300, nyuma nkumva ko byamuviriyemo gutandukana n'umugore we. Ibyo byanteye agahinda gakomeye, numva ko nakoze nabi."



Kubwimana avuga ko yacurujwe akanakoreshwa imirimo y'agahato

Ubuzima bwe bwakomeje kuba bubi, kugeza ubwo abonye uburyo bwo kumenyesha ubuyobozi bw'u Rwanda ibyamubayeho. Nyuma y'ubufasha yahawe n'inzego zibishinzwe, binyuze muri Ambasade y'u Rwanda mu Buyapani, yashoboye gutahuka amahoro.

Kubwimana arasaba urubyiruko kutizera buri wese ubizeza akazi keza mu mahanga babinyujije ku mbuga nkoranyambaga.

Yagize ati: "Nagezeyo bamaze kunyambura ibyangombwa na telefone, mba imbata. Urubyiruko rwirinde gushukwa n'amafaranga menshi basezeranywa.

Nibaze gukorera mu gihugu cyabo no gushishoza mbere yo gufata icyemezo, kuko nkanjye banyambuye ibihumbi 39 by'amadorali nakoreye, umwaka wose."

Nsengiyumva Eric, umwe mu rubyiruko rwo mu Karere ka Burera wumvise ubuhamya bwa Aimable, yavuze ko bwamwigishije byinshi,yiyemeje kwiga umwuga no kwihangira umurimo.

Umwe mu babyeyi bo muri ako karere, Mukandayisenga Jeanne, yagize ati: "Hari abana benshi bashukwa n'amafoto meza babona ku mbuga nkoranyambaga. Turabasaba kudashakira ubuzima ku mahirwe atazwi neza, ahubwo bakagisha inama ababyeyi n'inzego zibishinzwe mbere yo gufata ibyemezo."

Umukozi w'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB), Ntirenganya Jean Claude, avuga ko icuruzwa ry'abantu rikomeje gufata indi ntera, cyane cyane rikorerwa ku mbuga nkoranyambaga.

Yagize ati: "Hari abizeza urubyiruko akazi keza mu mahanga, nyamara ari umutego wo kubacuruza no kubashyira mu mirimo y'agahato. Turasaba urubyiruko gukunda Igihugu cyabo, kwihangira umurimo no gutanga amakuru ku gihe mu gihe hari ababibashukisha."

Umuyobozi w'Akarere ka Burera, Mukamana Soline, na we yasabye urubyiruko n'ababyeyi kurushaho gukorana n'inzego z'ibanze mu gukumira ibyo byaha.

Yagize ati: "Ntituzihanganira abashuka urubyiruko barwizeza inzozi zitabaho. Turasaba ababyeyi gukurikiranira hafi abana babo, na bo bakajya bagisha inama mbere yo kujya gushaka akazi hanze y'igihugu. Igihugu cyacu gifite amahirwe menshi yo kwihangira imirimo no gutera imbere."

Ubu buhamya ni isomo rikomeye ku rubyiruko, bugaragaza ko inyuma y'inzozi z'akazi keza mu mahanga hari ubwo haba hihishe icuruzwa ry'abantu n'imirimo y'agahato.

Inzego zinyuranye zisaba buri wese kugira amakenga no gukorera hamwe mu gukumira ibi byaha.

# Karongi: Inkubi y'umuyaga yasambuye inyubako 5 z'ubucuruzi inagusha amapoto 2

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Mu mvura nyinshi yagwaga, inkubi y'umuyaga yasambuye inyubako 5 z'ubucuruzi muri santere y'ubucuruzi ya Shyembe, Akagari ka Shyembe, Umurenge wa Murambi, Akarere ka Karongi, inagusha amapoto 2 y'amashanyarazi afunga umuhanda.***

Yaguye mu masaha y'umugoroba nk'uko umwe mu bacururiza kuri iyi santere y'ubucuruzi yabitangarije Imvaho Nshya, ahari impungenge ko aya mapoto yaguye yashoboraga guteza impanuka, icyakora yaje gukurwaho ku bufatanye na REG, igisigaye kikaba kuzongera kuyashinga.

Ati: "Hari mu mvura nyinshi yaguye ku ya 14 Gashyantare 2026, turi mu kazi ducuruza, umuyaga mwinshi uzamo tubona ibisenge by'inyubako z'ubucuruzi bitangiye gusambuka, ibicuruzwa binyagirwa ubwoba buradutaha kuko twabonaga ari umuyaga udasanzwe, dukeka ko hafi ya zose zasambuka."



Imvura yarimo umuyaga yasambuye inzu inagusha amapoto 2 y'amashanyarazi

Yakomeje agira ati: "Ubwo n'amapoto 2 y'amashanyarazi yahise agwa afunga umuhanda ugana ku bitaro bya Kirinda bibuza imodoka zavagayo n'izajyagayo kugenda, ku bw'amahirwe ntihagira umuntu byose bigira icyo bitwara."

Mugenzi we wabwiye Imvaho Nshya ko inzu ye iri mu zasambutse, na we yagize ati: "Byaduhaye isomo ryo gusubira ku nyubako zacu tukongera kuzirika ibisenge neza tukanagenzura ko byose bikomeye, kuko hano inyubako nyinshi nta bwishingizi zifite, igihe zasambuka ari nyinshi twahomba cyane kuko n'ubu tutagize igihombo gito."

Bavuze ko nubwo aya mapoto 2 yaguye ntacyo yatwaye ku muriro kuko utagiye, ariko ko basaba REG kongera kuyasubizaho bidatinze kuko aho yari ari hasigaye icyuho.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Murambi Kuzabaganwa Vedaste, avuga ko izo nzu ba nyirazo bashakishije uburyo bahita basubizaho ayo mabati byihuse, hanashakishwa uburyo aya mapoto akurwa mu muhanda.

Ati: "Twakoze ibishoboka byose amapoto akurwa mu muhanda kuko yari yawufunze. Ntabwo arongera gushingwa ariko ntazatinda. Inyubako zasambutse ba nyirazo bari gushaka uburyo basubizaho amabati."

Yasabye abaturage n'abafite inyubako z'ubucuruzi n'izo batuyemo kugenzura ko ibisenge biziritse neza.





# Kabare: Barashima ko umushinga wo guhumbika imbuto ubafasha kwikenura

HITIMANA Servand

***Bamwe mu baturage bo mu Karere ka Kayonza Umurenge wa Kabare bakora mu ruhumbikiro runinini rw'imbuto rwa Gishanda bavuga ko akazi bahabonye katumye bikura mu bukene ndetse kabafasha gukemura byinshi mu bibazo byabasabaga amafaranga.***

Ubuhumbikiro bw'imbuto bwa Gishanda butegurwa na Leta hagamijwe kuzabona imbuto zihagije zizaterwa mu mushinga mu Mugari w'icyanya kizahingwaho imbuto mu Mirenge ya Kabare na Ndego.

Abahabonye akazi ko guhumbika imbuto, avuga ko bishimiye uyu mushinga wabahaye akazi aho byatumye binjiza amafaranga atuma bikenura.

Mutangana Aime agira ati: "Turashima imishinga nk'iyi izanwa mu byaro byacu aho bituma tubona ku mafaranga. Ubu nkorera amafaranga ibihumbi 2 kugera saa sita aho ayo mafaranga atuma mbona ibyo mba nkeneye mu rugo. Urumva inaha dusanzwe duhinga ariko twararumbije ku buryo no kubona uko ugura umunyu byari ikibazo."



Abakora mu buhumbikiro bw'imbuto bavuga ko byabarfashije kwifasha

Akomeza agira ati: "Aka kazi rero kaje ari igisubizo kuko amafaranga tuhakura tuyahahamo ndetse na za nyongera ziba zikenewe zikaboneka. Si ngorwa no kubona amafaranga yunganira abanyeshuri banjye ku ishuri."

Mutezinka Dariya na we agira ati: "Twishimiye gukora muri uyu mushinga. Inaha ubundi nta mirimo itanga amafaranga ikunze kuhaboneka, uretse wenda ubuhinzi kandi urebye ayo dukorera aha ntiwayabona uyakoreye mu kuyahingira. Aka kazi katumye nikenura, iyo mpembwe nigurira umwenda nkigurira amavuta nkagura agakweto yemwe nkanafasha mu gukemura ibibazo byo mu rugo biba bikeneye amafaranga.

Uwitonze Theogene Umuyobozi w'umushinga KWIMP wa Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi ukorera mu Karere ka Kayonza avuga ko abatuye Kabare na Ndego bazunguka kabiri.

Ati: "Abatuye muri iyi Mirenge bazabyungukiramo kabiri. Ubwa mbere ni uko ari umushinga mugari uzatanga akazi ku bantu benshi, bazakoreramo amafaranga bibafashe mu mibereho yabo. Icya kabiri ni uko umushinga uzakorerwa mu mirima yabo ubuhinzi bw'imbuto bukazateza imbere ibi bice kuko ni ubuhinzi bwunguka kandi bufite isoko ryo mu gihugu no hanze."

Umuyobozi w'Akarere ka Kayonza Hategekimana Fred, yabwiye Imvaho Nshya ko ako Karere gafite amahirwe yo kugira imishinga myinshi yo guteza imbere ubuhinzi asaba abaturage kuyakoresha biteza imbere.

Ati: "Uhereye kuri uyu mushinga wa Gishanda ni amahirwe abaturage bacu bakwiye gukoresha bakayabyaza umusaruro. Abafite imbaraga bashakemo akazi bakore abahafite imirima bitegure gukora ubu buhinzi ku buryo bibateza imbere bakagira imibereho myiza kandi bikanazamura n'iterambere ry'Akarere muri rusange.

Icyanya cy'imbuto kiri gutegurwa mu Mirenge ya Ndego na Kabare kije gisanga ikindi cyatunganyijwe mu Mirenge ya Kabarondo, Murama na Remera, cyo cyatangiye no kugeza imbuto zitandukanye ku isoko.

Mu mbuto zibandwaho harimo avoka, ibinyamacungaibifenesi n'izindi.

# Rutsiro: Urubura rwangije hegitari 21 z'imyaka basigara iheruheru

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Imiryango 98 irimo 72 yo mu Murenge wa Manihira na 26 yo mu wa Murunda, mu Karere ka Rutsiro, yasizwe iheruheru n'urubura rwibasiye imyaka yabo, aho hegitari 21 z'imirima zangiritse ku buryo imyaka bari bahinze yose yangiritse.***

Imyaka yazahajwe cyane nk'uko abaturage n'ubuyobozi bw'Akarere ka Rutsiro babitangarije Imvaho Nshya, ni ibirayi kuko bavuga ko muri kano gace ibirenga 90% by'ubuhinzi buhakorerwa ari ubw'ibirayi, hakaba n'abari bahinze amashaza n'ibishyimbo byose byacucumwe n'urubura, birimo ibyari bisigaje igihe gito ngo byere, ibyari bigihingwa n'ibyari bigeze ibagara.

Uwiringiyimana Jean Claude wo mu Mudugudu wa Ruhanga, Akagari ka Kirwa, Umurenge wa Murunda, avuga ko yari yahinze ibirayi yari yitezeho nibura imifuka 10, urubura byose rwarabicucumye.

Ati: "Ino ikilo cy'ibirayi ni amafaranga 350. Nari niteze nibura imifuka 10 nagombaga gutangira gusarura muri Mata. Byose urubura rwarabicucumye, ntabwo nshobora kugeramo.

Ni amafaranga y'u Rwanda arenga 300 000 mpombye kandi ni ho nacungiraga, kuko iyo nabyezaga nabigurishagaho ngahaha ibyo tudahinga cyane ino umuryango wanjye ukabaho."

Yongeyeho ati: "Hari ibyari bigiterwa byarimo bimera, ibyari bigeze ibagara, ibyari bimaze gupfundika uruyange n'ibyari bisigaje nk'ibyumweru 2 ngo byere. Twari twarafashe ifumbire ku madeni bamwe batarishyura, nta bwishingizi bw'ibihingwa tugira, duhanze amaso Leta yonyine."

Mukeshimana Josephine wo mu Mudugudu wa Kamabuye, Akagari ka Rugeyo muri uwo Murenge na we ati: "Nari umuhinzi w'ibirayi ntangarugero. Uyu mwaka nari nabihinze cyane, nizeraga nibura imifuka 15 kuko ni hanini. Ari byo, ari amashaza n'ibishyimbo, byose byarengewe, mbireba ntacyo nakora."

Umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu, Uwizeyimana Emmanuel, avuga ko ibirayi byangiritse cyane, ibyinshi byari bimaze amezi 2 bitewe. Hegitari 2 gusa zo mu Murenge wa Manihira akaba ari zo zabaga mu bwishingizi, izindi zose ntabwo zagiraga.

Ati: "Igikomeye cyane ni uko binagoye gusubizamo ibindi, ariko turi kubikurikiranira hafi, ku bufatanye n'abahinzi, abayobozi bandi n'abashinzwe ubuhinzi ngo turebe icyakorwa."

Yavuze ko iyi mvura nyinshi iri gutera ibiza byinshi muri ako karere, birimo inka byatwaye mu Murenge wa Nyabirasi, ibigori biteye kuri hegitari 2 biherutse kwangizwa n'urubura byari bikiri bito nanone muri uwo Murenge wa Nyabirasi n'ibindi, hakaba hari ingamba Akarere kari gufata mu rwego rwo guhangana na byo.

Ati: "Harimo gukangurira abaturage gusibura inzira z'amazi barwanya isuri, kubakangurira gufata ubwishingizi bw'imyaka n'amatungo, kwirinda ibyashyira mu kaga ubuzima bw'abantu n'amatungo aho batuye, birimo kwirinda kwambuka imigezi uko babonye, kwirinda ibyabakururira ibiza birimo inkuba, n'izindi ngamba."



Urubura rwangije imyaka, nta cyizere ko abahinzi hari icyo bazasarura



Mu Murenge wa Mukamira hari uruganda ruzajya rugeza amazi ku baturage

# Nyabihu: Miliyari 5 Frw zashowe mu kugeza amazi meza ku baturage

NGABOYABAHIZI Protais

***Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyabihu bwatangaje ko miliyari zisaga 5,6 z'amafaranga y'u Rwanda zashowe mu mushinga wo kugeza amazi meza ku baturage basaga 56 891 bo mu Mirenge inyuranye, hagamijwe gukemura ikibazo cy'amazi mabi cyari kimaze igihe kirekire kibangamiye imibereho yabo.***

Uyu mushinga urimo n'uruganda rw'amazi rwubatswe mu Murenge wa Mukamira, ujyanye na Gahunda ya Kabiri y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2) aho Abanyarwanda bose bazaba bagejejweho amazi.

Witezweho gufasha abaturage kubona amazi meza hafi y'ingo zabo, bityo bagabanye ingendo ndende bakoraga bajya kuvoma no gukoresha amazi adafite ubuziranenge.

Mukandayisenga Beatrice utuye mu Murenge wa Bigogwe, yavuze ko mbere y'uyu mushinga bahuraga n'ibibazo bikomeye by'amazi.

Yagize ati: "Twakoraga ingendo ndende tujya kuvoma, bigatwara amasaha menshi ku munsi. Hari n'igihe twavomaga amazi mabi, abana bakarwara impiswi n'izindi ndwara zo mu nda. Kubura amazi ahagije byatumaga no gutegura amafunguro no gukora isuku bigorana. Isuku ku mubiri no ku myambaro na byo byari ikibazo kuko tutahoranaga amazi meza."

Habimana Eric wo mu Murenge wa Karago, na we yagize ati: "Twabyukaga kare cyane tujya kuvoma, tugasubira mu rugo tunaniwe. Amazi make twayabonaga cyane, rimwe na rimwe ntadukemurire ibibazo byose nko guteka cyangwa kumesa. Ubu kuba tugiye kubona amazi meza hafi yacu bizadufasha kubaho neza no kurinda abana indwara."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyabihu ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Habanabakize Jean Claude, yavuze ko aya mafaranga yashowe agamije kugeza amazi meza ku baturage bose bo mu Mirenge inyuranye y'aka Karere.

Yagize ati: "Twashoye 5 682 478 197 Frw muri uyu mushinga uzageza amazi meza ku baturage 56 891. Intego ni ugukemura burundu ikibazo cy'amazi mabi no koroshya ubuzima bw'abaturage, cyane cyane mu bijyanye n'isuku, isukura n'ubuzima rusange."

Biteganyijwe ko uyu mushinga uzazamura imibereho myiza y'abaturage, ubafashe kubona amazi meza ku gihe kandi hafi yabo, bityo barusheho kwita ku buzima n'iterambere ry'imiryango yabo.

# Uko JICA yahuje ubutwererane n'uburezi mu Karere ka Muhanga



Uhagarariye JICA, Musenyeri wa EAR n´uhagarariye MINAFFET bashyikiriza abanyeshuri ibihembo

HABIMANA Eric

***Umusaruro w'ubutwererane bw'u Buyapani n'u Rwanda ukomeje kugaragarira mu nzego zitandukanye kuva watangira mu 1962, by'umwihariko mu nzego zirimo ibikorwa remezo, ubuhinzi n'uburezi byakomeje gutera imbere nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Mu rwego rw'uburezi, Akarere ka Muhanga ni kamwe mu Turere dukomeje kwishimira umusaruro w'ubwo butwererane bumaze igihe kinini, ariko bukaba bwishimirwa mu gihe Ikigo cy'Ubuyapani gishinzwe Ubutwererane Mpuzamahanga (JICA) cyizihiza isabukuru y'imyaka 20 gikorera mu Rwanda.

Ibirori byo kwizihiza iyo sabukuru byabereye mu Murenge wa Shyogwe, Akarere ka Muhanga, ku Ishuri rya TTC Muhanga mu gikorwa cyahuje abayobozi, abanyeshuri, abarimu n'abafatanyabikorwa mu burezi, bashimira uruhare rw'iki kigo mu guteza imbere ubumenyi n'ikoranabuhanga mu mashuri y'u Rwanda.

Abanyeshuri biga muri TTC Muhanga bavuga ko ubumenyi bahabwa n'abakorerabushake ba JICA bubafasha cyane mu kwihangira imirimo no gutanga uburezi bujyanye n'igihe.

Ikirezi Nadine, wiga mu mwaka wa kabiri mu ishami ry'Imibare n'Ubugenge yagaragaje ko murandasi yihuta n'ibikoresho by'ikoranabuhanga bahawe, byatumye ubushakashatsi bwabo bworoha.

Ati: "Ubu dufite murandasi n'icyumba cy'ikoranabuhanga dukoreramo ubushakashatsi igihe cyose. Twanize imyuga nko gukora isabune, ibintu bizadufasha natwe mu gihe tuzaba twigisha abanyeshuri."

Niyonkuru Elysa, wiga mu mwaka wa gatandatu, na we yemeza ko gahunda ya JICA yabahinduriye imyigire, telefone bahawe zibafasha mu bushakashatsi no kwagura ubumenyi.

Ati: "Ubumenyi twahawe buzadufasha no kubutanga ku banyeshuri tuzigisha. Ikindi twize n'imyuga ishobora kudufasha no kwibeshaho turangije amashuri."

Umuyobozi wa JICA mu Rwanda Minako Shiotsuka, yavuze ko gukoresha abakorerabushake mu burezi ari imwe mu nzira iki kigo cyahisemo mu kuzamura ireme ry'uburezi mu Rwanda, cyane cyane mu mibare n'ikoranabuhanga.

Yagaragaje ko mu myaka 20 ishize batangiye gukorera mu Rwanda ndetse na 60 ishize bakorana n´abakorerabushake ku Isi yose, banaguye ibikorwa bigera mu nzego zirimo ubuhinzi, ubuzima n'iterambere ry'imibereho y'abaturage.

Ati: "U Rwanda n'u Buyapani ni ibihugu bifitanye umubano wihariye. Mu myaka 20 tumaze dukorera hano, twabonye impinduka nziza mu burezi no mu mibereho y'abaturage, kandi turacyakomeza."

Umulisa Elyse, umukozi muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, ushinzwe ibihugu byo muri Aziya y'Amajyepfo n'iy'Iburasirazuba, yagaragaje ko umubano w'u Rwanda n'u Buyapani wakomeje gukomera kuva mu 2005, JICA ifunguye ibiro mu Rwanda, ndetse ko ubufatanye bwagejeje Igihugu ku ntambwe ifatika mu burezi n'iterambere.

Ati: "U Buyapani bwabaye inshuti ikomeye y'u Rwanda mu kubaka igihugu nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ubufatanye bwacu bugaragara mu burezi, ubuhinzi n'ubuvuzi, kandi bukomeje gutanga umusaruro."

Mu myaka umunani JICA imaze ikorana na TTC Muhanga, yubatse ibyumba by'ikoranabuhanga n'ubushakashatsi, itanga murandasi yihuta ndetse n'abakorerabushake bafasha abanyeshuri guhuza amasomo n'ikoranabuhanga.

Muri rusange, iki kigo kimaze gukorana n'abakorerabushake bagera kuri 400 mu Rwanda, gifasha abahinzi barenga ibihumbi 30 mu buhinzi bw'umuceri, icyayi n'ikawa, ndetse gitanga amazi meza ku baturage basaga ibihumbi 740 mu gihugu.

Kuva cyatangira gukorera mu Rwanda mu 2005, JICA imaze no kohereza Abanyarwanda barenga 1000 mu Buyapani kwiyungura ubumenyi, barimo abarenga 10 bakora muri za kaminuza zo mu Rwanda, ikimenyetso cy'ubufatanye bukomeje kubaka ubumenyi n'iterambere rirambye mu gihugu.






## ITANGAZO RY'ISOKO

ICPAR
Unlimited possibilities

KG 686 ST, House #10
Kamutwa, Kacyiru
PO Box: 3213 Kigali
Tel: +250 784103030
Email: info@icparwanda.com
www.icparwanda.com

**TENDER NOTICE**

**RFP No: N001/C/ICPAR/2026**

**Provision of External Audit Services**

The Institute of Certified Public Accountants of Rwanda (ICPAR) invites eligible and licensed audit firms to submit proposals for the provision of **External Audit Services** for the financial years **2026 and 2027**.

The objective of this assignment is to appoint an independent external auditor to audit ICPAR's financial statements in accordance with the Terms of Reference included in the Request for Proposals (RFP).

**Selection Method:** Quality and Cost Based Selection (QCBS).

**Eligibility:** Participation is open to audit firms licensed by ICPAR, in good standing, and without conflict of interest as defined in the RFP.

The RFP document is available on www.icparwanda.com.

For inquiries, contact: procurement@icparwanda.com.

Clarification requests must be submitted at least seven (7) days before the submission deadline.

**Submission Deadline:**

Friday, 6th March 2026 at 10:00 AM (Local Time)

ICPAR Offices, KG 686 ST, House No. 10, Kamutwa, Kacyiru, Gasabo District.

Technical Proposals will be opened on the same day at 10:30 AM (Local Time).

**Amin Miramago**
**Chief Executive Officer**

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIC OF RWANDA
NATIONAL POST OFFICE

Kigali, on 06 FEB 2026
Our ref N° 043 /NPO/02/026/DG.proc

IPOSITA
E-mail : info@i-posita.rw
Website : www.i-posita.rw
Cell Phone Number: + 250 783626253

TENDER NOTICE

The National Post Office (NPO) invites sealed bids from eligible and qualified bidders for the provision of goods and services for the tenders mentioned in the table below:

| S/N | Title of tender | Tender Number | Deadline for submission | Time and Date of Bids opening |
|---|---|---|---|---|
| 1 | Supply of Fuel | N°8/025-026/NPO | 3rd March2026 at 11:00 am prompt local time | 3rd March 2026 at 11:30 am prompt local time |
| 2 | Acquisition of Printed Materials | N°9/025-026/NPO | 3rd March2026 at 11:00 am prompt local time | 3rd March 2026 at 11:30 am prompt local time |
| 3 | Execution of Court Judgment and Decision | N°10/025-026/NPO | 3rd March2026 at 11:00 am prompt local time | 3rd March 2026 at 11:30 am prompt local time |
| 4 | Maintenance and Repair of NPO's Vehicles (GARAGE) | N°11/025-026/NPO | 3rd March2026 at 11:00 am prompt local time | 3rd March 2026 at 11:30 am prompt local time |

The participation in the competition is open to all persons or companies where applicable, specialized in the domain.

The tender documents can be obtained from the Office of the Procurement Officer of the National Post Office located at Muhima Tel: **0788464593** from **February 9th, 2026**, in working hours upon presentation of proof of payment of non-refundable amount equal to Ten thousand Rwandan francs (Rwf 10,000), on the account N° **00040-00045362-96** of the National Post Office opened at Bank of Kigali (BK).

The date for submission and opening (where applicable) are mentioned in the table above.

Tenders will be submitted to the Director General of the National Post Office on the dates and time mentioned in the table above. Late bids will be rejected. The bids opening session will take place at National Post Office Boardroom in the presence of bidders or their representatives.

Done at Kigali, on.........

KAYITARE Célestin
Director General

Twitter.com/iposita_rwanda
Facebook.com/iposita.npo
EMS RWANDA · EXPRESS
Mail - Parcel Express Service
Compte Chèques Postaux
Crédit et Epargne
Money transfer - Forex

For Payment : Account N° 00040-00045362-96 (BK) Account name : National Post Office

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIC OF RWANDA

Kigali, 17 FEB 2026
Ref N°: 503 /SPIU/026

RWANDA TRANSPORT DEVELOPMENT AGENCY (RTDA)
P.O Box 6674
KG 563 St., Queen's Land House, 1st Floor
Email: info@rtda.gov.rw
KIGALI

To all Potential Bidders

NOTICE: EXTENSION OF BIDS SUBMISSION DEADLINE.

| | |
|---|---|
| TENDER NOTICE | *RW-RTDA-523296-GO-RFB* |
| CLIENT | Rwanda Transport Development Agency (RTDA) |
| FUNDING | World Bank (WB) |
| TITLE OF TENDER | Supply of thirty (30) Mobile Weighbridges. |

Reference is made to the above-mentioned tender for "Supply of thirty (30) Mobile Weighbridges." with Ref N°: *RW-RTDA-523296-GO-RFB*.

This notice serves to inform all potential bidders that the bids submission deadline is extended from **20th February 2026** up to **13th March 2026** at the time and place indicated in the Request for Bids, bids opening will take place the same date at 10:30 a.m Kigali time (**GMT+2**) in RTDA conference room.

Sincerely,

Imena MUNYAMPENDA
Director General

Website: https://www.rtda.gov.rw

## ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
Akarere ka Gasabo

UMURENGE WA RUSORORO

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRWA AMASOKO.**

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Rusororo buramenyesha ba rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga amasoko mu gihe cy'umwaka umwe (1year) ku buryo bukurikira:

| NOMERO Y'ISOKO | IZINA RY'ISOKO | Igihe ntarengwa cyo gutanga dosiye | Igihe cyo gufungura amabaruwa arimo Ibiciro | Aho amafaranga azaturuka |
|---|---|---|---|---|
| TN/006/RUSRO /2025-2026 | Sonorization of Sector | 12/03/2026 Saa tatu n'igice (9h30) | 12/03/2026 Saa yine zuzuye (10h00) muri Salle y'Umurenge. | Umujyi wa Kigali |
| TN/003/RUSRO /2025-2026 | Kugemura amasanduku yo gushyinguramo | 12/03/2026 Saa tatu n'igice (9h30) | 12/03/2026 Saa yine zuzuye (10h00) muri Salle y'Umurenge. | Umujyi wa Kigali |

Abifuza gupiganira aya masoko bazabona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa guhera tariki ya **25/02/2026** mu Biro by'Ubunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Rusororo bamaze kwishyura amafaranga Ibihumbi icumi (10000 frws) adasubizwa kuri konti y'ikigo cy'igihugu gishinzwe imisoro n'Amahoro (RRA) ziri muri banki zitandukanye. Amabahasha afunze neza arimo ibiciro byanditse n'imashini bigizwe n'inyandiko y'umwimerere imwe (01) na kopi eshatu (03) agomba kuba yageze ku Biro by'Umurenge wa Rusororo bitarenze itariki n'isaha byavuzwe haruguru. Gufungura amabahasha arimo ibiciro bizakorerwa mu ruhame ku italiki n'isaha n'ahantu byavuzwe haruguru. Ku bindi bisobanuro wahamagara kuri 0788304546/0786360069, cg ukatwandikira kuri E-mail rusororosector@gasabo.gov.rw

**Bikorewe i Rusororo kuwa:18/02/2026**

**UMUHOZA RWABUKUMBA, PhD**

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rusororo

Akarere ka Gasabo B.P.7066 Kigali| Hotline:1520| info@gasabo.gov.rw|www.gasabo.gov.rw

Imvaho Nshya Imyidagaduro

# Inyungu u Rwanda rukura mu bitaramo n'inama mpuzamahanga rwakira



U Rwanda rwashimiwe umutekano, isuku no kwakira neza abarugana, barubonamo amahirwe y'ishoramari

MUTETERAZINA Shifah

***Ubusanzwe iyo havuzwe ibitaramo n'inama mpuzamahanga humvikana gususuruka kw'ababyitabira, abahanzi babitaramamo ariko kandi hari abadasobanukirwa uruhare rw'abyo mu iterambere ry'Igihugu.***

Ku itariki ya 1 Nzeri 2021, Inama y'Abaminisitiri yarateranye yanzura ko ibirori rusange birimo n'ibitaramo byari byarahagaritswe n'icyorezo cya COVID- 19, bikomorewe kuva ubwo hatangira kuba ibitaramo n'inama mpuzamahanga bitandukanye.

Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) cyerekanye ko mu mibare ya 2023 ibikorwa bishingiye ku buhanzi n'umuco byagize uruhare rugaragara mu iterambere ry'urwego rwa serivisi, aho byagize hafi 5% by'Umusaruro Mbumbe w'Igihugu muri rusange.

**Ibitaramo n'inama mpuzamahanga nk'isoko y'ubukungu**

Kuva mu mwaka wa 2022 mu Rwanda habayemo ibitaramo n'inama mpuzamahanga bitandukanye birimo icya Mashariki African Film Festival 2022, Trace Awards Festival 2023, Music Focus Seminar Festival (ACCES 2024), Move Africa 2023 na 2025.

CHOGM 2022, Giants of Africa Festival 2023 na 2025, YouthConnekt Africa Summit 2024, UCI Road World Championships 2025, Africa Cyber Security Conference 2025 n'ibindi byinshi. Byatanze akazi ku Banyarwanda basaga 1 000.

Ibitaramo nka Move Afrika, Giants of Africa Festival 2023 na 2025, Trace Awards n'ibindi bitandukanye byahurije hamwe abahanzi barimo Kendric Lamar, Zuchu, Bruce Melodie, Davido, Tiwa Savage, Tyla, Diamond Platinumz, Kizz Daniel, Ayra Starr, The Ben, John Legend n'abandi, bituma abahanzi nyarwanda barushaho guhura na bagenzi babo bikazamura umuziki nyarwanda ku rwego mpuzamahanga.

Hifashishijwe urugero rw'igitaramo cya 'Move Afrika' gusa cyabaye mu 2023, byagaragaye ko cyatanze akazi ku barenga 1 000 barimo abatekinisiye, abashinzwe umutekano, abacuruzi, abafotora n'abandi.

Imibare yatangajwe na kompanyi ya Global Citizen isanzwe itegura ibitaramo bya Move Africa nyuma y'igitaramo cyabereye i Kigali, igaragaza ko ibyo bitaramo byatanze akazi ku barenga 1 000 mu 2023 na 1 500 mu 2024.



Move Afrika ni intambwe ikomeye iganisha Afurika ku iterambere

**Kuzamura ubukerarugendo n'isura y'Igihugu**

Iyo ibyamamare mpuzamahanga bitandukanye byataramiye i Kigali, bigaragaza umutekano u Rwanda rufite, ibikorwa remezo bigezweho bifite ubushobozi bwo kwakira ibitaramo n'inama mpuzamahanga.

Ba mukerarugendo n'abashoramari barushaho kurubonamo amahirwe bakarugana, amahoteli abona abakiliya, abakora akazi ko gutwara abantu n'abacuruzi bato bose bakunguka.

**Imyidagaduro nk'igikoresho cya dipolomasi**

Uretse inyungu z'amafaranga, ibi bikorwa bifasha u Rwanda kwagura umubano mpuzamahanga no kumenyekanisha umuco warwo. Bikagaragariza Isi ubushobozi bw'igihugu mu kwakira no gutegura ibirori n'inama bikomeye.

Raporo y'*Ikigo* cy'Igihugu cy'*Iterambere* (RDB) yerekana ko mu mwaka wa 2024, u Rwanda rwinjije miliyoni 85 z'amadolari ya Amerika binyuze mu nama, ubukerarugendo n'imyidagaduro (MICE). Bigashimangira ko ibitaramo n'inama mpuzamahanga ari ishingiro ry'ubukungu n'iterambere rirambye mu Gihugu.

Biteganyijwe ko mu 2026 Umujyi wa Kigali uzakira igitaramo cya Move Africa ku nshuro ya Gatatu, Global Ministerial Mental Health Summit 2026, IAF Global Space Conference on Climate Change (GLOC 2026), Africa CEO Forum 2026 n'izindi zitandukanye.

Kuba u Rwanda rwarashyize imbaraga mu kubaka ibikorwa remezo byifashishwa mu kwakira ibitaramo n'inama mpuzamahanga birimo Convention Center, BK Arena, Canal Olympia, Stade Amahoro, Pele Stadium n'ibindi birimo kwakira neza abarugana bituma abarusuye bifuza kugaruka.



Mu gitaramo gisoza Giant of Africa hamuritswe imbyino gakondo z'ibihugu 20 by'Afurika byari byitabiriye



Kwakira abahanzi b'ibyamamare nka John Legend ntibyatanze ibyishimo gusa byagaragaje ko u Rwanda ari Igihugu cyiza gitekanye





# Uruhare rw'ibikorwa remezo bya siporo bigezweho mu iterambere ry'u Rwanda

SHEMA Ivan

***Ibikorwa remezo ni kimwe mu byoroshya imikino n'imyidagaduro muri rusange bigatuma u Rwanda ruba igicumbi cyo kwakira imikino n'imyidagaduro mpuzamahanga.***

Hari abo bitangaza bakibaza bati u Rwanda nk'igihugu gito kibigenza gute?

Muri iyi nkuru Imvaho Nshya iragusobanurira uko ibitekerezo byo kubaka ibyo bikorwa remezo byagiye biza mu bihe bitandukanye.

**Uko kubaka inyubako ya BK Arena byaje**

Mu 2016, ubwo Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yitabiraga umukino wa shampiyona ya Basketball ya NBA All Stars muri Canada yabajije Masai Ujiri wayoboraga Toronto Raptors ikina muri NBA ati: "Bizasaba iki ngo twubake Arena nk'iyi muri Afurika by'umwihariko mu Rwanda?"

Muri Kanama 2019 iyo nyubako y'imikino n'imyidagaduro iri mu zigezweho muri Afurika yaratashywe nyuma y'umwaka ihabwa izina 'Kigali Arena' hanyuma yaje guhabwa izina rya BK Arena binyuze mu masezerano y'abayicunga na Banki ya Kigali.

Iyo nyubako y'imikino n'imyidagaduro yafashije u Rwanda kwakira bimwe mu bikorwa bikomeye bya siporo birimo imikino n'Inama Mpuzamahanga.

Ku ikubitiro BK Arena yakiriye Igikombe cy'Afurika cya Basketball ku batarengeje imyaka 16 b'igitsina gore mu mwaka wa 2019, byaje bisanga u Rwanda rumaze umwaka rusinye amasezerano y'ubufatanye n'ikipe yo mu Bwongereza ya Arsenal, biciye muri Visit Rwanda yasinywe tariki ya 23 Gicurasi 2018, agamije kurumenyekanisha mu mahanga.

Kwakira Igikombe cya FIBA byafunguye amaso y'abategura inama zitandukanye ndetse n'amashyirahamwe ategura imikino, bigafasha u Rwanda kwinjira mu yindi mishinga y'iterambere rishingiye kuri siporo.



Ibikorwa remezo bya siporo birimo Stade Amahoro na BK Arena bikomeje guteza imbere ubukungu

Tariki 24 Kanama 2021, u Rwanda rwakiriye igikombe cya Afurika cy'abagabo muri Basketball "Afrobasket 2021" cyitabiriwe n'amakipe 16, mu rwego rwo kwizihiza imyaka 60 FIBA Afrique yari imaze ikora.

Abakunzi ba Basketball barizihiwe kandi byanatumye u Rwanda rurushaho kugaragaza ubudahangarwa bwarwo mu kwakira abarugana.

Nyuma y'iryo rushanwa abategura Basketball Africa League (BAL) banyuzwe n'inyubako ya BK Arena, basaba u Rwanda kwakira imikino ya 2021 ndetse na 2022, ibibuga, kwakirwa neza, no guhabwa serivisi inoze birabanyura.

Ni mu gihe kandi binyuze mu Rwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB), u Rwanda rwasinyanye amasezerano y'igihe kirekire n'irushanwa rya BAL ngo rukomeze kuba igicumbi cy'iyi mikino.

Iyo mikino izakomeza kubera muri BK Arena kugeza mu 2028, igaragaza u Rwanda nk'igicumbi cyo kwakira amarushanwa binyuze mu bukangurambaga bwa "Visit Rwanda" bikomeza gutanga isura nziza y'u Rwanda.

Ibyo bikorwa byakuruye abashoramari bakomeza gusura u Rwanda, hatangizwa umushinga wo kubaka Zaria Court iherereye hafi ya BK Arena, ifatwa nk'urugero rwiza rw'uko ibikorwa by'imikino bishobora guteza imbere ubucuruzi bwagutse bw'ibirimo ikawa, resitora, amahoteli n'ubucuruzi bw'imbere mu gihugu.

U Rwanda kandi mu 2023 rwagiriwe icyizere cyo kwakira Inteko rusange ya 73 y'Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru ku Isi (FIFA) yasize Giovanni Vincenzo Infantino [Gianni Infantino] atorewe manda ya kabiri yo kuriyobora.

Iyi ntambwe ishimishije yakomerejeho mu 2024 maze u Rwanda ruba igihugu cya mbere muri Afurika cyakiriye inama y'Inteko Rusange y'Ishyirahamwe Mpuzamahanga ry'Umukino wo Gusiganwa mu Modoka (FIA) yari yahuriranye n'isabukuru y'imyaka 120 iri Shyirahamwe rimaze rishinzwe.

Muri Nzeri 2025, Umujyi wa Kigali wanditse amateka yo kwakira Shampiyona y'Isi y'Umukino w'Amagare (UCI 2025) yabereye muri Afurika ku nshuro ya mbere.

Muri iri siganwa, u Rwanda rwagaragaje intambwe idasanzwe mu gutegura amarushanwa akomeye, ruzamura amanota mu buryo bushimishije bwo kwakira abarugana, ndetse n'inyungu z'ubukungu n'imibereho myiza y'abaturage mu buryo bwagutse.

Ikintu kitazibagirana ni uburyo Abanyarwanda n'abafana b'imbere mu gihugu bashyigikiye iri rushanwa. Imihanda ya Kigali yahindutse nka sitade. Uwahanyuraga yahasangaga indirimbo, imbyino, ingoma n'amabendera.

Kwakira neza UCI byahesheje Umujyi wa Kigali guhabwa ikirango cya "UCI Bike City" nk'ishimwe ry'uko wakiriye neza Shampiyona y'Isi y'Amagare (UCI) ya 2025.

**Stade Amahoro yaravuguruwe iba igikorwa remezo mpuzamahanga**

Stade Amahoro yakiraga abantu bicaye ibihumbi 25, yaravuguruwe iba ahantu hakira ibihumbi 45 bicaye neza.

Iyi stade mpuzamahanga kandi yuzuye itwaye agera muri miliyoni 160 z'amadolari ya Amerika, imaze kwakira amarushanwa atandukanye yo muri Afurika harimo imikino yo gushaka itike y'Igikombe cya Afurika n'icy'Isi mu makipe y'Ibihugu, icy'amakipe yabaye aya mbere iwayo muri Afurika CAF Champions Leagues ndetse biteganyijwe ko guhera tariki ya 23 kugeza kuri 31 Werurwe 2026 izakira imikino ya FIFA Series ihuza amakipe y'ibihugu yo ku migabane itandukanye.

Ibyo byakomeje gutuma imishinga yo guteza imbere siporo no gushyigikira urubyiruko irimo nka Giants of Africa Festival n'indi yitabwaho ikanashyirwamo imbaraga mu rwego rwo gufasha urubyiruko kuyitabira no kuyibyaza umusaruro.

Mu 2025 Minisiteri ya Siporo yatangaje ko kuva mu 2024/25 kugeza mu 2028/29 bifuza ko ibikorwa bya siporo bizinjiriza igihugu miliyari 30 Frw.

Ibikorwa bijyanye na Gahunda ya Kabiri y' Igihugu yo Kwihutisha Iterambere (NST2), aho urwego rwa siporo ari rumwe mu zitezwa imbere hagamijwe iterambere rirambye, ubukungu n'imibereho myiza ku Banyarwanda bose.

Imirimo yahanzwe na Minisiteri ya Siporo, iteganyijwe kuva kuri 2 625 yariho mu 2024/25, ikagera kuri 3 190 mu mwaka wa 2028/29.

Ibikorwa bya Minisiteri ya Siporo biteganyijwe muri uyu mwaka wa 2025/26 bizahuriza hamwe abana bashakwamo impano bagera ku 7 400, mu gihe mu mwaka wa 2028/29 bazaba bageze ku 37 000.

Imvaho Nshya
Siporo

Nº 5168 TARIKI 25 GASHYANTARE 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Amateka ya Tour du Rwanda iri gukinwa ku nshuro ya 18

SHEMA Ivan

***Kuva ku Cyumweru tariki ya 22 Gashyantare kugeza ku wa 1 Werurwe 2026, harimo gukinwa Irushanwa mpuzamahanga ry'umukino w'amagare rizenguruka Igihugu, Tour du Rwanda ku nshuro ya 18.***

Iri siganwa ni cyo gikorwa mpuzamahanga cy'imikino cyonyine kigera mu Ntara zose z'u Rwanda kandi gikurikiranwa n'Abanyarwanda benshi badasabwe ikiguzi na gito.

Mu myaka 37 iri siganwa rimaze ribera mu Rwanda, hari impinduka nyinshi zabaye zijyana n'iterambere ry'Igihugu.

Mu 1988 ni bwo habaye irushanwa rya mbere, aho abasiganwe bazengurutse Igihugu cyose mu byiciro bitandukanye, maze iryo siganwa baryita Tour du Rwanda.

Yitabiriwe n'amakipe yo mu Rwanda arimo aya Rwamagana, Huye, Ruhengeri na Cine El May. Buri kipe yari igizwe n'abakinnyi batandatu.

Icyaranze iyo Tour du Rwanda ya mbere ni uko abakinnyi batashoboye kurangiza uduce uko twari duteganyijwe, dore ko bagarukiraga mu nzira kubera umunaniro.

Tour du Rwanda yakurikiyeho mu 1989, ni yo ya mbere yitabiriwe n'amakipe yari aturutse hanze y'Igihugu cyane cyane mu bihugu byo mu Karere ka Afurika y'iburasirazuba birimo Kenya, Uganda, u Burundi, Tanzania n'iyahoze ari Zaïre.

Iya 1990 yarabaye ariko ikomwa mu nkokora n'umutekano muke warangwaga mu bice bitandukanye by'Igihugu aho hari aho abakinnyi batashoboye kugera kure kubera ko ari bwo urugamba rwo kubohora Igihugu rwari rutangiye.



Tour du Rwanda iri gukinwa ku nshuro ya 18 ibaye mpuzamahanga

Nyuma y'uwo mwaka, Tour du Rwanda yarahagaze kubera umutekano muke wari umaze kugera mu Gihugu hose ndetse na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yongeye gusubukurwa mu mwaka wa 2001. Hagati ya 2002 na 2005, Ruhumuriza Abraham yigaruriye iri rushanwa aritwara inshuro enye zikurikiranya, bituma aba ikimenyabose muri uyu mukino wari utangiye kwigarurira benshi.

Tour du Rwanda ya nyuma itari mpuzamahanga yabaye mu 2008, yegukanywe na Adrien Niyonshuti akurikirwa na Byukusenge Nathan.

Nyuma yaho, ubuyobozi bwa Federasiyo y'Umukino w'Amagare mu Rwanda (FERWACY) bwafashe icyemezo cyo gusaba ko irushanwa rishyirwa ku rwego mpuzamahanga, biza kwemezwa n'ubuyobozi bw'Ishyirahamwe ry'Umukino w'Amagare ku Isi (UCI).

Mu 2009, Tour du Rwanda yabaye mpuzamahanga iri ku rwego rwa 2.2, yitabirwa n'amakipe atandukanye yo muri Afurika, i Burayi no muri Amerika. Yarangiye yegukanywe na Adil Jelloul ukomoka muri Maroc.

Mu myaka itanu yakurikiyeho, ryagiye ryegukanwa n'Abanyarwanda. Mu 2014, Valens Ndayisenga yabimburiye abandi mu kuritwara kuva ryashyirwa ku rwego rwa 2.2, hanyuma Jean Bosco Nsengimana akurikiraho mu 2015.

Mu 2016, Valens Ndayisenga yararyisubije, Joseph Areruya aritwara mu 2017, mu gihe mu 2018 Mugisha Samuel na we yaryegukanye.

Mu 2019, irushanwa ryarazamutse rishyirwa ku rwego rwa 2.1, ritwarwa na Merhawi Kudus wo muri Eritrea, umwaka wakurikiyeho mugenzi we wo muri icyo gihugu Natnael Tesfatsion na we araritahana. Umunya-Espagne Cristián Rodríguez yaritwaye mu 2021, hanyuma Natnael Tesfatsion aryisubiza mu 2022.

Tour du Rwanda yongeye gutwarwa n'Umunya-Eretria mu 2023 witwa Henok Mulubrhan. Umwongereza Joseph Blackmore yayitahanye i Burayi mu 2024, yongera gusubirayo itwawe na Fabien Doubey ukomoka mu Bufaransa umwaka ushize.

Imigendekere myiza y'iri siganwa yahesheje u Rwanda kwakira Shampiyona y'Isi y'Amagare UCI ya 2025.

Yari inshuro ya mbere mu myaka 100 ishize, Umujyi wo muri Afurika ari wo Kigali wari uhawe kwakira iri rushanwa.

Tour du Rwanda 2026 yitabiriwe n'amakipe 17 aho ifite umwihariko wo kuba iya kabiri mu burebure bwa kilometero 993 nyuma y'iyo mu 2023 yari ifite kilometero 1129.

Muri uyu mwaka hatanzwe amasegonda azwi nka "bonifications" aho agabanywa ku bihe umukinnyi yakoresheje mu isiganwa bitewe n'icyari kigambiriwe yagezeho.

Nyuma y'imyaka umunani, Tour du Rwanda 2026 yongeye gutangirira hanze ya Kigali, ibyaherukaga mu 2018 ubwo iri rushanwa ryatangiriraga i Rwamagana akaba ari na ho hasorejwe ako gace ka mbere kavaga mu Rukomo (mu Karere ka Gicumbi) kerekeza i Rwamagana ku ntera ya kilometero 173,8.

Hari no kuzenguruka mu Karere ka Rubavu, ndetse hakaba n'agace kazasorezwa i Nyamirambo byaherukaga mu myaka itandatu ishize.

Mu rwego rwo guteza imbere iri rushanwa, Leta y'u Rwanda yatangiye gahunda yo kurizamura rikagera ku rwego rw'Isi (World Tour) mu 2027.